

## **INZIRÀ Y'UBUSORE BUNEJEJE**



**Kuva umuntu akivuka kugeza ashaje akwiriye kuyoborwa n'Imana gusa!**



**Ibyo nibyo bimuhesha umugisha wo muri iyi si,kandi na nyuma y'ubu buzima akazarama iteka yishimye!**

INZIRA Y'UBUSORE BUNEJEJE

Inyandiko ya mbere

Umwanditsi: NYIRAMUKIZA Dative

Tel: (250) 783 201 133, (250) 728 201 133, 0727649524

Email: dnyiramukiza@ymail.com

**IBIRIMO:**

1. UBUGIMBI/UBWANGAVU:IKOROSI RIRUHIJE GUKATA.....	7
1.1. IKOROSI RIRUHIJE GUKATA.....	10
1.2. BIMWE MU BIBAZO BIKUNZE KUJYANA N'IKI KIGERO.....	13
1.3. URUKUNDO HAGATI Y'ABAKIRI BAT.....	16
1.4. IMIBANIRE HAGATI Y'ABAGIMBUTSE N'ABAKUZE.....	19
1.5. KUBAKA ICYIZERE HAGATI Y'ABAKUZE N'URUBYIRUKO.....	23
2. UBUSHOBOZI BWO KWITEGEKA.....	25
2.1. AMATEGEKO Y'UMUBIRI.....	26
2.2. AMATEGEKO AGENGA IMICO N'IMYIFATIRE.....	32
3. KWIKINISHA(MASTURBATION)&KUBA IMBATA Y'IGITSINA.....	45
3.1. KWIKINISHA.....	46
3.2. KUBA IMBATA Y'IGITSINA.....	48
4. IMIBONANO MPUZABITSINA MBERE YO GUSHYINGIRWA.....	51
4.1. INGARUKA ZIBABAJE.....	52
4.2. INYUNGU ZO KURINDA UBUSUGI BWAWE.....	55
4.3. NI GUTE WAHAKANA IMIBONANO MPUZABITSINA YA MBERE YO GUSHYINGIRWA?.....	57
5. UBUCUTI N'URUKUNDO.....	63
5.1. UBUCUTI.....	63
5.2. URUKUNDO.....	66
6. KURAMBAGIZA UWU MUZUBAKANA URUGO.....	71
6.1. INAMA ZATANZWE NA PIERRE LANARES.....	72
6.2. INAMA ZATANZWE NA MAURICE THIECHE.....	75
6.3. INAMA ZATANZWE NA ZACHARIAS TANEE FOMUM.....	78
6.4. INAMA ZATANZWE NA ELLEN G.WHITE.....	81
7. UPUTUNZI BUHISHWE MU MWANA W'UMUNTU.....	87
7.1. IBIGERO BY'IMIKURIRE Y'UMUNTU N'IBIBIRANGA.....	88
7.2. BA ISOKO Y'UMUGISHA KU BAKUZENGURUTSE.....	96
8. KWIHANGIRA UMURIMO.....	97
8.1. UMUSORE N'INKUMI : RWIYEMEZAMIRIMO.....	98
8.2. NSHORENUNGUKE.....	101
IMBERE Y'INTEBE Y'URUBANZA.....	107

## IJAMBO RY'IBANZE

Umugambi nyamukuru w'iki gitabo, ni uguha urubyiruko zimwe  
mu ntwaro rushobora kwitwaza mu  
ubuzima bwarwo. Iki gitabo kizafasha ingimbi n'abangavu, gisubize  
bimwe mu bibazo bakunda kwibaza, kibarangire inyifato ikwiye ku  
bijyanye n'imibereho, imyitwarire, umurimo n'ubuzima muri rusange.  
Kizafasha abasore n'inkumi bageze igihe cyo guhitamo no gushaka uwo  
bazubakana urugo rufite icyerekezo kirambye, kandi rwiteguye kuba  
ijuru rito rizimurirwa mu rinini ubwo Yesu Kristo azaba agarutse.

Undi mugambi w'iki gitabo, ni ugufasha imyumvire y'ababyeyi, abarezi,  
Abanyamadini n'abandi bafite mu nshingano zabo imibereho y'urubyiruko,  
kugira ngo basobanukirwe n'imyitwarire ijyana n'imihindagurikire  
y'umubiri warwo, kandi bamenye n'uko bakwitwara imbere ya rwo  
nk'abantu bagikeneye inkunga y'abakuze kugira ngo bagere ku musaruro  
mwiza.

Nk'inthuti y'abasore, iki gitabo ndakibatuye by'umwihariko, nk'uko  
ibikurikira bigye kubibabwira:

Musore nkunda, akira iki gitabo, nutagita ntikizagutetereza. Kizakubera  
mudatenguha ku rugendo. Ya makorosi y'ubuzima na ka gacuri kanyerera  
cyane k'ubwangavu n'ubugimbi, kizagufasha kukamanuka utarenze  
inzira. Impanuka nyinshi zikorwa muri iki kigero n'amakosa menshi  
akibonekamo kubera kutagira ubunraribonye, kizagufasha kubisimbuka  
maze icyo kiraro (ikigero ugezemo) cyoretse benshi kubera uburangare,  
ucyambukane ishema n'isheja, inshuti, abavandimwe n'ababyeyi  
bakwizihize, musangire ibyishimo, aka wa  
ugira uti: "Ukize ubuto arabubagira."

Reka nkubwire ko iyaguhante iguhante amaso, kandi yiteguye kukuba hafi. Nubikunda, izakuyobora inzira y'ubusore bunejeje. Ntuzicuza rwose ko mwagendanye. Ubuhamya bw'abakubanjirije, Daniel, Yosefu, Rusi, Esiteri ndetse n'abandi burabikwera.

Abo basore banyuze aho rukomeye ariko batabarukanye ishema n'isheja. Reba nawe. Daniel watsindiye aho Adamu na Eva batsindiwe, irari ry'inda ntirimutware ngo rimuteshe ubupfura yatojwe akiri mutoya. Icyavuyemo murakizi, iyamuhanze yaramurinze imuha n'ibindi ntarondoye. Yozefu mwene Yakobo tuzi twese, yatsindiye ku gacuri koretse imbagi y'abasore muri iyi minsi, ndetse n'abitwa ko basenga, bakaririmba, karabahitanye. Ntiyatinye guhamya Imana imbere y'umugore ubu twakwita sugar mammy (soma shuga mami), kandi ingororano ze turazizi. Rusi umukazana ntangarugero yatsindiye aho benshi muri iki gihe binuba, ndetse ntibatinye kuvuga ko bakundanye n'umuhungu, iby' abakecure n'abasaza (ndavuga ba nyirabukwe na ba sebukwe) bitabareba. Uyu mukobwa w'umutima yagororewe kuba nyirakuruza wa Yesu, uwo dukesha twese gucungurwa. Esiteri wabaye imfubyi akiri mutoya, ntibyamuteye kuba icyohe n'icyomanzi. Uburerere bwiza, ikinyabupfura no kubaha, amasengesho ataryarya ahabanye cyane n'amwe y'umuhamango aranga benshi mu b'iki gihe, byamuhesheje kuba umutoni, abayuda bose baratabarwa kubera umwari utagira uko asa, wisunze Imana agatinyuka. Yizeye imbaraga z'isengesho, ntiyigira ntibindeba ubwo ab'ubwoko bwe bari bari mu kaga. Yashatse ubwiza buruta ubundi, ubwo ab'iki gihe bo bakerensa, bagakererezwa cyane n'ubwatumye Vashiti bamusenda. Uwavuga ay'inzuki ntiyarya ubuki. Uyu musogongero uraduhamiriza ntagushidikanya ko umusore weguriye Imana ubusore bwe, imwambika ubwiza, icyubahiro, kandi ikanamurinda. Uremera nawe kuba muri uwo mubare? Nguhaye intwaro izabigufashamo.

**"Kugira ngo abahungu bacu babe nk'ibiti  
byikuririza bakiri abasore, n'abakobwa  
bacu bamere nk'amabuye akomeza  
imfuruka, abajwe nk'uko babaza amabuye  
arimbisha inyumba" Zaburi 144:12**

Mwana wanje, niwemera amagambo yanje  
Ugakomeza amategeko yanje,  
Bituma utegera ubwenge amatwi,  
Umutima wawe ukawuhugurira kujjuka,  
Niba uririra ubwenge bwo guhitamo,  
Kandi ijwi ryawe ukarangurura urihamagaza kujjuka,  
Ukabushakisha nk'ifeza  
Ubugenzura nk'ugenzura ubutunzi buhishwe  
Nibwo uzamenya kubaha Uwiteka icyo ari cyo,  
Ukabona kumenya Imana.  
Uwiteka ni we utanga ubwenge,  
Mu kanwa ke havamo kumenya no kujjuka.  
Mwana wanje komeza ubwenge nyakuri no kwitonda,  
Ntibile imbere y'amaso yawe.  
Ni uko bizaramisha ubugingo bwawe,  
Kandi bizabera ijosi ryawe umurimbo.  
Maze uzagendera mu nzira yawe amahoro,  
Kandi ikirenge cyawe ntikizasitara.  
Nuryama ntuzagira ubwoba,  
Ni koko uzaryama kandi ibitotsi byawe bizakugwa neza.  
Kuko Uwiteka azakubera ibyiringiro,  
Kandi azarinda ikirenge cyawe gufatwa.

**Imigani 2:1-6; 3:21-26**

**"Kugubwa neza si iherezo ry'urugendo,  
Ahubwo ni uburyo bwo gukora urugendo."**

**Margaret Lee Runbeck**

### **IGICE CYA 1**

#### **UBUGIMBI/UBWANGAVU: IKOROSI RIRUHIJE GUKATA**

Abakobwa n'abahungu bageze mu kigero cy'imyaka hagati ya cumi  
n'itatu na makumyabiri, bahangayikisha cyane ababyeyi n'abarezi babo.  
Baba bageze mu kigero gikomeye cy'ubuzima haba mu myitwarire  
cyangwa mu mikorere y'umubiri wabo. Umusore wo muri icyo kigero  
aba amaze kugira ubushobozi bwo kororoka kandi aba ari kuva mu  
bwana afata imyitwarire y'abakuze.

Kuva ku myaka 14/15 imikurire ye mu bwenge iba igeze ku rugero rwayo  
rukwiye, nta kindi kiziyongeraho usibye ubumenyi butandukanye  
agenda agira kubera ubunraribonye. Ibikorwa n'amarangamutima bye,  
buhoro buhoro bigenda byisanisha n' iby'abamuboneye izuba. Kuri icyo  
kigero ni bwo agira intekerezo zidafatiye ku bigaragara gusa. Atangira  
kubona iby'ingenzi cyangwa ingingo nyamukuru zihatse igitekerezo  
runaka, ariko cyane cyane ibirebana n'itegeko. Atangira kubona ko  
kumvira buhumyi atari byo kandi agashaka umurimo unoze no kugera  
ku cyo abona ko ari ingenzi kurusha ibindi. Atangira kubona mwarimu  
nk'ugomba kumwigisha neza ibimunyuze kandi bisobanutse. Ubu noneho  
abona mwarimu nk'umuyobozi we mu bya Mwuka, ubundi akamubona  
nk'inshuti aho kumubona nk' utanga ibihembo cyangwa ibihano.

Umusore wo muri iki kigero yumva ko ubwenge afite n'intekerezo  
zidahuzagurika, bimuha ubushobozi bwo gukemura ibibazo byose

hakoreshejwe yego cyangwa oya. Ntabwo aba yari yagasobanukirwa ko hari utuntu tundi tuba twihishe inyuma y'ikibazo tugomba ubushishozi, ubwitonzi n'ubunrararibonye. Utwo twose wagereranya n'amakorosi y'ubuzima ntabwo umusore wo muri icyo kigero aba yumva ukuntu twamukerereza! Aka ya mvugo y'abajene ngo "Aho gutinda mu ikorosi watinda mu bitaro."

Ni byo koko birumvikana ko ari ngombwa kwihuta, gukora ibantu bikava mu nzira ugafata ibindi, ariko na none burya baca umugani mu kinyarwanda ngo "Iyihuse ibyara ibihumye." Kandi ngo Uwitonze akama ishashi." Uyu musore yiyumvamo ubushake butavuguruzwa mu byo agamije gukora no mu buryo abonamo ibantu. Kwiyemera, kuvuguruza iby' abandi no kumva ko bose bari munsi ye, ni byo bimuranga mu buryo bwo kugira ngo yerekane uwo ari we kandi mu bikorwa impano ze yungutse. Yumva atakwigana iby'abandi nk'abana kuko bitakijyanye n'igihe cye kandi byanamusuzuguza.

Iyi myitwarire nubwo idasanzwe ntabwo ikwiriye kuba intandaro yo kumukamira mu kitoze, kuko itamubuza kubona impano z'abandi. imico yabo myiza, ubuhanga bwabo ndetse no kubinezererwa. Ibyiza by'abandi biramushimisha ku buryo byamutera no gukora ibidasanzwe kandi birenze ubushobozi bwe nyakuri.

Intangiriro y'iki kigero cy'ubugimbi n'ubwangavu irangwa no kwishimangira kw'imico yagiye imuranga mu bwana ku buryo noneho ushobora kumureba ukamenya icyerekezo cye, amarere ye n'uruhande abarizwamo.

Kuri we si igitangaza kujora no guciru urubanza ababyeyi be, kuvuguruza cyangwa kwanga rwose ibyifuzo byabo ku buryo byanabagonganisha.

Uko kutavuga rumwe rero ntigukwiriye kuba intandaro y'amakimbirane kuko ahubwo ari ikimenyetso cy'uko uwo musore ari gushakisha uwo azaba we kandi bikaba ari byo bimubashisha kugira ubushobozibwo guhitamo.

Gushaka ibintu bitunganye ni yo ntego ye ku buryo usanga akensi yivumburira isi kuko yayisanzehe nta ruhare abigizemo, kandi ikaba idatunganye ahubwo akensi ikaba imubikiye ibinyuranye n'ibyo yibwiraga. Gutahura amakosa n' ibidatunganye bikorwa n'abo yibwiraga ko bamubera urugero rwiza ni byo kenshi bitera abahungu kwivumbura no kwigaragambya.

Dore ibyemezo umusore nk'uwo watunguwe n'uko ari ku isi idatunganye afata:

- ❖ Sinshobora kuba mu isi imeze itya, ngomba gutandukana nayo, ntitugire aho duhurira.""
- ❖ Iyi si ikabije kuba mbi ngomba gukoresha imbaraga zanje zose kugeza aho ubushobozibwo bwanje bwose bugarukira nkayihindura. Mwirinde hatagira untangira!"

Uyu musore wa mbere ni umurakare, arivumbura kuko aba yumva akababaro n'akarengane agirirwa n'isi gakabije ku buryo ashakisha uburyo bwo kuyihunga: ashaka ubuhungiro mu kwigunga, gutorcoka, ibiyobyabwenge, uburaya, amasengesho. kwiyahuran'ibindi.

Uwa kabiri ni umugorozi, ashaka impinduka, yumva yaba intumwa. umugiraneza ufasha abantu, ariko nanone yaba mu bigaragambya, abanyakavuyo na ba bandi bazatwaza igitugu mu gihe kizaza.

Hagati y'ayo matsinda yombi harimo ikivunge kitabarika cy'abatagira icyo bitaho, abatazi gufata ibyemezo, ba nyiranjiyobigiye n'intama zibereye aho.

## **1.1. IKOROSI RIRUHIJE GUKATA**

Umusore ugeze mu myaka hagati ya 13 na 20, nk'uko twabibonye haruguru, aba afite imyumvire ihabanye n'iy'ababyeyi be ku buryo kenshi usanga binuba bagira bati: "Ab'iki gihe we!" Aha rero abakuze ntibakwiye kubona ko ibintu byacitse kuko nyine ni cyo gituma bamwe ari abana abandi bakaba ababyeyi. Ntibikwiriye gutungurana rero ko n'imyumvire yabo itandukanye. Ntabwo umusore yakwihanganira na gato kunyurwa manuma kuko nawe aba ashaka kugaragaza ko atakiri umwana, kandi ko hari ibitaragezweho yiteguye kugeraho byanzé bikunze. N'ubwo aba atazi ko intumbero ze, ndetse n'ubwuzu bwe akensi biba bidaherekejwe n'ubunararibonye, ingufu ze, amatsiko ye ,yumva ku bwe ntawamukoma imbere!

Imisemburo yo mu mubiri we iba iri ku kazi katoroshye wagereranya no gushyira igisenge kizaba mwikorezi w'igorofa rizakomeza kuzamuka. Amagorofa ajyaho wayagereranya n'inshingano ziremereye zimutegereje mu bihe bizaza.

Muri iyi myaka ni bwo umuhungu atangira kubona ibimenyetso bimutandukanya n'abana, nko kwijugunya ukabona yabaye umusore, kuniga ijwi, kuzana ibishishi mu maso, kumera ubucawkaha, impwempwe n'imisatsi ku myanya ndangagitsina, kwaguka kw'igituza no kumera ubwanwa. Kwioteraho, bigaragaza ko intanga z'imyororokere (intanga ngabo) zatangiye gukura akaba ashobora gutera inda igihe akoze imibonano mpuzabitsina.

Umukobwa ugeze muri iki kigero na we hari impinduka yibonaho ku mubiri nko kumera amoya mu kwaha no ku myanya ndangagitsina, gupfundura amabere, kwijugunya agahinduka

agakumi, kujya mu mihango ari byo bigaragaza ko ashobora gutwita  
aramutse akoze imibonano mpuzabitsina.

Ibijyanye n'amarangamutima yabarangaga mu bwana birahinduka,  
batinda mu ndorerwamo bireba, bibaza cyane .ku biri kubabaho.  
Biyumvamo imbaraga ibakururira ku kugirana umushyikirano  
udasanzwe n'urungano cyangwa undi muntu badahuje igitsina, n'ubwo  
ubucuti n'abo bahuje budahagarara. Uwo mushyikirano iyo ubereye mu  
bwihugiko, iyo ubaye urukururano rwa hato na hato, akensi urangirana  
n'ibikorwa byo kwiyandarika bishobora kuzana ingaruka zibabaje  
kandi zititeguwe. N'ubwo ubucuti n'ubo mudahuje igitsina ari bwiza,  
ni ngombwa kwitonda ukumva inama kuko ubwonko buba butaragira  
ubushobozi bwuzuye bwo kwikorera imizigo iremereye y'ubuzima.

Igice cy' ubwonko gifasha gufata ibyemezo bizima, kiyungurura  
kigasigarana ibizima gusa, kigakumira ishyirwa mu bikorwa ry'ibabajemo  
n'uko bije, muri iyi myaka kiba kitaragira ubushobozi buhagije. Mu myaka  
ishyira makumyabiri ni bwo ubwo bushobozi umuntu aba abwifitemo  
iyo nta zindi nzitizi yahuye na zo. Mbere yaho aba ahubuka, yumvira  
ibimujemo nta rutangira kandi yumva ari ryo shema rye kuko yemeje  
abantu bakamurangarira. Mu myambarire, mu ngendo, mu mvugo,  
mu ndoro, mu mirire, ndetse no mu buzima rusange, akensi usanga  
harimo gukabya ari na yo mpamvu umunyarwanda yaciye umugani ati:  
"Ugendana n'abasore yitwaza ubwungo." Arongera ati: "ukize ubuto  
arabubagira."" Umusore we ati: "Aho gutinda mu ikorosi watinda mu  
bitaro!" Kandi ati: "Ndabikoze jyewe, ikizaba nzanywa umuti ikindi  
kizaba nzanywa amasubyo!"

Ni byo koko inzozi zanyu mukwiye kuzikabya, kandi abababoneye  
izuba bagomba kubumva, ariko mwibuke ko mugeze mu ikorosi  
ritoroheje na buhoror kandi riri ku gacuri kanyerera cyane k'ubuzima!  
Mwirinde ibirangaza! Muri mwe hagurumana ubushake bwiza n'ububi,

mumeze nk'inkono iri kubira ita ibipfundikizo kubera umuriro mwinshi  
kandi amarangamutima yanyu biroroshye kuyajyana aho bashaka.

Nk'uko urunyogwe rworohera umutetsi kandi ntirumumarire inkwi,  
ndetse rukamutwara igithe gito arutetse, nk'uko ruryohera abarurya  
ariko ntiruhingwe kuko rutaruma, ni ko namwe mworohera kandi  
mukaryohera ababashuka. Nk' uko igisenge cy'igorofa kitumye  
cyakononekara ukizamuriyeho inyubako cyangwa ugakuraho bya bindi  
bitangira urwo rusukume, nk'uko abacyubaka batarangara cyangwa ngo  
bemere ibbarangaza batararangiza iyo nshingano ikomeye kuko byateza  
ingaruka zitoroshye zirimo no guhirima kw'igorofa, ni ko uburangare  
bwo muri iki kigero bushobora gutera kwangirika gukomeye k'ubuzima.

Muri beza ku mubiri, mugaragara ko mufite igikuriro, itoto ndetse  
n'igikundiro, ariko ni byiza kwitondera iki kigero. Murimo murata  
ubwana musatira ubukuru, kandi kuri icyo kiraro (ubugimbi cyangwa  
ubwangavu) utitonze waharohamira ukazimira burundi cyangwa  
ukangirika bimwe bitagira igaruriro! Nk'uko umuceri ubirira mu ziko,  
uta ibipfundikizo uba utaragera isaha zo kugaburwa, nk'uko uba ukeneye  
akariro gake kugira ngo ushye neza, ni ko namwe mutaragira imyaka  
y'ubukure ibemerera kwikorera inshingano z'abantu bakuru nko gukunda  
(guhitamo uwo muzarwubakana), gushinga urugo, kubyara, kurera...  
Icyo mukeneye cyane ni abababoneye izuba biringirwa bo kubaha inama  
zubaka, zikabagabaniriza ubukana ntimwishore mu ruzi murwita ikiziba.  
twazigereranya n'akariro gake na feri mu ikorosi ry' ubuzima  
mugezemo kuko riri ku gacuri kamanuka cyane. Kubera ko imisemburo  
ituma musoreka iri ku kazi katoroshye, kandi ikaba ibategurira  
kwambuka ikiraro kinini cy'ubugimbi n'ubwangavu, kiri hejuru y'uruzi  
runini rusuma cyane rw'ibishuko n'ibirangaza, murasabwa ubwitonzi,  
ubwenge n' ubushishozi buva ku Mana mbere yo gufata icyemezo icyo  
ari cyo cyose cy'ubuzima.

## **1.2 BIMWE MU BIBAZO BIKUNZE KUJYANA N'IKI KIGERO**

### **Kwisuzugura**

Kwiyumvamo ko bose bakurusha no kwisuzugura ni bimwe mu bintu abagimbutse bakunze guhura na byo, cyane cyane abakobwa. Ibyo bikunze kugaragazwa no gusubira inyuma mu ishuri, kwiyumvamo intekerezo zidatuje, ibibazo mu mibanire n'abandi, ndetse no kudashobora kuzuza inshingano zikureba.

Ababyeyi n'abarezi ndetse n'abakuze muri rusange, bagomba kwitonda cyane kugira ngo be gutesha agaciro ubushobozi n'ibiza abagimbutse bafite. Ni byiza kubashimira ibyiza bageraho ndetse no mu gihe batabitekerezagaho ukabatungura ubashimira kuko bibagiraho ingaruka nziza mu buryo butangaje.

### **Imyifatire mu muryango**

Mu gihe cy'ubugimbi ibintu mu rugo birahinduka. Kuri iki kigero ababyeyi bagomba guhindura uburyo bakoreshaga mu kurera. Igitugu gishobora gukoreshwa mu bwana, ariko gikomeje mu bugimbi nta musaruro byatanga. Ubu noneho ni ugutanga ibyifuzo, kujya inama, gutega amatwi no kumva uyu musore, kuko haramutse hakoreshejwe igitsure cyangwa igitugu, uyu muhungu cyangwa umukobwa yakwivumbura ndetse agafafa inzira zidashobotse. Ibi ariko ntibishatse kuvuga ko umubyeyi agomba kureka bakamuyobora, ahubwo itegeko rye aritangana ubushishozi n'urukundo ku buryo umusore aryubahiriza ativumbuye.

### **Amanota mu ishuri**

Muri iki kigero haba ubwo amanota y'abagimbutse ahungabanye. Ababyeyi basabwa rero kubaba hafi, bakabashyigikira mu bihe byo gucika intege no gutungurwa n'ibibabayeho batari biteze. Ni byiza kubibutsa kandi bafite kwihangana kudacogora ko amanota yo mu ishuri

ari ingenzi cyane. Si byiza kuba terera iyo. Kwegerana n'abarezi no gufatira ingamba hamwe ni ikintu cy'ingenzi cyane. Uburakari kuri iki kigero si bwiza kuko buhoro buhoro ibihangayikishije bigenda bishira ibantu bigasubira mu buryo.

### **Ubucuti n'urungano**

Ku kigero cy'ubugimbi, kuba mu rungano biba ari ikintu kibatwaye umutima cyane. Si byiza guhagarika umutima cyane kuko nabyo bibafasha mu kubaka amarangamutima yabo akaguma ku rugero rukwIye Mu itsinda rya bagenzi be ni ho abagimbutse bibona, bakaganira ibyabo mu buryo bwabo. Icyaba kibi ni igihe bahisemo inshuti zitwara nabi aho zituye, ntizikurikize indangagaciro na kirazira zigenga umuryango mugari zibarizwamo. Igihe bibaye bityo ababyeyi bagomba gutangirira hafi bakabafasha guhindura inshuti bakajya mu itsinda rifite imico yubaka aho gusenya.

### **Ibiyobyabwenge**

Mu kigero cy'ubugimbi ni ho abantu benshi binjirira mu biyobyabwenge, mu mikino nk'urusimbi, amakarita, za tombola n'ibindi bisa na byo. Kugira ngo uyu musore atibona yageze muri ibi ni ngombwa ko ishusho Yiha mu bandi iba ari nziza. Ni byiza kumufasha kwiyumvisha ko ari umuntu w'ingenzi kandi ko akwiye kugira ibimutwara (ibimurangaza) byiyubashye. Ababyeyi bagomba na bo kubigiramo uruhare bakamufasha mu buryo bw'imibanire n'amarangamutima, bakamufasha mu gushobora gukoresha igihe neza ndetse no kwibwiriza.

### **Ibitsina**

Igihe cy'ubugimbi n'ubwangavu ni igihe gitera abana babwinjiyemo kwibaza byinshi, nyamara ugasanga abantu bakuru ntibitaye ku kubasobanurira ibirimo kubabaho n'impamvu yabyo. Ibi bikaba biterwa ahanini ni uko

usanga uku guhinduka kwerekeza ku  
mibonano mpuzabitsina, kwivanga no kuba bagihuzagurika ku mibanire  
Imiziro n'imiziririzo,yabo n'abandi, cyane cyane abantu bakuru.

usanga bituma abantu bakuru babura aho bahera babasobanurira,  
kuko binababangamira cyane. Ibi rero bituma uyu mwana yibaza  
byinshi ku bantu bakuru, ndetse akagerageza kubishakira igisubizo  
ntawe ubimufashijemo bikaba aribyo bimuha uko azitwara mu gihe  
cy'ejo hazaza. Uko yitwaye muri icyo gihe ni byo bimutegurira  
kugira imyitwarire y'umugabo cyangwa umugore azaba.

Ku bijyana n'imibonano mpuzabitsina, iki gihe cy'ubugimbi  
n'ubwangavu kiba kigoye kuko usanga ibyo uyu mwana yifuje byose  
ashaka no kubishyira mu bikorwa. Aba yumva akeneye kwigenga, kandi  
yumva ko yakuze. Ubu noneho ibijyana n'ibitsina kuri we byakuze  
ndetse afite n'irari ryo kubikoresha ariko ubushobozi bwo kubana  
n'abantu muri rusange, cyane cyane abantu bakuru bwo ntarabugira. Ibi  
hari abo bitera kuba bakwijandika mu biyobyabwenge, mu mibonano  
mpuzabitsina, cyangwa se mu nzoga. Bityo ugasanga bigize ingaruka ku  
bantu bari bakwiriye kuzaba bo no ku cyerekezo cyiza bari kuzagira.

Hari n'abumva abantu bakuru badashaka kubumva kandi bo babonaga ibyo  
bakora ari bizima, bakabura ababasobanurira, bityo ugasanga hari abo  
biviriyemo kwiyahura, cyangwa se ugasanga abandi bahindutse ibyihebe.  
Ubugimbi n'ubwangavu ni igihe gikomeye, ku buryo ababyeyi bafite abo  
bana bakwiriye kubaba hafi no kugerageza kubumva, bakabasobanurira,  
bityo bakabafasha kuva mu bwana neza berekeza ku kuba abantu bakuru.

Muri iki kigero si byiza na gato kujya mu gukundana bigamije imibonano  
mpuzabitsina cyangwa kubaka urugo, kuko uretse no kugira ingaruka  
ku buzima, byangiza intekerezo ndetse bikanaburizamo intumbero nziza  
z'ahazaza nk'uko tuzabibona mu bika bikurikira.

### **1.3. URUKUNDO HAGATI Y'ABAKIRI BATÓ**

Abasore b'imyaka hagati ya 12 na 24 baba bageze mu kigero cyo kugira ubushobozí runaka ku byerekerenye n'imyororokere, ariko baba bataragera ku rugero rwuzuye rw'ubukure. Baba bavuye mu bwana bagana ku myitwarire y'abakuze. Baba bahanganye n'ibibazo badafitiye ubushobozí bwo kubikemura bari bonyine.

Muri ibyo igikunze kwigaragaza cyane ni ikibazo cy'urukundo n'ubuzima bw'imyororokere.

Kuba abakuze badakunze kuganiriza abasore ku buzima bw'imyororokere kandi abasore babufitiye amatsiko menshi, bitera abo basore kwishakira inzira aho babonye hose no mu buryo babonye bwose kugira ngo bagire icyo babumenyaho. Ikibabaje rero, ni uko kenshi abantu bamaze gutakaza ubushobozí bwo gukunda, batakgira indangagaciro z'ubumuntu nyabwo ari bo bababera abigishabakabaha ipica itari yo y'urukundo. Filime nyinshi zivuga iby'inkundo, zigaragaza umugabo nk'umuntu w'umunyagitugu, ukoresha amafaranga ngo abashe kwigarurira abo badahuje igitsina; zikagaragaza igitsina gore nk'abantu bagomba kwigurisha bityo ubwiza bw'inyuma bukabatwara umwanya munini cyane n'umutungo mwinshi badafite kugira ngo babone isoko.

Indirimbo z'abahanzi nyinshi ziririmba uburanga bw'abakobwa zikabatera guhora bashakisha ibyatuma batava ku gihe kabone n'ubwo ubuzima bwabo bwahazaharira. Ikibabaje kurusha ibindi ni uko abo bana b'abakobwa bibwirako umugabo uzabashaka azahora arangajwe n'ubwiza bwabo n'uko bateye maze ubuzima bukaba ubwo. Uko ni ukwhihenda gukabije kandi gutumye ubuzima bw'umuryango butakinezza.

Gukunda imburagihe (igihe kitaragera), ni ukuvuga umuhati ukabije w'abasore n'inkumi bakiri bato wo gushaka gukora nk'abantu bakuze,

gushaka no guhitamo umukunzi ukiri mu myaka cumi na...byangiza  
rwose amarangamutima yabo, bikabahindura imbata z'ibitagira umumaro.  
Uko imibiru yabo iba igihindagurika ni na ko intekerezo zabo ziba ziri.  
Ibyo wishimiraga mu myaka 16 ushobora gusanga bitakigushimisha ku  
myaka 20 ku buryo rwose wanahitamo kubitwika. Uko ni ko bimera no  
ku ndangagaciro zagukuruye; igithe gishobora kugera ugasanga bwari  
ubupfu n'ubusazi bukabije.

Dore zimwe mu nama zihabwa umuhungu n'umukobwa bo mu kigero  
cy'imyaka cumi na... ku byerekeranye n'ubucuti hagati yabo...:

"Musore, buhoro buhoro urimo uraba umugabo, ariko uracyari kure  
yo gushinga urugo. Mu gihe rero ugitegereeje, ugomba kwitwara  
nk'umunyabwenge, ukitonda. Ibyo ntibishatse kuvuga ko utagomba  
kubana n'abakobwa kuko ari ngombwa kubamenya. Ufite umudendezo  
wo kubana n'abo ababyeyi bawe bazi n'abandi uzabamenyesha ariko  
hari amategeko y'ubuzima kandi y'ingenzi cyane ugomba kubahiriza  
niba ushaka kwirinda ingorane wazahura nazo uramutse wishoye mu  
buzima bushobora kurangizwa no guhemukirana ndetse n'amarira aho  
kunezerwa. Amwe muri yo ni aya:

- ❖ *Ntugahurire n'umukobwa mu bwiugiko aho ababyeyi bawe  
n'abe batazi.*
- ❖ *Umukobwa ntakagutware igithe wageneye ibindi(kureka  
amasomo, akazi, kureka gusinzira igithe cyagenewe ibitotsi...).  
Kwica gahunda wagiranye n'abandi kubera umukobwa ni ikosa  
rikomeye cyane ukwiye kugendera kure.*
- ❖ *Ujye wirinda imyitwarire yatuma umukobwa muri kumwe abandi  
bamubona nk'utagira umutima cyangwa ubwenge. Si byiza rwose  
kumugaragaza nk'umwasama kubera inyifato yanyu mwembi iyo  
muri kumwe.*
- ❖ *Jya wiybaha mu biganiro ugirana n'abakobwa, ntukifate*

*uko ubonye cyangwa ngo witware nk'igihubutsi. Umusabano ukabije n'abakobwa si mwiza: umukobwa yagutera ubwuzu ariko ntiwemerewe kumukorakora no kumusoma. Ikiganza cyo kumushima yakoze neza kirahagije ariko ibindi biggeretseho bibahindukira ikiyobyabwenge.*

'Dore bumwe mu buryo umukobwa yakoresha kugira ngo yirinde ubucuti n'abahungu badahwitse:

- ❖ *Fata umwanzuro wo kutagira icyo ukora mu byo usabwe n'umuhungu wumva umutima wawe udatuje, ufite ubwoba cyangwa umutima ugusimbuka. Umukobwa wiybaha azatuma n'abandi bamwubaha. Imyitwarire irimo ikinyabupfura ishobora gukundwa n'abandi kandi bikerekabantu ko nta kindi cyera cyirabura kibyihishe inyuma. Si byiza kumenera umuhungu amabanga y'ibikubaho byose udasobanukiwe cyangwa ay'ibyemezo iwanyu bagufatira baramutse bamenye ko mwuzura kuko hari igihe byaguteza ingorane aramutse ari umuntu udashobotse. Samusoni yogoshwe umusatsi kubera kumena ibanga (Abacamanza 16:4-21). Wirinde nawe utazagwa muri uwo mutego.*
- ❖ *Irinde kugenderana n'abasore bafite imyitwarire n'ibyo bavugwaho bikemangwa kandi batagira icyo bitaho. Muri make bashobora kwica inshingano kubera bahuye n'umukobwa.*
- ❖ *Irinde kwishyira ahantu cyangwa mu bintu bishobora gutuma utwarwa ntushobore kwikontorora. Ibyo ni nko kunywa ibisindisha cyangwa ibiyobyabwenge, kureba udufilime tugutwara intekerezo tukazigeza kure, kubana mu bwihugiko n'umuhungu, kugendana cyangwa kuba kumwe n'umuhungu*

*mu masaha y'ijoro...*

- ❖ *Menya ko nta we ukina n'urukundo. Umenye kandi ko umutima ushengutse uba ubibaye by'iteka ryose. Ubusugi buratakazwa ntibugaruka, kandi ubugore bw'imburagihe bushengura umutima bukangiza icyizere cyawe n'intumbero z'ahazaza".*

#### **1.4. IMIBANIIRE HAGATI Y'ABAGIMBUTSE N'ABAKUZE**

Ababyeyi benshi n'abakuze muri rusange ntibumva uburemere bw'impinduka zigaragara ku mwana mu ntangiriro z'ubugimbi cyangwa ubwangavu. Uwo ubari imbere si umwana wakuze ahubwo ni umuntu mushya ufile ibitekerezo, amarangamutima, ibyifuzo bishyashya n'imyumvire y'ubuzima ihabanye rwose n'iya mbere.

Igikwiye rero hagati y'ababyeyi n'uwo musore w'umugenda ni ukugaragarizanya urukundo, kwitabwaho ndetse n'ubwubahane. Ni byiza kwiyumva mu rugo kandi wumva utabangamiwe. Igihe uwo musore ukiri muto atanze igitekerezo cye kandi kikaba kibusanye n'icy'ababyeyi, ntibakwiye kumusubizanya uburakari cyangwa kumusuzugura. Igitekerezo cye gishobora kuba gipfuye, ariko igikwiye ni ukwerekana ikindi kigaragaza ko yihenze kandi mu buryo bwiza burimo kubohana nk'uko bigenda iyo muri kumwe n'abakuze bagenzi banyu. Si byiza kumutwara ukoresha imvugo isesereza nka "umva uko cyabaye, nari ngatangaye ibindi byakuvamo..." Ni byiza kwita ku bibazo umusore abaza no kubiha agaciro. Ntukagerageze kuburizamo ibitekerezo bye uvuga ko ari bibi kuko wamutera kutongera kugira icyo agutangariza nyamara akazabibwira abandi. Uburere nyabwo umubyeyi yaha ingimbi cyangwa umwangavu, ni ubutuma ashobora kwiyobora akamenya guhitamo ku giti cye kandi ubushake bwe bwo gukora icyiza bukiyongera. Ibihabanye n'ibyo nta musaruro mwiza bitanga.

Inkoni n'ibindi bisa na zo, intonganya kuri bene uyu musore ni nk'igitutsi gikomeye. Uyu ni umwana ukuze, ariko udafite ubunararibonye, ashobora gukosa nk'uko natwe byatugendekeraga muri icyo kigero, kandi kwihangana kwe, n'ubutwari bwe ntibiragera ku rugero rukwiye n'ubwo abigerageza. Ni byiza kumugaragariza ko mwiteguye kumufasha kugira ngo atongera kugwa muri rya kosa. Kumwereka ko mumufitiye icyizere ni ikintu cy'ingenzi cyane kimutera umwete wo kutongera kugwa mu ikosa rimwe n' irya mbere.

Kwita ku byo uwo musore akora, kubiha agaciro, n'ubwo byose mutabifatanya, ni ikintu cy'ingenzi cyane. Uko byagenda kose gerageza kumenya ibimubaho n' ibyo atekereza ku ngorane ahura na zo, kandi we guhora umubwiriza icyo agomba gukora n'uko agikora. Mubere neza, muhe inama igihe ari ngombwa umushyikirano wanyu uzaba mwiza. Ingorane ikunda kuvuka hagati y'abagimbuse n'ababyeyi ni ukwiyumvisha ko batakumva. Bishora kuba ari byo cyangwa ari ubwoba budafite ishingiro.

#### **1.4.1." Ntibanyumva"**

Abakuze barega urubyiruko ko rutumva narwo rukabarega ko batarwumva. Birumvikana ko umuntu uwo ari we wese nta bushoboz iifitemo bwo kumvikana n'undi ijana ku ijana, ariko na none hashobora kuba harimo gukabirizanya muri iyi mvugo yabaye gikwira hagati y'abakuze n'urubyiruko. Birashoboka ko ku rugero runaka umusore batamwumva, kuko kwijugunya kwe mu kanya gato bari bamuzi nk'umwana bituma bamwitiranya. Mu gihe kandi bari batangiye kumwumva, na none aba ahindutse undi!

Rimwe na rimwe abasore baba bafite ishingiro iyo bavuga ko abababanjirije batemera ko mode, akamenyero n'umuco bishobora

guhinduka. Ni ibisanzwe ko umuntu buri gihe ashaka impinduka, ntahore mu bintu bimwe. Agira ibyo agerageza bishya akagira n'ibitekerezo wenda bitatanzwe n'abandi. Gusa na none ntitwabura kunenga ababikora nkana bagamije gusa gutandukana n'iby' aba kera no kwerekana ko bo batabikozwa kuko byacyuye igihe nta sesengura no gushyira mu gaciro bagaragaza.

Umusore cyangwa inkumi aramutse ansanze akambwira ko batamwumva dore uko namusubiza: "Ese iyo uvuga ko batakumva ubu wemeza rwose koko ibyo ufite mu ntekerezo? Aho wenda ntushaka kuvuga ko batemera ibyo ukora cyangwa uvuga"? Emeza rwose ko ushaka kwemerwa kurusha uko ushaka kumvwa. None se ushaka ko bemeza ko uri mu kuri wangiza umubiri wawe ukoresheje ibidakwiriye nk' inzoga, itabi,.... urara mu kabyiniro bukagukeraho, wangiza uruhu rwawe ukoresha amavuta atujuje ubuziranenge, ukarya bagenzi bawe umutima ubabeshya urukundo utigirira ?"

Ayo makosa yose n'andi asa na yo, ndemeza ko uyakora kuko ari mu mwuka duhumeka, mu ibumba dukozwemo kandi cyane akaba akojeje isoni kuko urungano rwawe ari rwo rwakubereye urugero! Ni byo koko ndumva intandaro y'ibyo ukora, ariko umutimanama wanaye ntunyemerera kugushygikira. Nawe ubwawe ntiwiyumvamo rwose ko ukora neza. Ndemeza ko muri wowe harimo ubushake bwo gukora ibybaka kandi mu buryo bwiza. Kenshi useka washakaga kurira, ujya muri sinema ugira ngo wiyibagize akamenyero katajya gahinduka uhoramo, ushyuhirana mu by' ibitsina ugira ngo wibesheye urukundo umutima wawe wifuza. Muri rusange ni uburyo bwawe bwo kwihumuriza ariko na bwo budafashe.

"Ikigukwiye rero kirenze kure ibyo ngibyo urimo. Ukeneye kwigirira icyizere cy'uko burya nawe uri ingirakamaro, ufite uruhare mu gutuma ahakuzengurutse hishma, hagira amahoro kandi hagatera imbere.

Ibyo rero nk'uko ubibona ni byo n'ubutumwa bwiza bwa Yesu kristo butwigisha. Ni we wenyine ushobora kuguha kunyurwa kuko azi ibyifuzo byawe uhereye mu mizi yabyo kandi ashobora guhindura kamere muntu akayambika iye ya Mwuka ituruka mu ijuru.

#### **1.4.2.Ese koko ababyeyi bakarishye, bitwara nabi bakwiye kubahwa?**

Umwangavu witwa Ginette yaranditse ati "Papa arasinda cyane. sinsinzira kubera intonganya ze zihoraho na mama. Mba ndi mu buriri bwanje ndira, kandi sinabibawira kuko mama yanyica." Bibiliya na yo iti "Wubahe so na nyoko...." Jye mbona iri ukunsaba ibidashoboka." Ababyeyi batagira icyo bitaho, b'abasinzi, abasambanyi, abanyamahane, abanyarutoto, kandi bahora batongana, barwana.

Ni byo koko biragoye, kuko hari n'abo binanira kandi ababyeyi babo ari beza nkanswe abafite ababyeyi badashobotse. None se ubwo bigoye, tuvuge ko bidashoboka? Bibiliya ivuga ko "ijisho ry'useka se, akanga kumvira nyina, rizanogorwa n'ibikona byo mu bikombe, kandi ibyana by'ibisigaizarimira."Imigani 30 17. Yongeraho igira iti "Umvira so wakubyaye, kandi ntugahinyure nyoko ageze mu zabukuru."Imigani  
23 :22

N'ubwo ababyeyi bawe bari kure y'ubutungane, bashimire ko inda yawe batayikuyemo; mu buryo bwiza cyangwa bubi, barakureze urakura ntibaguta gihuru na n'ubu baracyagutunze n'ubwo ahari ubona ko hari ibyo birengagiza. Yeee, koko hari ibyo bavuga bidatunganye, hari urugero rubi bakugaragariza mu mico no mu myifatire, ariko ntiwirengagize ko ibyo bavuga n'ibyo bakora byose atari bibi, harimo ibifite akamaro kanini udakwiye gusuzugura kandi bikwiye kugutera kububaha no kubarutisha abandi rwose. Kububaha no kutabihenuraho ni urufunguzo rw'imigisha kuri bo no kuri wowe.

Ni bwo buryo bwiza bwo kwiteganiriza kuzubahwa nawe nuramuka ugeze  
aho bageze, ufite abo wibarutse ushaka ko bakubaha bakagushajisha neza.  
Wirinde ko uburakari bwagutera kubahuka ejo nawe utazasarura icyo wabibye.  
Ibyiza ni uko wagerageza kubabarira no kwibagirwa ibikorwa byabo  
bigukomeretsa. Aho kugira ngo uhore ubyibazaho biguteshe umutwe,  
tinda ku byiza bakugirira no ku mpano zabo nziza muri rusange. Wibuke  
ko iyo batabaho nawe utari kubaho.

### **1.5. KUBAKA ICYIZERE HAGATIY' BAKUZE N'URUBYIRUKO**

Icyizere hagati y'urubyiruko n'abakuze ni ikintu cy'ingenzi cyane kugira  
ngo bashobore gushyikirana. Iyo babashije kuganira buri wese yubashye  
undi, amuhaye igihe, bari ahantu hatuje kandi hisanzuye, bakavuga ku  
bibareba kandi bibashishikaje, ibyiza byabo bihatse ibindi, ibyo bifuza  
kugeraho, ndetse n'intege nke zabo bakazivugaho bubahanye nk'uko  
babigenza iyo bari kumwe n'inkoramutima zabo, biranezeza cyane ariko  
cyane cyane binezeza udafite ubunraribonye bigatuma rwose ahinduka  
umunyabwenge.

Abakuze kenshi barafudika iyo bagaragaza ko nta gihe bafite, kobihuta,  
kandi ko bafite ibindi bibatwaye ingamira kuruta guha agaciro umwanya  
ukwiye wo kuganira n'urubyiruko. Si byiza rwose kumva uyu musore  
ukiri muto uhugiranye wumva ko nk'umwana agomba kuvuga ibyo  
avuga akakuva mu maso. Na none kandi si byiza kumwereka ko buri  
gihe uhari kugira ngo umuhe ibitekerezo agomba kugenderaho nk'aho  
we nta na kimwe yaguha. Ni byiza kumwereka ko na we afite uruhare mu  
mihindukire y'ibantu, kandi ko afite muri we ubushobozi bwagira byinshi  
buhindura bikarushaho kuba byiza kandi bikanogera abamuzengurutse.

Iyo nta bwuzu ugaragariza umusore igihe muganira, ntukitege umusaruro  
mwiza. Isano nziza mugirana imuha isura cyangwa ipica y'abantu muri

rusange n'inyifato ya bo.

Icyo cyizere, uko kutishisha, iyo nyota yo gukenera ubufatanye  
bw'abamurera, byanze bikunze ni na byo azagaragaza ahamuzengurutse.

### **Indangagaciro n'amahame**

Ingimbi n'abangavu baba bageze ahantu ho kwibaza ibibazo byinshi  
ku bijyanye n'imico n'imyifatire. Bibaza cyane ku biri ukuri ndetse no  
ku bidashobora guhinduka. Niyo mpamvu ababyeyi batagomba na gato  
kureka gushimangira indangagaciro zikwiye mu buryo bw'imishyikirano  
ariko butemera kuvuguruzwa. Ikindi kandi gikomeye, abakuze bagomba  
kuba indorerwamo y'ibyiza bashaka kubona mu bana babo bababera  
urugero rwiza bityo bakabigiraho.

**Ni gute wacengeza indangagaciro n'amahame ngenderwaho mu  
rubyiruko? Umwanditsi witwa Julian Molgosa mu gitabo cye cyitwa  
Un esprit positif ( Intekerezo ziboneye) Yatanze inama zikurikira:  
Ku basore b'ingimbi n'abangavu.....**

- Ntugahore uca iteka, gira ibyo wihanganira. Gira ubworohere, tega amatwi kandi wibavunisha birenze.
- Ba intangarugero mu byo ushaka ko bakora (kora ndebe iruta vuga numve).
- Wibuke guha agaciro icyifuzo cyabo cyo kwigenga mu gihe bagaragaza ibitekerezo byabo.
- Wikwirengagiza ko bari gukura bashaka ibisobanuro byimbitse.
- Ntugate umutwe kubera inyifato idasanzwe bashobora kwadukana, buhoro buhoro iyo mubyitwayemo neza iyo myitwarire irishira.
- Ibyo mutemeranywaho bigaragaze mu kinyabupfura; bubahe kandi ubereke ko ubahaye agaciro.

Mu gitabo cye yise Les adolescents et leurs parents (Ingimbi/Abangavu

n'ababyeyi babo), Julian Molgosa yatanze amategeko icumi agenga

- umushyikirano hagati y'umubyeyin'umwana w'ingimbi/umwangavu.
- Mwumve mbere yo kumubwira
- Wirangara muganira
- Wimutonganya cyangwa ngo umurakarire mu mvugo
- Muhe umwanya muganire
- Wihangayika kuko ubona asigaye akunda kwicecekera
- Menya ibimukwiye, mushime bigaragare azamenya ko uri hafi ye.
- Ntugahore utinda ku gitekerezo kimwe.
- Wifunga ikiganiro mu mvugo yawe (koresha: "nguteze yombi, mbwira, ni uko rero...,ubibona ute?")
- Mugire inama, umuburire mu rukundo
- Emera ikosa ryawe igihe wamukoshereje kandi umusabe imbabazi

### **Icyitonderwa**

Ku mukobwa w umwangavu ni byiza kumenya imihindagurikire  
y'umubiri we kuko hari igihe imutera guhangayika, gucika intäge  
no kubura ibyiringiro.Ibyo bishobora kuba intandaro yo kunanirwa  
gukontorora amarangamutima ye kandi bikabya cyane hagati  
y'amatariki y'igihe cy'uburumbuke n'igihe cy'imihango.

### **IGICE CYA 2**

#### **UBUSHOBOZI BWO KWITEGEKA**

Basore nkunda, isi turimo yuzuyemo ibirangaza n'ibitwara ubwenge  
bw'abakiri bato ku rwego rwo hejuru. Kristo ntafite aho yarambika  
umusaya mu mibereho yanyu, kandi uko imperuka irushaho kutwegera  
ni ko umushukanyi arushaho gukaza umurego ngo ayobye n'intore  
niba bishoboka. None se ninde uzahagarara adatsinzwe ? Ubutwari  
nk'ubwa Yozefu (Itangiriro 39 :9-12) washoboye gutsinda igishuko  
cy'ubusambanyi, ubwa Daniel (Daniel 1 :8) washoboye gutsinda  
irari ry'inda, na n'uyu munsi burakenewe niba mushaka kuzasangwa  
mwiteguye ubwo Umwami wacu Yesu azaba agarutse.

Kumenya ibintu by'ingenzi bituma umuntu agira ubushobozi bwo

kwitegeka ni ngombwa mu buzima.

Dore amwe mu mategeko y'ingenzi yatuma ugira ubushobozi bwo kwitegeka:

## **2.1 AMATEGEKO Y'UMUBIRI**

Iby'Umwuka ndetse n'iby'ubugingo bigaragarira mu mubiri : intekerezo n'ibya Mwuka bituruka ku bushobozi bw'umubiri. Roho nzima mu mubiri muzima ni ikintu cy'ingenzi mu mibereho ya muntu. Reka turebe amwe mu mategeko agenga umubiri akwiye kwitabwaho kugira ngo twitungire amagara mazima kandi tugire imibereho iboneye.

### **2.1.1. Umurimo**

Kudakora ntibigabanya ubushobozi bwo gutekereza gusa, ahubwo n'ubupfura burasyigingira. Imyakura ikora neza iyo dukora bityo bigatuma ubwenge n'ubupfura byiyongera. Ni nabwo umubiri ugira ubudahangarwa umuntu ntarwaragurike. Imana iti : "Mu minsi itandatu ujye ukora..." (Kuva 20:9). Umuremyi w'ijuru n'isi ntaha urwaho abanebwe, kuko azi ko amaboko adakora satani ayashakira umurimo.

### **2.1.2. Guhumeka**

Ibihaha bifite inshingano zikurikira:

- Kwinjiza umwuka mwiza no
- Kuturinda uburozi mu mubiri gusohora umwuka mubi
- Gutembereza amasukari mu maraso
- Gutunganya kalisiyumu (umunyu ngugu ukomeza amagufa)
- Kurinda amaraso kuvura
- N'ibindi

Guhumeka umwuka mwiza, kwirinda kuryama mu cyumba kitagira idirishya cyangwa kidakingurwa, kureka imirasire y'izuba ikinjira aho turara, kuryama utipfukiranye (kwipfukirana bituma ukomeza guhumeka umwuka mubi wasohoye), gukora umwitoto wo gitondo hakiri kare ikirere kitaruzura imyuka mibi, kugira akamenyero ko gutembera mu busitani bwiza ahantu hari ibiti, ... bifasha ubwonko kandi bikarinda umunaniro.

### **2.1.3. Imyitoto ngororangingo**

Imyitoto ngororangingo ni ikintu cy' ingenzi mu buzima bwa muntu. Iyo ikozwe mu rugero kandi buri gihe, ifasha amaraso n'umwuka mwiza gutembera mu mubiri. Ubwonko bw'umuntu ukora siporo buraruhuka, bukagira gahunda. Imyitoto ngororangingo yongera imbaraga, irinda umuntu gucika intege, yongera ubudahangarwa bw'umubiri kandi

igafasha mu kuvura intekerezo. Kugenda n'amaguru byibura iminota mirongo itatu, gusimbuka akagozi... ni ibintu by'ingenzi cyane ku bantu badafite akanya ko kuba mu myitoto rusange kandi bakunze gukora bicaye hamwe cyangwa bakoresha ubwenge cyane kurusha gukoresha amaboko. Si byiza gukora imyitoto ngororangingo umaze kurya.

### **2.1.4. Ibyo kurya**

Ni byiza kwirinda:

- ✓ ibyo kurya n'ibinyobwa bikabura nk'urumogi, alcool, ikawa, icyayi, kokayne, inyama, urusenda,...
- ✓ ibyo kurya bisharira nka vinaigre byangiza igifu. isukari yo mu nganda n'ibyo kurya bitegurwa hifashishijwe isukari nyinshi, bigabanya imyunyungugu, cyane cyane ikorana n'ubwonko.
- ✓ amafiriti, n'ibindi bitekwa bigahishwa n'amavuta gusa, binaniza

umubiri, byongera ibinure mu mubiri bikaziba imiyoboro  
y'amarasoarinayo ikunze kuba intandaro y'indwaray'umuvuduko  
w'amaraso ukabije.

- ✓ ibiryo bike, kurya ibiryo bike bikunze kuboneka ku rubyiruko rushaka kuguma ku murongo rwirinda umubyibuho ngo rutava ku gihe. Ibyo birutera kurya indyo ituzuye cyangwa ibyangiza umubiri nka vinaigre....Kubura amaraso, kubura ubushobozzi k'ubwonko ni zimwe mu ngaruka zigera kuri bene abo bantu.
- ✓ kuryagagura cyangwa guhoza utuntu mu kanwa, bituma igifu kitaruhuka, bigitera uburwayi, binaniza ubwonko, bigatera kugira imibereho ijahagurika idatinda ku bintu (manque de concentration)
- ✓ ibiryo byinshi, binaniza ubwonko, bitera igifu kwivumbagatanya, imico n'imyifatire na byo bikivumbagatanya.

Ni byiza gukoresha:

- ✓ ibinyampeke, bifasha cyane ubwonko kubera amavitamine B abirimo n'ayandi aboneka mu mimero yabyo iyo byinitswe.
- ✓ imbuto n'imboga birinda umubiri kandi ntibiwananize amazi asukuye afashwe mu masaha atari ayo kurya (igifu kirimo ubusa), byibura litiro 2 ku munsi. Amazi asukura umubiri akanawongerera umwuka mwiza ubwonko ndetse n'umubiri muri rusange bikeneye.



Tegereza amasaha 2 nyuma yo gufata amafunguro

- ✓ Amazi meza afashwe ukibyuka, mbere yo kurya iminota 30 cyangwa nyuma y'amasaha 2 umaze kurya ni ingenzi cyane ku buzima.

**Gukoresha ibyo kurya by'umwimerere bituma abantu bagira umuze muke kandi bakarama.**

- Mbere y'umwuzure abantu baramaga imyaka igera cyangwa isaga 900
- «Metusela yaramye imyaka 969 »Itangiriro 5 :27
- Nyuma y'umwuzure imyaka y'uburame yaragabanutsecyane:
- Shemu mwene Nowa, yaramye imyaka 600."
- Umwuzukuru we arama 239." Itangiriro 11:20
- "Umwuzukuruza arama 175." Itangiriro 25:7
- Mu gihe cyacu bimeze gute?



**"Ibiva mu murima bitera imbaraga, kwihangana no gukanguka mu bwonko."**

**2.1.5. Ikiruhuko**

Ikiruhuko si ukudakora ahubwo ni uguhinduranya imirimo. Si byiza guhita utangira imirimo isaba ingufu aribwo ukirangiza iy'ubwenge nta kanya gaciyemo. Ikinyuranyo na cyo ni uko. Iyo ukimara kurya si byiza guhita utangira kwiga nta karuhuko gaciyemo. Kuba kuri televiziyo igihe kirekire buri munsi bishobora gutera uburwayi kandi byangiza ubwonko. Kuruhuka uri kumwe n'Imana birakenewe cyane. Twibuke ko umuremyi

nawe yanejejwe no kuruhuka umunsi umwe mu cyumweru (Itangiriro 2 :1-3), kandi akaba natwe adusaba kumusanga twese Abarushye n'abaremerewe ngo aturuuhure (Matayo 11 :28). Iyo tugize igihe cyo gusabana n'Imana yacu mu masengesho, mu kwiga Bibiliya, mu ndirimbo nziza zituje, ntibituruhura umubiri gusa ahubwo n'intekerezo zacu ziraruhuka, tukongera kugarurwamo intege, bityo n'ibyemezo dufata mu buzima bwacu bwa buri munsi bikaba biyobowe n'imbaraga ikomeye ituruka ku Mana. Benshi bibwira ko kuruhuka ariko ntusenge bibagirira umumaro. oya. Kubana n'Imana biratweza; ni nko gufata ikinyabiziga cyawe ukagikorera antrotsiye (entretient), ukamena amavuta, ukoza moteri, maze kigasubira mu muhanda kimeze neza. Iyo bitabaye ibyo kigonga moteri. Uko ni ko n'ubuzima bwa muntu bukenera Imana ngo bubashe kubonera no gutungana. Iyo bitabaye ibyo burangirika rwose.

- Umwuka mwiza duhumeka ukoreshwa neza
- Amaraso atembera neza
- Umubiri uratuza
- Imbaraga z'ubwonko ziriyongera
- Umuvuduko w'amaraso ukagabanuka

### **2.1.6. Gusinzira**

Gutinda kuryama no kuryamira si byiza.

Ni byiza kurya kare urwungano ngogozi rukagira umwanya wo gutunganya ibyo rwakiriye mbere yo kuryama. Guhita uryama umaze kurya binaniza ubwonko ntusinzire neza, kuko ingufu zabwo nyinshi ziba zerekeje ku igogorwa ry'ibyo twariye.

Guhera saa 21h00 kugeza saa 23h00, ni igihe cy'umubiri cyo gusohora imyanda n'uburozi buri mu mubiri. Byaba byiza muri ayo masaha ubaye uri kuruhuka wumva indirimbo zituje. Aya masaha si ay'akazi, gukora amadovuwari, gusubira mu masomo, kwigisha, uturimo two mu rugo n'ibindi.

Guhera saa 23h00 kugeza saa 1h00, ni amasaha umubiri uba uri gusukura umwijima kandi biba byiza iyo bikozwe umuntu asinziriye rwose bya bitotsi nyabyo bitari imbonamwuko.

Kuva saa 7h00 kugeza saa 3h00 z'ijoro, agasabo k'indurwe ni ko kaba kagezweho mu gusukurwa no gukurwamo ibyangiza byose. Biba byiza rero iyo na byo bikozwe umuntu asinziriye cyane.

Kuva saa 3h00 kugeza saa 5h00 za mu gitondo, ni amasaha yo gusukura ibihaha. Muri aya masaha iyo ufile ikibazo cy'inkorora ni bwo ukorora cyane, ariko si byiza gufata imiti y'inkorora muri ayo masaha kuko byabangamira isukurwa ry'ibihaha.

Kuva saa 5h00 kugeza saa 7h00 za mu gitondo, ni amasaha yo gusukura ubura. Iki ni cyo gihe cyiza cyo kwituma ibikomeye mu nda hagasingara nta kirimo. Kunywa amazi meza ukibyuka bifasha ubura gusohora umwanda bigateguriza gufata ifunguro rya mu gitondo.

Kuva saa 7h00 kugeza saa 9h00 za mu gitondo, ni umwanya w'urura ruto gufata intungamubiri z'ingenzi zo mu byo twafashe ku ifunguro rya mu gitondo. Byaba byiza ubaye wafashe iryo funguro mbere ya saa 7h30 ku bazima na mbere ya saa 6h30 ku barwayi. N'ubwo mu muco wacu nk'abanyarwanda usanga bitarimo, gufata ifunguro rya mu gitondo ni ingenzi cyane ku magara yacu.

Kuva saa sita z'ijoro kugeza saa kumi za mu gitondo, ni bwo umubiri uba uri gukora amaraso kandi biba byiza iyo bikozwe umuntu ari kuruhuka asinziriye.

Ku bw'ibyo rero basore nkunda, musabwa gusinzira neza mwiziguye, ibirangaza bya nijoro (film, akabyiniro, telefone, teyatere, ibitaramo,

n'ibindi bikorwa binaniza ubwonko bikabuza umubiri n'intekerezo kugira gahunda) ntibikabategeke ahubwo mwige kubitegeka. Mwibuke ko Imana yatugize abatware, si byiza gutegekwa n'ibyo twahawe gutegeka!

## **2.2 AMATEGEKO AGENGA IMICO N' IMYIFATIRE**

Imikorere y'urwungano rw'imyororokere ku nyamaswa igengwa n'imvubura z' imyororokere n'imisemburo, ariko ku muntu ubwonko ni bwo buyigenga. Urwungano rw'imyakura (udutsi twumva tujyana tukanagarura amakuru ajya cyangwa ava mu bwonko) ni rwo rufite ubushobozzi bwo gufata ubushake bwa muntu ku bijyanye no gukoresha imyanya myibarukiro.

### **2.2.1 Ubwonko n' ibishobora Kubwangiza**

Ubwonko bugabanijemo ibice bitatu by'ingenzi:

- ❖ Hari igice twakwita **isoko y'amarangamutima n'ibituzamo** (instincts) uko byakabaye duhuriyeho n'inyamaswa: kurya, imibonano mpuzabitsina, n'ibijyanye nayo, kwishimisha cyangwa kurakara. Iki gice kiboneka ku mugabane w'inyuma w'ubwonko. Umuntu ugengwa n'iki gice arahubuka, ntashyira mu gaciro, akora ibimujemo aho bimuziyemo nta kureba inkurikizi zabyo.
  
- ❖ Hari ikindi twakwita **icyicaro cy'ubumenyi, ibikorwa, intekerezo n'ubwenge**. Si ibyzana cyangwa ibyo umuntu yavukanye ni ibyigwa bigakorwa mu buryo bukoroheye. Ni cyo kiduhuza n'abantu tukabigiraho cyangwa tukabigana. Imikoreshereze y'ibitsina byacu, imirire ndetse n'imyifatire muri rusange, iterwa n'uko ahadukikije hameze. Abo dukunda kuba turi kumwe n'ibyo dukunda kuba turimo, bituma tugira ubushobozzi bwo kwiyubaha,

ubupfura cyangwa se ntitubashe kwitegeka na gato. Iki gice cy'ubwonko cyo hejuru ni cyo kidufasha gupiganwa n'abandi ku birebana n'ubumenyi, ubushakashatsi, ubuvumbuzi ...Mbibutse ko aho dukunda kuba turi, ari ho hagaburira icyi gice cy'ubwonko.

- ❖ Igice cya gatatu cy'ubwonko ni cyo gice **cyo kwitegeka, kuzura nyakuri kw'amarangamutima n'uko umuntu aramuka (humeur).** Ni ubwonko butuma duhangayikwa n'igikwiye budutera kwibaza ku hazaza hacu, uko tuzamera, icyerekezo twiha, muri make ni ubwonko butugira abo turi bo. Iki gice cy'ubwonko kiboneka ahagana mu ruhanga kandi ni cyo kiyungurura, kigaha umurongo ibituruka muri biriya bice twabonye haruguru.

Ibyiyumviro bihubuka bituruka kuri kiriya gice cy'ubwonko kibanza, na ho ibiyumviro byo ku rwego rwo hejuru, birenze gushyira mu gaciro bituruka muri kiriya gice cya kabiri. Iki ni cyo kigenga amahitamo yacu, ukwisyira ukizana no kwiyemeza.

Ku myaka hagati ya 18 na 20 ni ho ubwonko bw'umusore buba bugeze ku kigero cy "ubw'abakuze. Umusore ni bwo aba afite ubushoboz nyakuri bwo gushyira ku munzani agahitamo igikwiye kandi agashyira mu gaciro. Mbere y'aho aba agihuzagurika ataramenya neza iyo biva n'iyo bijya. Ntaba yari yakagira ubushoboz buhagije bwo gushyira ku munzani ngo amenye neza ibyemezo afata n'ingaruka zishobora kuza zibiherekeje.

Bensi bageze muri iki kigero bakunze kwishuka, kubera uko bibona mu gihagararo, bakagira ngo bifitemo ubushoboz bwo guhangana n'ubuzima bonyine. Ibyo ni ukwhenda gükomeye. Ku myaka 21 ni ho umusore wakuze neza aba ashobora kwirengera ingaruka z'ibyemezo afata. Ni ikosa rikomeye guha inshingano ziremereye nko kubaka urugo, kuba umunyapolitike...umusore utarageza ku myaka y'ubukure ikwiye.

### **Bimwe Mu Bishobora Kwangiza Ubwonko**

### **2.2.1.1. Kudasamura mu gitondo**

abantu badasamura mu gitondo bagira isukari nke mu maraso, ibyo bikaba intandaro yo kubura intungamubiri zihagije mu bwonko ingaruka zikaba kwangirika k'ubwonko. Ibi bikunze kuba cyane ku bantu (urubyiruko n'igitsina gore) bafite impungenge z'umubyibuho urenze badashaka gutakaza igikundiro.

Kubera umuco twakuriyemo, usanga benshi bavuga ko gusamura mu gitondo bibagwa nabi, bibatera inzoka..., ariko ibyo ntaho bihuriye n'ukuri. Umubiri wacu ukenera ibyo kurya bya mu gitondo kurusha ibyo dufata mu yandi masaha y'umunsi, kandi ibi ni byo bikwiriye gufatwa ku rugero ruhagije. Urwitwazo rwose rutangwa n'abadasamura mu gitondo, ntirwakumvikana kuko umubiri wacu ukoze nk'uruganda rukenera ibyo gutunganya igihe umuntu ari maso. Birumvikana rero ko igihe dusinziriye na wo uba ukeneye kuruhuka kugira ngo wisane bucye witeguye akazi. Ikibabaje cyane rero ni uko usanga benshi babinyuranya bakarya byinshi njoro kandi bibujije, mu gitondo ntibafate na duke.

### **2.2.1.2. Kurya birenze urugero**

Binaniza imiyoboro y'amaraso ijyana mu bwonko ibyo bigatuma ubushobozi bwo mu mutwe bugabanuka.

### **3/5 *by'abapfa bazira ibyo barya***

### **2..2.1.3. Kunywa icyayi, ikawa, koka kola**

Mu cyayi, ikawa na koka kola, habamo kafeyine na kokayne. Ibi binyobwa bigira uruhare mu guteza indwara z'umutima, kanseri yo mu ruhago n'indwara zifata imitsi yumva (imyakura). Ikibabaje cyane ni uko benshi mu baretse kunywa ibisindisha, babuze ubushobozi bwo kwitegeka mu kurwanya irari ryo kunywa ikawa, icyayi ndetse koka kola.

#### **2.2.1.4. Kunywa ibisindisha**

Ntibyigeze kubaho ko ukuboko kw'umuntu kugaragaza neza ipica  
y'ubucakura n'ububata bw'umuntu wishwe n'ibinyobwa bisindisha.  
Uwagizwe imbata na byo, akaba yarahenebereye nubwo yakanguka  
akamenyeshwa umubabaro we, ntagira imbaraga yo kwikura mu mutego;  
arongera akajya kunywa. Imigani 23 :35.

Mu by'ukuri ubusinzi buva mu nzoga yaba iyoroheje cyangwa ikomeye.  
Kunywa izo zoroshye bitera umuntu gushaka kunywa izikomeye, bityo  
gukunda akayoga bikokama umuntu. Kunywa mu rugero ni ishuri  
bigiramo kuba abasinzi. Ukarikije ibarura rya vuba aha, umwe muri buri  
bantu 10 wirenza ikirahuri cya mbere, atwarwa n'inzoga agahinduka  
rubundakumazi. Ibitera ubusinzi bikora buhoro buhoro cyane ku buryo  
umuntu yisanga mu nzira nyabagendwa y'ubusinzi ataramenya ingorane afite.

Si ngombwa kujya impaka zigamije kwerekana ingaruka mbi umusinzi  
akomora ku nzoga. Abantu bazahajwe n'inzoga ni bo Kristo yapfiriye  
kandi n'abamarayika babogozza amarira kubwabo. Abo ni ibizinga ku  
majyambere twiratana. Bakajeje isoni ibihugu byose, kandi babiteje  
umuvumo n'amakuba.

Ibisindisha byongera urugimbu ku mwijima, bigahuta abahitanwa  
n'urushwima. Ubirambe bw'ubuzima bugabanukaho nibura imyaka  
12 ku banywi babyo. Ibisebe byo mu gifu, kanseri yo mu gifu, indwara  
y'umutima (kubyimba k'umutima no gutera mu buryo budasanzwe),  
rubagimpande, kubura apeti, kubura ibitotsi no gushikagurika.

kugabanuka kw'ubwenge, gukuramo inda, kugira imihango ihindagurika.  
ubugumba, kubura intege kw'udusabo tw'intanga ngabo...  
ibyo byose ni zimwe mu ngaruka zo gukoresha ibisindisha.

Ubushakashatsi bwa vuba aha, bwerekanye ko hari utugirangingo two mu bwonko dupfa igihe cyose ibisindisha byinjiye mu maraso. Bwerekanye kandi ko iyo ababyeyi ari abasinzi, babyara abana badashobotse. Abana bavuka ku basinzi bavukana ubusembwa kuruta abana bavuka ku babyeyi batanywa inzoga.

Iyo alcool igeze ku gipimo cya 1% mu maraso, iba yatangiye kugusha ikinya umugabane w'ubwonko utuma umuntu atekereza neza, agahitamo, n'ibindi. Aha ni ho ubona umuntu asa n'uwiyumvamo akanyabugabo, intekerezo ze zahindutse, akumva aruhutse kandi amerewe neza, ntiyibuke amagorwa ye. (Imigani 31 :7). Ibi ni byo bikunze kuba intandaro y'ubusambanyi, guca inyuma uwo mwashákanye, isesagura n'itagaguza ry'imitungo ku bagabo n'abagore kuko ibibazo byabo baba batakibitekerezaho. Aha ni na ho indaya n'utunyogwe bafatiranira abagabo n'abasore batagira ubwenge bakabakuramo amafaranga atagira ingano.

Iyo umuntu akomeje kunywa kugeza ku rugero rungana na 2-3% ni ho ubona yatangiye gusinda, yahaguruka agateguza, akagenda adafashe, yandika umunani mu nzira, ururimi rutakimuva mu kanwa. Ibi biterwa n'uko alcool iba yaremaje imigabane y'ubwonko itera guhagarara neza iboneka cyane cyane ku mugabane w'ubwonko witwa cervelet, uherereye ahagana mu irugu hejuru y'isonga y'umusokoro uzamuka mu ruti rw'umugongo. Kuri iki gipimo, abahanga babigenzuye basanze umusinzi aba atagishobora kwiyumva iyo avuze bisanzwe, bikaba ari byo bitera abanywi gusakuza.

Iyo alcool ibaye 4 % mu maraso umusinzi ntiyongera kumenya aho ari, asinzirira aho ari ibitotsi bitumva n'iyo wamujomba igikwasi. Ibi ni byo bikunze kuba intandaro y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina ku bakunze gusohokana na ba shuga dadi. Abagore n'abakobwa by'umwihariko

bafite ubushobozi buke cyane bwo guhangana na alcool. Si ngombwa ko ibanza yagera ku rugero rw'isindisha abagabo (2-3% mu maraso) kugira ngo basinde, bate uwewenge bayoberwe aho bari n'ibyo bakorewe.

Iyo abasinzi basindutse, usanga bibuka ibyo umunyamigani yavuze agira ati: Ni nde ubonye ishyano? Ni nde utaka ? Ni nde ufite intonganya? Ni nde wiganyira ? Ni nde ufite inguma zitagira impamvu ? Ni nde utukuza amaso ? Ni abarara inkera, ni abagenda bavumba inturire. Ntukarebe vino uko itukura, igihe ibirira mu gikombe, ikamanuka neza. Amaherezo iryana nk'inzoka igatema nk'impiri. Amaso yawe ukayahanga ku by'inzaduka, kandi umutima wawe ukavuga ibigoramye. Ni ukuri ukazengerezwa nk'uryamye mu nyanja hagati...ukavuga uti bankubise nyamara nta cyo nabaye, bampondaguye kandi sinumvise. Ndakanguka ryari ngo nongere njye kuvumba ?"(Imigani 23 :29-35).

Iyo alcool igeze kuri 5-8% mu maraso, umunywi aba anyoye ubutazongera ukundi kuko ahita apfa nta kabuza. Ibi biba bitewe n'uko imigabane y'ubwonko igenga guhumeka ndetse no gutera k' umutima yose iba imaze kugwa ikinya noneho igahagarara.  
"Vino ni umukobanyi, inzoga zirakubaganisha, kandi ushukwa na byo ntagira uwewenge. (Imigani 20:1).Bibiliya yihanangiriza abaha abandi ibisindisha muri aya magambo :"Azabona ishyano uha muturanyi we ibisindisha..." (Habakuki 2:15). Kunywa ibisindisha no kubiha abandi ni ikosa rimwe. Niba ukunda mugenzi wawe nk'uko wikunda umurinde ibisindisha.


Ibyaha bikorwa kubera ubusinzi, indwara ziterwa n'ibisindisha, impfu ziturutse ku gukoresha ibisindisha, ibyo byose biri ku mutwe w'uwegna, ucuruza, usengerera abandi n'unywa ibisindisha. Ku munsi w'amateka abo bose bazazanwa mu rubanza kandi ntibazabona icyo kwireguza.>  
"Utseomba urusengero rw'Imana , Imana izamutseomba."(1 Abakorinto 3:17).

**IMIGANI 23:31** ntukarebe vino uko itukura, igihe ibirira mu gikombe ikamanuka neza.

**IMIGANI 23:32** amaherezo iryana nk'inzoka, igatema nk'impiri

**IMIGANI 23:33** amaso yawe ukayahanga kuby'inzaduka, kandi umutima wawe  
Ukavuga ibigoramye.

*Ukurikije ibarura rya vuba aha, umwe muri buri bantu 10 wirenza ikirahuri cya mbere  
atwarwa n'inzoga agahinduka rubundakumazi*



**ubushakashatsi bwa vuba bwerekanye ko hari  
uturemangingo two mu bwonko dupfa, igihe cyose  
ibisindisha byinjiye mu maraso.**



**abagore iyo ari ba kanyota, babyara abana  
badashobotse kandi bavukana ubusembwa kuruta  
abana bavuka ku babyeyi batanywa inzoga.**

#### **2.2.1.5. Kunywa itabi, urumogi n'ibindi bisa na byo**

Itabi, urumogi n' ibindi bisa na byo, bigabanya ubushobozi bw'ubwonko, bikaba byatera indwara zo gutakaza ubwenge ubundi zikunze kuboneka ku bantu bashaje cyane. Tutirengagije ko ibi biyobyabwenge ari intandaro ya za kanseri zifata cyane cyane urwungano rw'ubuhumekero, uburwayi butewe no kugabanuka k'umwuka mu bwonko bwibasira mbere na mbere abanywi b'itabi.

#### **2.2.1.6. Gukoresha isukari nyinshi**

Isukari nyinshi ibuza umubiri gutunganya no gukoresha ibyubaka umuburi nk'amaporoteyine n'izindi ntungamubiri zirimo amavitamine afasha ubwonko gukora neza, ibyo bikaba byatera indwara z' imirire mibi no kudakura k'ubwonko. Isukari ikoreshwa mu binyobwa byinshi

bidasindisha, igwabiza ubushobozi bw'umubiri bwo kurwanya indwara. Ibyo kurya byateguwe havanzwe amata amagi n'isukari (gato, keke...) ni uburozi bubi cyane burenze ububa mu nyama z'ingurube na yo irwaye.

#### **2.2.1.7. Umwuka wanduye**

Ubwonko ni cyo gika cy'umubiri gikenera umwuka mwiza ku rugero rwo hejuru. Guhumeka umwuka mubi bigabanya urugero rw'umwuka mwiza ubwonko bware bukeneye bityo bigatuma umurimo wabwo udatanga umusaruro mwiza. Nk'uko twabivuze haruguru, kuryama wipfukiranye bituma ukomeza guhumeka umwuka mubi bikangiza ubwonko.

#### **2.2.1.8. Kudasinzira**

Gusinzira biruhura ubwonko. Iyo umara igihe kinini udasinzira byica ingirango z'ubwonko. Gusinzira byibura amasaha hagati y'arindwi n'icyenda ku munsi ni ikintu cy'ingenzi cyane. Gutinda kuryama(si byiza: kurenza saa yine z'ijoro utararyama) cyangwa kuryamira byangiza ubwonko bikaba byatera imikorere mibi ku kazi, mu myigire, ndetse no mu mibanire n'abandi.

#### **2.2.1.9. Gukoresha ubwonko urwaye**

Gukora cyane cyangwa ukiga cyane urwaye bitera ubwonko gukora nabi cyangwa bikabwangiza.

#### **2.2.1.10. Kubura mu biganiro byubaka**

Gutekereza n'umwitozo mwiza ufasha ubwonko. Kubura mu byagura intekerezo bituma ubwonko butakaza ubushobozi. Ni byiza kuba mu materaniro, mu biganiro mpaka, mu matsinda mato, yiga kandi akaganira ku bantu by'ingenzi kandi byubaka mu buzima. Ubwigunge, ubunyamwigendaho ni inkomyi ikomeye ku kubaka ubushozi bw'ubwonko. Bensi mu basore bakunda ibiganiro ku mafilime, ku imikino, ku mibonano mpuza bitsina, ku tugambo twiganjemo kuryaryana

no kuryana umutima, ariko mu by'ukuri ibyo nta kindi bikora uretse  
kubabera ikiyobyabwenge no kubatesha igihe.

Bibera inzitizi ikomeye ibitekerezo bizima. Mwibuke ko igihe cyatakaye kitagaruka!

#### **2.2.1.11. Kubeshya cyangwa kuvuga amateshwa**

Kubeshya ni ugucecekesha umutimanama. Ni ukuvuga ibyo uzi neza  
ko atari byo kubera gutinya ibihano, kwirarira cyangwa kwikura mu  
isoni. Nyamara ibyo ntibituma ugira amahoro mu mutima kuko uhorana  
igishinja kandi na we ukitariza icyizere. Iyo uhora ubeshya, ugeza ubwo  
rwose gukora ikibi wumva ntacyo bigutwaye, umutimanama ntiwongere  
kukuburira bityo ukabaho nk'icyihebe.

#### **2.2.1.12. Gusoma roma, kureba filime, gutinda kuri televiziyo**

Bensi mu basore baroga ubwonko bwabo kubera gusoma za roma  
no kureba filime zivuga iby'inkundo zidafashe. Banezezwa cyane no  
kubona uburyo, umusore w'ibigango, ukurura (ureshy) ku bw'indoro  
ye, ingendo, indamukanyo ndetse n'inyifato ye imbere y'igitsina gore  
muri rusange, yigarurira umutima w'umukobwa agatwarwa rwose,  
maze na we mu ndoro nziza itagira uko isa n'izindi nyifato ziyyiherekeza  
akamwimiramo wese. Arik se koko, uko ni ko kuri kw'ibibaho mu  
miryango, cyangwa ni iyamamaza rigamije ubucuruzi? Basore nkunda,  
ntimuyobe!

Ndahamya rwose ndashidikanya ko ibyo ntaho bihuriye  
n'ibyo muzabona mu rugo rwanyu nimugeza igihe cyo kurushinga.  
Nibibabera ikiyobyabwenge muzibwira ko mushobora kubikoresha  
mukigarurira umuntu, nyamara ntimuzatinda kubona ko mwihenze. Icyo  
ibyo bishobora kurema muri mwe, ni ukutanyurwa ndetse no guhora  
mushakisha uwabakorera bimwe mwasomye cyangwa mwabonye. Uretse  
no gushoborwa n'uwo mwashakanye, na wa wundi ubikina ntiyabishora mu rugo rwe!

❖ **Filime z'urukozasoni (poronographie): Ikiyobyabwenge giteye**

Izi filime ndetse n'ibinyamakuru bireze cyane mu bakiri bato ndetse no mu bakuze. Abajijutse bo mu nzego zose na bo usanga iki cyorezo kibahitanye? Batwawe ingamira ku buryo amasaha yabo y'akaruhuko usanga nta handi bayamara iyo bari kuri za mudasobwa.

❖ **Filime z'urukozasoni zitanga ubutumwa bwo kwikunda gusa,**

zuzuyemo iohohoterwa rishingiye ku gitsina rigamije kwinezeza ubabaza abandi. Zituma umuntu nta kindi abona muri mugenzi we usibye imibonano mpuzabitsina no kwishimisha.

❖ Filime z'urukozasoni zerekana isura itari yo y'ibitsina ku buryo bihinduka ikigirwamana giteje ingorane ku barushinze.

❖ Filime z' urukozasoni ni umwanzi ukomeye w'urukundo. Nta munezero cyangwa kunyurwa biboneka mu batwawe ingamira na zo, kuko ibyo bakorera mugenzi wabo barwubakanye akenshi byigana ibyo baba babonye kandi intego yabyo ikaba kwinezeza aho gushaka umunezero wa bombi. Ikibabaje cyane ni uko ingaruka ziba izo konona mugenzi wawe, ukamubabaza ku buryo imibonano mpuzabitsina imuhindura igikange.

❖ Filime z'urukozasoni ni umwanzi w'intekerezo ziboneye n'intekerezo za Mwuka. Abasore n'abandi bose bamaze gutwarwa n'icyo kiyobyabwenge nta bwuzu na mba baba bakigirira ibindi byubaka.

Amasengesho, amasomo, umurimo... nta mwanya biba bikigira mibereho yabo. Umwanya bamara kuri mudasobwa akenshi usanga nta kindi bareba usibye poronogarafi ku buryo usanga kuzuza inshingano kwabo biri kure nk'ukwezi. Ubushake bwo gushyira mu bikorwa ibyo barebye na bwo buriyongera, intekerezo zabo zikangirika ku buryo akenshi bibwira ko kubaka rugakomera bihwanye no kwinezeza kw'ibitsina (bashyira ikimenyetso cya bihwanye hagati y'imibonano

mpuzabitsina no kurwubaka rugakomera).

Ukuri ko kubaka guhabanye cyane n'iby' abakora ubucuruzi. Reka nkubwire ko nta muntu wifitemo ubumuntu nyakuri, wiybaha kandi akubaha n'umuryango muri rusange, wakwemera kwiyandarika mu mafirime yo kwiyandagaza akora imibonano mpuzabitsina. Barya mureba ntibashora rwose kubigisha no kubatoza ibantu bizima, kuko nabo uwababo byabananiye. Ni nde mubyeyi ufile ubwenge buzima wahamagara abahungu be n'abakobwa akabereka rwose nta kimwaro ibyo akora yiherereye mu gihe cyo gutera akabariro?

None se ni nde mwana wahangara akemeza ko se na nyina bakoze neza bishyira ku karubanda mu gikorwa nk'icyo cyagenewe icyubahiro n'umwanya utavogerwa?

Ese koko wakwemeza ko ufile ubwenge wiyemeje kureba ababyeyi bawe bari mu gikorwa nk'icyo? Bagenzi bawe se bo, baguha amanota bakagushima kuko wahangaye bene ako kageni? Kureba ubwambure bwa se byonyine, byavumishije umuhungu wa Nowa witwa Hamu (Itangiriro 9:25). Bite no kubareba bombi noneho? None se koko uremeza ko abishyira ku karubanda bakiyereka isi yose ari bazima mu mutwe bakaba bafite ibyigisho by'ingirakamaro; cyangwa bataye umutwe biyemeza gushakira amafaranga mu bikorwa nk'ibyo by'urukoza soni! Ndahamya ndashidikanya rwose ko biriya ureba ari umwanda nta ho bihuriye n'ukuri kw'abubatse ingo kandi babanye neza.

**Ingaruka zo kureba filime z'urukozasoni, no gutwarwa na televiziyo...:**

**Imibanire y'ab'umuryango iragabanuka:** Umuntu umwe yaravuze ati: "Niya niyumva nk'uba jyenyine. Wagira ngo mu rugo duhura nk'abataziranye." Mwebwe se bimeze bite? Aho televiziyo ntiyasimbuye burundi isano mugirana n'ab'umuryango?

**Ubunebwe:** benshi bemeza ko kuba kuri televiziyo bitera abana kumva batanyeganyega, byose bakabikorerwa biyicariye. Kandi ibyo bigira ingaruka no mu buzima busanzwe; bakunda ibihiyе kuruta kubishaka.  
Bakunda ifi kuruta gukunda kuyirobera.

**Kwishyira ahantu ibibi bishobora kukwangiza (kwishyira ku kibuga cy'ibigeragezo):** ubushakashatsi bwakozwe n'umwongereza witwa William Belson, bwerekanye ko abahungu bakunda kureba filime z'imirwano, bashobora nabo kwisanga mu bikorwa nk'ibyo by'ubugizi bwa nabi. Ahamya kandi ko imvugo zo kurahira, ibigambo biremereye, amahane muri siporo n'imikino, guhutazanya, kwandika ibipfuye ku nkuta, kumena ibirahuri by'amazu, n'ibindi bisa bityo, bikunda gukorwa n'abahungu bareba filime z'imirwano no guhohoterana. Uko ni na ko bigendekera abareba bakanasoma roma cyangwa filime z'urukozasoni, usanga nta bindi bibatwara umutima usibye kubana mu bwihugiko n'abo badahuje igitsina, gusomana, kubungirana, guteshanya igihe mu kwandikirana no kubwirana imitoma hato na hato...

**Gutsindwa mu ishuri:** nkuko byagaragaye mu maraporo k'ubuzima bwo mu mutwe yakorewe muri Leta zunze ubumwez'Amerika, abasore bakunda kureba televiziyo babona amanota mabi mu ishuri cyane cyane mu gusoma. Televiziyo ituma umuntu yibeshya ko ubuzima bworoshye buzamuhesha byose ntacyo akoze, yikinira gusa.

**Kudakunda gusoma:** Inyota yo gusoma igenda iyoyoka mu muntu uko arushaho kuba imbere ya televiziyo. Muri iki gihe usanga umubare munini w'abasore utibagiwe n'abakuze basinzirira imbere ya televiziyo baguye agacuho kubera umunaniro w'akazi biriwemo. Raporozaturutse muri ositaraliya zerekana ko ku kigereranyo cy'isaha imwe yo gusoma, umwana waho amara amasaha arindwi imbere ya televiziyo.

### **2.2.1.13. Ni gute washobora kwitegeka imbere ya televiziyo na filime z'urukozasoni?**

- ❖ Ihe intego yo kudategekwa na televiziyo igihe cyose uyireba.
- ❖ Tekereza ku biganiro byubaka bikunda kuyicaho n'amasa ya yabo.
- ❖ Fata icyemezo cyo kuyifungura ari byo bijemo no kuyifunga birangiye Gerageza kandi kubihitamo ukurikije inama z'ababyeyi.
- ❖ Fata ikindi cyemezo noneho kirushijeho cyo kudafungura televiziyo mu gihe cy'amasomo n'ubwo yaba isaha imwe.
- ❖ Ihe gahunda y'amasa ya kuryama kandi we kuyahindura kubera televiziyo, roma, telephone...
- ❖ Shyira televiziyo aho bigutera ubute kuyisanga.
- ❖ Gira gahunda y'indi mirimo ifite agaciro ukorera umwanya munini kure ya Televisiyo cyangwa mudasobwa.
- ❖ Ihe gahunda yo kuba mu itsinda ry'abasenga, abaririmbyi (korali) n'ayandi yubaka kandi ufate icyemezo cyo kutazajya ubicira gahunda kubera televiziyo.
- ❖ Gira igihe kidahinduka cyo kwisunga Imana mu rwiherero, uyi sabu kukubashisha kugera ku nt ego nziza wi yemeje, ndetse n'izindi ishobora kugu hishurira.

"Intambara yo kwirwanya no kwitsinda ni yo ntambara ikomeye kurusha izindi zose zibaho." Ni yo mpamva umusore ufite umugambi wo kubaha Imana no kwi hesha agaciro mu mu muryango mugari, atazahwema gushaka Mu maso y'Imana kandi yiringiye rwose ko itazigera imukoza isoni. Bibiliya igaragaza neza ko ibanga ry'imibereho yuzuye ibyishimo nta handi rikomoka uretse mu kubana n'Imana. Daniel ni urugero rwiza ku basore bose bashaka gutsinda irari ry'inda ndetse n'iry'icyubahiro, kandi nta kindi cyabimushoboje uretse kubana n'Imana. Daniel 1 :8-15 ;2:28; 6:11; 9:4-10.

Yosefu ubwo yasakiranaga n'ikigeragezo gikomeye cy'ubusambanyi, na we yisunze Imana kandi aranesha. Itangiriro 39 :8-9. Igihe cyose yishingikirizaga ku Mana akagaragaza ubushishozi bwayo aho kwiyitirira ubwenge n'ubushishozi. Itangiriro 41 :16.

Esiteri na we ntiyitwaje ububasha n'icyubahiro yari afite mu gukemura ikibazo gikomeye cyane bene wabo bari bafite cyo kwicwa, ahubwo

yisunze imbaraga ikomeye y'Imana.Esiteri 4 :15-16.Ni yo mpamvu mu rugamba nk'uru rwo kurwanya no gutsinda ibyatugize cyangwa ibishora kutugira imbata, ari ingenzi kuzirikana ko "Gutsinda gukomeye guturuka ku mavi."

### **2.2.2. Abaganga 8 bashobora kukuvura nta kiguzi utanze**

Nk'uko twabibonye haruguru umuntu ashoboye kwitegeka mu mibereho ye ya buri munsi akubahiriza uburyo bwo kubaho Imana yashyizeho yakwitungira amagara mazima. dore mu nshamake abaganga 8 b'umwimerere bagufasha kwitungira amagara mazima:

Abaganga 8 bashora kugukiza nta kiguzi utanze

**Kwiringira Imana**

**Siporo**

**Akazuba**

**Indyo nziza**

**Kwirinda muri byose**

**Kuruhuka**

**Amazi menshi**

**Umwuka mwiza duhumeka**

### **IGICE CYA 3**

### **KWIKINISHA (MASTURBATION) & KUBA IMBATA Y'IGITSINA**

Kimwe mu biyobyabwenge byigaruriye intekerezo z'abato n'abakuze bo muri iki gihe ni imibereho ishayishije mu by'ibitsina.

Guillaume, arubatse, ni se w'umwana wiga amashuri abanza. Yari umunyakuri kandi yubahwa cyane. Igihe cyaje kugera aba imbata yo kureba (filime z'urukozasoni) n'ubwo we atabyemeraga kugeza ubwo umugore we amutahuye. Imyitwarire ye yari yarahindutse ku buryo imibanire ye n'umuryango ndetse n'umugore we by'umwihariko yabaye

mibi cyane. Guillaume yabaye imbata ya filime z'urukozasoni, atangira imibereho yo kwikinisha ku buryo yari atagikenera umugore we. N'iyo yamukeneraga byabaga mu buryo budasanzwe ku buryo byabangamiraga umugore we. Akensi yitwazaga akazi kensi, abandi bamara kuryama akajya kuri interinete ashakisha amafoto amutera gushuhirana no gushaka kwikinisha. Ibyo byatumye aburira akanya umuryango we. Yagerageje kensi kubireka mu ibanga ariko biramunanira, kugeza ubwo yasanze inzobere ku bijyanye n'ibitsina(sexologue), ikamuha ubufasha, bamaze kubyumvikanaho n'umugore we.

### **3.1 KWIKINISHA**

Kwikinisha ni igikorwa cyo gukorakora mu buryo budasanzwe imyanya ndangagitsina ugamije kwishimisha no kugera ku munezero wuzuye w'abakora imibonano mpuzabitsina.

Bensi mu rubyiruko bakunze kwibaza ibibazo bikurikira: Mbese kwikinisha ni bibi? None se byaba bikabije nko gusambana? Ubwo se aho gusambana ntiwakkwikinisha? Ese kwikinisha bigira ingaruka ku mubano wawe n'uwo muzashakana? Ese ubwo ni icyaha nko kwica amategeko?

Ubushakashatsi bwerekana ko, ku rubyiruko 100 rw'abahungu n'abakobwa ruri munsi y'imyaka 21, 90% rvwikinisha. None se kuki ibyo ari ko biri?

Kwikinisha ni igikorwa cyo kwishakira umunezero binyuze gukabura (exitation) imyanya ndangagitsina ukoresheje intoki. Mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu, ubushake bwo kunezerwa kw' imyanya ndangagitsina buba ari bwinshi cyane. Imisemburo ikora ku myanya myibarukiro iba yarekuwe n'ubwonko ari myinshi. Umusore kuva ubwo akamenya ko imyanya ndangagitsina ye ishobora gutuma yiymvamo umunezero. Ibyo rero bikaba byamutera kuyikinisha kabone n'ubwo yaba atigeze abitekerezaho.

Urugero nk'iyo agize ikimubabaza cyangwa agahura n'urucantege, ku muhungu, iyo misemburo ishobora gutera ubwonko guhungabana akibona udusabo tw'intanga twuzuye bikamukangura, agashyuhirana. Ibyo kandi bishobora no gutera kwiroteraho nijoro. Ku bakobwa na bo kwinisha barabikora ariko itandukaniro rikaba ko intanga zabo zidasohoka mu buryo bumwe n'ubw'abahungu. Kwikinisha bishobora gutuma wiyumvamo ubushake bwo gukora imibonano mpuzabitsina.

Bensi bakunze kwiyumvamo ubushake bwo kwikinisha iyo bahangayitse, bagize agahinda, cyangwa bari bonyine. Hari n'abandi bikinisha kubera ubwuzu bwinshi bagaragariwe mu buryo budasanzwe n'uwo badahuje igitsina.

Ibyo bareba, nk'uko twabivuze haruguru, haba ubwo bibasigiye ibisari badashobora kwibagirwa kandi bikabatera kumva bashatse na bo kugira icyo bakora ngo biruhure, bityo bagahitamo kwikinisha.

### **None se kwikinisha bigira ngaruka ki?**

- ❖ **Bibyutsa irari ryo gukora imibonano mpuzabitsina:** irari ridasanzwe ryo gukora imibonano mpuzabitsina rishobora gutuma ukora ibikorwa bibi nk'uko intumwa Pawulo abivuga mu Baroma 1:26, 27. Uwakinisha aramutse abonye uburyo bumworoheye bwo kubana n'uwo badahuje igitsina mu bwiugiko, ashobora kwisanga yasambanye na we.
- ❖ **Guhorana ikidodo ku mutima:** uwakinisha ahorana ikidodo ku mutima, yiyumvamo ubuhemu kuri we, ku Mana no ku wo bazarwubakana. Ibyo bimutera kubura ubwisanzure akihugiraho, gufungukira abandi bikamugora.
- ❖ **Kwikinisha ni ikimenyetso cyo kwitinya, gutinya kubana n'abandi** (timidité et repli sur soi): umuntu ugira isoni zikabije, witinya kandi ukunda kwibera wenyine, unevezwa no kuba mu bwigunge, si kenshi

atandukana no kwikinisha.

- ❖ **Bitera kwikunda no kwirebaho wowe ubwawe gusa:** igikorwa cyo kwikinsha gitera mu mutima w' ugikora kwishakira umunezero atitaye ku bamuzengurutse. Ibyo kandi bishobora guteza ingaruka zikomeye mu gihe cyo gushaka, kuko iyo iyo mibereho yo kwinezeza ubwawe ikomeje, ibangamira umunezero wa mwembi.
- ❖ **Kwitakariza icyizere, kutiha agaciro:** uwikinsha nta cyizere yigiramo yuko ashobora kunezeza mugenzi we igithe bashakanye. Kubera ubwo bwigunge yishyizemo, akirebaho we ubwe gusa, yiyyumvamo umumaro muke kuri mugenzi we kandi nta bubasha yiyyumvamo bwo kurenga iyo nzitizi. Ibyo kandi bishobora kubera inkomyi ikomeye urukundo rwabo.
- ❖ **Kutanezeza uwo mwashakanye:** Igikorwa cyo kwikinsha ntikigira ingaruka k'ugikora gusa, ahubwo kinangiza umunezero w'abashakanye. Uwikinsha ashobora kwishakira umunezero we bwite mu gihe mugenzi we yaramutegerejeho umunezero wa bombi. Ubushobozi bwo kunezeza mu genzi we buragabanuka.
- ❖ **Byangiza ubikora:** Uwikinsha atwarwa n'iryo rari ku buryo ingufu ze nyinshi zo kubaho, haba mu buryo bw'umubiri, haba no mu myifatire muri rusange azipfusha ubusa ari muri icyo gikorwa. Usanga ari umuntu wirebaho we ubwe wenyine. Intekerezo ze ntiziha agaciro mugenzi we. , yirengagiza ko Imana ikirema umuntu Yivugije iti: "si byiza ko umuntu aba wenyine." Itangiriro 2:18.

Ntibitunguranye ko ushobora kubona abantu barwaye agahinda gakabije (dépression), abafite ikibazo cyo guhora kwa muganga biyumvamo uburwayi butabaho (hypocondriaques), babitewe no kwikinsha.

### 3.2 KUBA IMBATA Y'IGITSINA

Dore bimwe mu bishobora gutuma uhinduka imbata y'igitsina:

- ❖ Kwitaba no gutinda kuri telefone yuzuyemo utugambo turyoheye amatwi (imitoma).
- ❖ kwitegereza abambaye ubusa cyangwa kubikora wowe ubwawe
- ❖ kurungurukana (amatsiko menshi, kureba mu buryo bwhishe igitsina cy'abandi cyangwa abakora imibonano mpuzabitsina)
- ❖ ubusambanyi
- ❖ kuryamana n'ibisimba, ibipupe,...
- ❖ imibonano mpuzabitsina irimo ubugome bwa kinyamaswa (uyikora anezewa no kubona uwo bayikorana yamwangije)

### **3.2.1. Wamenya ute ko wabaye imbata y'igitsina?**

Iyo ubonye ibimenyetso birenze bibiri cyangwa bitatu muri ibi bikurikira kuri wowe ubwawe, kuri mwembi nk'abarwubakanye, kuri mugenzi wawe, cyangwa ku mubyeyi wawe, ni ikimenyetso cy'uko bishoka kuba imbata y'igitsina:

1. Akunda kuba kuri mudasobwa cyangwa imbere ya televiziyo iyo nta bantu bari mu rugo cyangwa bose bamaze kuryama.
2. Agendana agakapu, agira agasanduku cyangwa akabati gahora gafunze ku buryo nta wundi ugafungura uretse we,
3. Akunda kwitegereza cyane umuntu w'igitsina batandukanye igihe bahuye.
4. Abona amafaranga mu buryo budasobanutse.
5. Ava ku kazi atinze, cyangwa ntatahe yitwaje impavu z'akazi.
6. Iyo ari kuri interinete ukamwegera ahindura vuba na bwangu ibyo yarebaga.
7. Imibonano mpuzabitsina hagati ye n'uwo bashakanye isa nk'aho itakibaho cyangwa bayikorana bikaba mu buryo bwo kurangiza umuhango budashimishije.
8. Aba ameze nk'uri kure cyane mu buryo agaragariza uwo bashakanye amarangamutima.
9. Ubona arangaye cyangwa adahari rwose ndetse no mu bihe byo gutera akabariro.
10. Inyifato ye irahindagurika cyane, aratsibuka cyangwa agahutazanya.

Ibiganiro bye mu rugo ubona bihisha twinshi ku birebana n'ubuzima bwe bwite.

### **3.2.2 Ni gute watsinda ububata bw'igitsina?**

Uburyo bwo gutsinda iyi ngeso ni bumwe n'ubwo gutsinda ububata ku biyobyabwenge. Inama nyinshi zihabwa abafata ibiyobyabwenge ni nazo zihabwa ababaye imbata y' igitsina (na cyo ni ikiyobyabwenge).

1. Intambwe ya mbere **ni ukwemera ko icyo ari ikibazo ufite** kandi ko witeguye kugikosora ugahindura imyifatire.
2. **Shaka ubufasha bw'undi muntu.** Umuntu wa mbere ushobora kubigufashamo iyo wubatse ni uwo mwashakanye mubifashijwemo n'inzobere. Undi ushobora kugufasha niba utarashaka, ni inshuti ifite ubunraribonye kandi y'inyangamugayo cyangwa umubyeyi wizeye.
3. **Nta guhuga cyangwa kurangara.** Irinde kuba wenyine mu bwihiugiko, gira gahunda y'akazi iteguye neza ku buryo utagira umwanya wo kwihiugiraho.
4. **Iyemeze ubunyangamugayo budakebakeba.** Gambirira kutagira undi mukorana imibonano mpuza bitsina utari uwo mwashakanye. Niba uri ingaragu gambirira gutegereza uwo muzarwubakana.
5. **Fata ingamba zisobanutse kandi zihamye zo kwirinda.** Funga site zimwe zo kuri interinete zigutera ikibazo, gabanya igihe umara kuri mudasobwa...
6. **Shaka ibikurangaza bindi** kandi ubikorere hanze, cyane cyane aho utamenyereye.
7. **Niba ari ingeso wavanye mu bwana,** ni ngombwa gushaka inzobere mu kuvura intekerezo kugira ngo zigufashe gufunguka no kwibohora

ku bintu bigutesha umutwe kubera ko wagerageje kubyiyibagiza  
igihe kirekire bikanga bikagaruka.

**8. Inama ku bakwitaho:** mwereke ko umwitayeho kandi umwumva.  
Mufate nk'umurwayi ukeneye kwitabwaho ngo akire. Si byiza  
kumucyurira cyangwa kumunegura kubera inyifato itari nziza yagize.  
Akeneye umuntu umwumva, umwishimiye kandi umutera ubutwari  
mu byemezo byiza yafashe.

**9. Igihe wongeye kugwa mu mutego,** Wikwiheba nk'aho isi  
yakurangiriye. Gerageza gushaka icyaba cyabiteye. Suzuma ibyo  
wasomey cyangwa warebye, n'ibyo watinzemo igihe kinini. Shaka  
uko wafata icyemezo cyo kutishyira ahantu hagutera gusubira ku cyo  
waretse.

**10. Girana umushyikirano uhamye n'Imana.** Kubana n'Imana bituma  
ugira intekerezo nzima, zatabangamira umutimanama wawe. Igihe  
wumva irari ryo kwikinisha rije, va mu buriri, pfukama usenge, soma  
inyandiko zigutera kwibwira ibitunganye. Abafilipi 4:8

**11. Wijenjeka:** uru rugamba si urwo kujenjekerwa, rusaba imbaraga no  
kwiyemeza kandi umusaruro uranezeza.

**12. Niba umaze gutsinda, fatanya n'uyu musore ugira uti:** "nta kintu  
na kimwe ku isi narutisha umunezero wo mu mutima natewe no  
gukira ubu bubata."

#### **IGICE CYA 4**

#### **IMIBONANO MPUZABITSINA MBERE YO GUSHYINGIRWA**

Abasore bakunze kwibaza bimwe mu bibazo bikurikira:  
Ese abantu bakundana koko, gukorana imibonano mpuzabitsina hari icyo  
bitwaye? Ese ni ngombwa gutegereza gushyingirwa? Ndacyari isugi/

imanzi; ubwo se ndi muzima?

Ubushakashatsi bwakozwe n' ikigo cya Alan Gutt. acher bwerekanye ko abahungu 8/10 n'abakobwa 7/10 biyemerera ko bakoze imibonano mpuzabitsina mu bugimbi bwabo. Mu gihe ababyeyi bo bumva ari agahomamunwa, abasore bo bibaza niba ibyo byabura mu buzima bwa gisore.

Ikigaragara cyo ni uko ubushake bwo gukunda no gukundwa ari ikintu gisanzwe; kandi iyo umuntu ari umusore, iyo mbaraga imuganisha kuri mugenzi we iba ikomeye cyane ku buryo byanamutesha umutwe. Inshuti z'urungano na zo zishobora kugushora muri izo nzira zikubwira ko gukora imibonano mpuzabitsina byerekana ko usoretse, ko ukuze kandi ushoboye nk'umusore ; bikarushaho gutuma ugira ibyangombwa byose byuzuye by'igtsina gore maze kugira ngo utagaragara nk'uwasigaye inyuma ugakora nk'abandi.

Ikinyuranye n'ibyo benshi bibwira ; abasore bose ntabwo bumva byihutirwa gutakaza ubusugi cyangwa ubumanzi bwabo. Bazi neza ko gusambana ari igicumuro gikomeye ku Mana (Itangiriro 39 :9), ku uwo bazahuza umugambi wo kurushinga ndetse no ku bo bazibaruka. (1Abakorinto 6:13 ; 18; 1Abatesaloniki 4:3).

#### **4.1. INGARUKA ZIBABAJE**

Mu mateka ya Bibiliya, tugaragarizwa bamwe mu bakoze imibonano mpuzabitsina mbere yo gushyingirwa. Hariho umugore utagira umutima watumiye umusore n'akarimi gashyeshya aramubwira ati : " Ngwino dusohoze urukundo rwacu twinezeze tugeze mu gitondo."(Imigani 7:18). Nyamara Bibiliya yongeye kwerekana ko umunezero wa none ushobora guhinduka agahinda ejo : "Kuko yagushije benshi akabakomeretsa. Ni ukuri abo yishe ni umutwe w' ingabo munini. Inzu ye ni inzira igana ikuzimu, imanuka ijya mu buturo bw'urupfu." (Imigani 7 :26-27)

"Kuko iminwa y'umugore w'inzaduka itonyanga ubuki, kandi akanwa ke karusha amavuta koroha, ariko hanyuma asharira nk'umuravumba, agira ubugi nk'ubw'inkota ityaye. Ibirenge bye bimanuka bijya mu rupfu..."  
(Imigani 5 :3 -5); "Amaherezo ukazaboroga umubiri wawe umaze kugushiraho, ukavuga uti : Ayii we, ko nanze kwigishwa ! Umutima wanje ukanga guhanwa. Azapfa azize ko yanze kwigishwa..." (Imigani 5:11-13, 23)

Imibonano mpuzabitsina ya mbere yo gushaka igira ingaruka z'uburyo bwinshi. Dore zimwe muri zo:

- Ingaruka ku mubiri
- Ingaruka ku ntekerezo
- Ingaruka ku mibanire n'abandi
- Ingaruka mu bya Mwuka

#### **4.1.1. Ingaruka ku mubiri**

Zimwe mu ngaruka ku mubiri ziterwa n'ubusambanyi ni izi zikurikira:

- Indwara zandurira muri iyo nzira (imatezi, mburugu, SIDA...).  
Imigani 5:11
- Kanseri y'inkondo y'umura
- Ubugumba
- Gutwita imburagihe
- Gukuramo inda ukiri muton'inkurikizi zabyo.
- Kwangirika mu gihe cyo kubyara no kurwara kujojoba
- N'ibindi

#### **4.1.2. Ingaruka ku ntekerezo**

Imibonano mpuzabitsina ya mbere yo gushinga urugo ntigira ingaruka ku mubiri gusa ahubwo yangiza bikomeye intekerezo. Mu bigaragara, abasore bishoye mu busambanyi, bemeza ko bubagiraho ingaruka zikomeye nk'uko ubushakashatsi bwa Sorensen bubyerekana : mirongo ine na batandatu ku ijana (46% ) mu bakoze imibonano mpuzabitsina mbere yo gushaka bahamanya n'aya magambo : " Uburyo ndiho muri iki gihe, ndimo ndapfusha ubusa ubushoboz hafi ya bwose nari nifitemo

kandi ubusambanyi butuma nta cyizere nigirira, ntakaza ibyiringiro, nanje ubwanje sinikunda." Dore zimwe mu ngaruka zibabaje zigera ku ntekerezo z'umuntu :

- ❖ Gushaka udakuze mu ntekerezo
- ❖ Guhorana ikidodo cy'ubuhemu cyangwa cy'ubwicanyi iyo wakuyemo inda cyangwa ugata uruhinja.
- ❖ Kvitakariza icyizere, kutiyubaha, ndetse no kubahukwa n'ababonetse bose.
- ❖ Ikimwaro ndetse no kwicuza ko utashoboye kwifata
- ❖ Iseseme (urwango no kumva ko wiyanude)
- ❖ Imibonano mpuzabitsina ya mbere ibabaza inshuro ebyiri, itesha umutwe, ibyo wari uyitezemo utarayikora si byo ubona, kuko isigira uyikoze kutanyurwa no kumva atuzuye.
- ❖ Iba inkomyi ku nnumero wari mbere yo kuyikora
- ❖ Kutabona icyiza cyangwa ubwiza mu watumye utakaza ubusugi bwawe.
- ❖ Ubusambanyi butuma umuntu atakaza intekerezo nzima.

#### **4.1.3. Ingaruka ku mibanire n'abandi**

- ❖ Ishyari, gukeka no kutizera uwo mwashakanye (buri gihe wumva ko hari uwundi baryamana).
- ❖ Kubona ubugome mu uwagushoye mu gikorwa cyakugejeje ahantu hatanejeje.
- ❖ Kumva utagikeneye kubona uwo mwakoranye amabi
- ❖ Kwisenyera urugo mu gihe gishyize kera: kunanirwa gucyaha abana bakwitwara nabi mukitana bamwana kubera amateka mwibuka
- ❖ Kutabona icyiza mu muntu watumye utakaza ubusugi cyangwa ubumanzi bwawe.
- ❖ Kubana n'uwo mwarwubakanye mwishishana, mufite utwo mukingakingana, mutabwizanya ukuri kose
- ❖ Kuba waca inyuma uwo mwashakanye, wibwira ko nawe adashobora kukubera indahemuka igihe cyose
- ❖ Kunanirwa gukosora no gutanga uburere ku bazagukomokaho cyangwa abo uyobora
- ❖ Gukinga burundi urugi rwo guhitamo no gukunda uwo muzarushingana (ubusambanyi bubera inkomyi ikomeye cyane amahirwe yo gutoranya cyangwa guhitamo igihe cy irambagiza n'irambagizwa kigeze. Bensi bafata ibyemezo huti huti kubera gutinya gutahurwa).

#### **4.1.4. Ingaruka mu bya Mwuka**

- ❖ Kugururira amarembo ibyaha byinshi nko kubeshya, kwica,

- ishyari, kwifuza, ubuhemu, gucana inyuma...
- ❖ Gucika intege mu bya Mwuka, kudashikama mu kuri, kurengera amafuti aho kuyacyaha.
  - ❖ Gutakaza ubushobozi bwo kwigisha abana bawe inzira itunganye
  - ❖ Guhorana igishinja, gucika intege no gusubira inyuma, kubura amahoro y'umutima, gutakaza ibihe byiza byo gusenga.
  - ❖ Kugwa burundi mu bya Mwuka no kuzimira by'iteka.

Dogiteri Jay Segal mu bushakashatsi yakoze ku bakora mibonano mpuzabitsina ya mbere yo gushaka, mu banyeshuri 2436 bo mu mashuri yisumbuye yo muri leta zunze ubumwe za Amerika, yerekanye ko imibonano mpuzabitsina ya mbere ugoranye n'ubo mutashakanye ibabaza inshuro ebyiri kurusha ishimisha. Itesha umutwe, itera kuzinukwana kandi igasigira uyikoze kutanyurwa no kumya atuzuye.  
 Abasore bose babibona kimwe; iyo mibonano akensi ibabera ikibazo n'inkomyi mu ntumbero bari bafite mbere.  
 46% z'abasore biyandarika, bavuga ko nta mugambi ufatika baba bafite kandi ngo nta n'ubwo bumva banyuzwe: bamwe bat: "Numva mba ndi gupfusha ubusa ubushobozi bwanjye"

Ikindi kibabaje cyane ni uko ubushakashatsi bwerekanye ko kwiyandarika bituma wiburira icyizere ugatakaza ubushobozi bwo gukunda.  
 Nubwo abashakanye ari amasugi bashobora kugirana ibibazo mu mibonano mpuzabitsina, iyo bubakiye ku rukundo nyakuri bakaba barafashe icyemezo cyo kubaha amasezerano bagiranye, muri rusange ibyo bibazo bahangana nabyo kandi bigakemuka neza.

#### **4.2. INYUNGU ZO KURINDA UBUSUGI BWawe**

N'ubwo igihe tugezemo kigaragaza ko kwiyandarika nta kibazo biteye, ubushakashatsi bwerekana neza ko umusore wagize amahirwe yo kurinda ubusugi/ubumanzi bwe, akagira imibereho irangwa n'imico mbonera ikwiye, ntahubuke mu guhitamo uwo bazarwubakana, abikuramo

inyungu nyinshi, zimwe muri zo zikaba ari izi zikurikra:

#### **4.2.1. Kugira amahoro y'umutima no kwiyubaha**

- ❖ Ugira ubushobozi bwo gukunda by'ukuri
- ❖ Wumva ufite agaciro nk'aka Dama.

#### **4.2.2. Ufata icyemezo cyo gukunda udahubutse.**

- ❖ Nta bwoba ugira mu gufata icyemezo cyo gukunda, nta pfunwe ryo kubengwa kubera amateka wagize.
- ❖ Bituma ugira igihe cyo kumenyana n'uwo muzabana, kuko nta rwikekwe rukwhitisha ngo ugire ibyo ushaka korosa cyangwa guhishahisha.
- ❖ Ibiganiro ugirana n'uwo muzabana biba byimbitse, byubaka (iyo muryamanye mbere bihagarika burundi ibiganiro byimbitse ntumuzashobore guhangana n'ingaruka zo kudahuza kuza nyuma yo kubana).

#### **4.2.3. Byubaka ubumwe bukomeye bw'abashakanye**

- ❖ Nyuma yo gushyingirwa muhora muvumbura udushya n'ibyiza binejeje kandi bibaguye neza
- ❖ Mwubahana n'uwo mwashakanye kandi mugahana agaciro
- ❖ Mwubaka isano ihamye
- ❖ Bitera umuntu kumva ikimushishikaje cyane ari ukunezeza mugenzi we kuruta kwinezeza we ubwe.
- ❖ Umushyikirano uhamye n'ibiyumviro ku nkoramutima ye, umugore yiyyumvamo, icyizere agirira umugabo n'uko umugabo amwibonamo bituma umugore anezeza umugabo we mu gihe cy'imibonano mpuzabitsina (Seymour Fisher).

Ku bagore 177 bakoreweho ubushakashatsi; 3/4 by'abakoze imibonano mpuzabitsina mbere yo gushyingirwa bagira ibibazo mu mibonano n'abagabo babo mu byumweru bikurikira ubukwe bwabo; kandi benshi bagira ibibazo nk'ibyo bihoraho byo kunezeza uwo bashakanye, baba barakoze imibonano mpuzabitsina mbere yo gushaka.

Ubushakashatsi bwongeye kwerekana ko abatinyuka guca inyuma abo bashakanye benshi muri bo baba barasambanye mbere yo gushaka

(bakubye kabiri ubwinshi abarinze ubusugi bwabo).

Twibukiranye ko mu Bagalatiya 6:7, 8 havuga ko "umuntu wese icyo abiba ari cyo azasarura". Ubiba irari azasarura gushidikanya no gukora ibyo atizeye ko ari byo. Naho ubiba kwirinda no kwifata azasarura ubudahemuka no kwizerwa.

Abihangana kugeza bashatse, bagira amahoro y'umutima, bazi ko banezeza Imana.

Reka twumve ubuhamya bwa Esther n'umugabo we: "Umunezero mfite wo gushyingirwa nywumaranye imyaka myinshi." Umugabo we ati: "ni ibyishimo bitagira impinduka gutaha mu rugo nkahasanga umugore wanje kandi nkaba nzi neza ko twe twembi umwe yihaye undi nta kwizigama. Nta kintu na kimwe gishobora gusimbura muri jye icyizere mufitiye.

None se basore nkunda, ko iki cyorezo cyo gutakaza ubusugi cyoretse benshi, kubugumana bikaba bitakigezweho, bituma musekwa, mukibazwaho byinshi, ntimugubwe neza, ni nde uzabibafashamo? Muzirikane ko Yosefu yari umusore nkamwe: yaratinyutse rwose atanga icyitegererezo cyiza ku basore benshi biyubaha kandi bakubaha Imana n'ababyeyi, by' umwihariko bakubaha uwo bazarwubakana. Dore uko yahamije: "Nahangara nte gukora icyaha gikomeye gityo ngacumura ku Mana!" (Itangiriro 39:9).

Mwibuke ko kurenga imbibi zakugenewe, ari ukwambuka umupaka ubutazasubira inyuma, ni ugutakaza indangagaciro itazakugarukira ukundi! Ni ugukinga burundu urugi rwo gukunda, gushishoza no guhitamo neza! Amunoni na Tamari batubere akabarore "...Urwa ngo yamwanze ruruta kure urukundo yari yamukunze..." (2 Samuel 13:15).

#### **4.3. NI GUTE WAHAKANA IMIBONANO MPUZABITSINA YA**

## **MBERE YO GUSHYINGIRWA?**

Ubushakashatsi bwagiye bukorwa ku basore batandukanye, bwerekanye ko benshi muri bo bibaza kandi bifuza kumenya uburyo bahakana imibonano mpuzabitsina ya mbere y'uko bashyingirwa.

Zaburi ya 119:9, umunyezaburi na we yabajije ikibazo gisa n'icyo:  
"Umusore azeza inzira ye ate?" Igisubizo cyabaye iki gikurikira:  
"Azayejesha kuyitondera nk'uko ijambo ryawe ritegeka."(Zaburi 119:9).  
Yarongeye aravuga ati: "Nagushikamishijeho umutima wose, ntukunde  
ko nyoba ngo ndeke ibyo wahamije."(Zaburi 119:10). Umuhanuzi  
Yesaya na we yongeye gutanga igisubizo gisa n'icy'uyu munyezaburi  
kuri iki kibazo agira ati: "Ugushikamishijeho umutima uzamurinda abe  
amahoro masa, kuko akwiringiye." (Yesaya 26:3). Umunyezaburi afite  
ishingiro iyo akomeza igitekerezo cye muri aya magambo: "Nabikiye  
ijambo ryawe mu mutima wanje, kugira ngo ntagucumuraho." (Zaburi  
119:11).

(Reba ifoto ikurikira urabona uko Yozefu umusore wabitse ijambo  
ry'Imana mu mutima we yahakaniye umushuka)

Yozefu yatsindiye ku gacuri koretse abasore benshi batazi ibanga ryo  
kwisunga Imana



#### **4.3.1. Rinda umutima wawe**

Kugira ngo ijambo ry'Imana rigenge imibereho yawe, ni ngomwa kuryiga usenga, kandi ugakunda gusoma n'izindi nyandiko zigufasha kugirana umushyikirano uhamye n'Imana.

Ibyo bizagufasha guha agaciro amategeko y'Imana, harimo n'irya karindwi rikubuza ubusambanyi. Ikibusanye n'ibyo, nukunda gusoma ibitabo, kureba kuri televiziyo na interineti, bikangura muri wowe ushake cyangwa irari ry'ibitsina, nta kabuza ko bizakugora kwifata.

Fata icyemezo cyo kubyirinda rwose. Reka "iby'ukuri byose, ibyo kubahwa byose, ibyo gukiranuka byose, ibiboneye byose, iby'igikundiro byose, n'ibishimwa byose, ni haba hariho ingeso nziza kandi hakabaho ishimwe abe ari byo mwibwira." Abafilipi 4:8

Ubushakashatsi na none bwerekanye ko, inshuti tugendana zishobora kudufasha kugumana ubusugi ku bakobwa n'ubumanzi ku bahungu. Umunyezaburi yaranditse ati: \*"Mbana n'abakubaha bose, n'abitondera amategeko wigishije." (Zaburi 119:63). Niba rero wowe uhitamo kubana n'abantu bajenjeka mu by'ijambo ry'Imana, ntibizagutangaze nukora nkabo kandi n'ingaruka zikazaba mbi. "Ugendana n'abanyabwenge azaba umunyabwenge na we. Ariko mugenzi w'abapfu azabihanirwa."

(Imigani 13:20).

#### **4.3.2. Ni gute wakwirinda kugwa mu mutego niba hari uwo mwuzura mudahuje igitsina?**

Bibiliya ituburira igira iti: "Umutima w'umuntu urusha ibintu byose gushukana kandi ufite indwara ntiwizere gukira?" (Yeremiya 17:9). Ushobora kuba rwose wiyumvamo imbaraga rukuruzi ikuganisha kuri mugenzi wawe, ibyo ni ibisanzwe. Ariko uko mukomeza kuba kumwe iyo mbaraga igenda ifata indi ntera; kandi iryo rari rishobora gutuma utandukira. Kuko mu mutima w'umuntu ari ho haturuka ibitekerezo bibi: kwica, gusambana no guhehet..." Byavuzwe na Yesu muri Matayo 15:19.

Si kenshi abasore bateganya kuryamana batararushinga. Ahubwo kuko baha umwanya ibikorwa nko kwegerana cyane (kugwatirana), gukorakorana ku bice bimwe by'umubiri bitera intekerezo gusinda,

bisanga batwawe kugeza ubwo batagishoboye kwigarura. Batangirira ku kwegerana, gukorakorana, gusomana, maze mbere y'uko bamenya ibibaye, ugasanga imipaka yose bayirenze nta rutangira.

Kugira ngo utagwa muri uwo mutego, ni ngombwa kumenya kwitegeka, ntiwemerere umutima wawe bwite ko ukujyana aho wishakiye. Imigani 23:17. Ariko se wabigeraho ute?

❖ **Shyiraho imipaka udakwiye kurenga:** Umusore ashobora kwibwira ko icyo fiyanse we amwifuzaho ari ukumugwatira, kumusoma, kumukorakora, nyamara atari ko biri. Ibyo nta kindi bibyutsa muri bo usibye urugamba rwo mu mutima rutari kubaho iyo atabikora. Ni byiza ko abafite gahunda yo kuzabana bagira bimwe bumvikanaho, bagashyiraho imipaka ituma batarengera igihe bagaragarizanya ubwuzu n'urukundo bari kumwe. Ambara imyambaro idateza ikibazo kubera ko ari migufi, ikwerekana wese uko uri, ibonerana, yanika ibice bimwe by'umubiri bishobora kubyutsa irari rya mugenzi wawe cyangwa ikakwerekana uko utari bikamutera igishuko.

❖ **Mwikwisyira aho mushobora gushukwa:** Irinde gutindana n'ubo mudahuje igitsina mu bwiugiko, mu cyumba cya wenyine aho batababona, mu modoka ihagaze. Irinde imigoroba n'amajoro muri mwenyine. Menya ibihe byawe by'ukwezi (ku bakobwa): imisemburo ikorera mu mubiri igenga urwungano rw'imyororokere, ku gitsina gore, irasimburana bitewe n'igihe cyabo ngaruka kwezi.

Rimwe, imwe iramanuka hakazamuka indi, na yo igihe cyayo cyagera ikazamuka iyari yazamutse ikamanuka. Ibyo rero bigira icyo bikora ku marangamutima yabo no ku bwuzu bagirira cyane cyane abo badahuje igitsina. Mu gihe cyabo cy'uburumbuke, imisemburo izamuka ibatera gushyuha, gusamara, ubwuzu bwinshi, ku buryo

batitondeye icyo gihe ngo basuzume umushyikirano bagirana  
n'igitsina gabo, bakwisanga barenze imipaka y'ubusugi bwabo.

Bibaye byiza, umukobwa yagena ibihe byo gusurana n'umuhungu  
akunda mu gihe imisemburo itera gusamara yamanutse.

❖ **Vuga oya udakebakeba kandi mu buryo bwiza:** Birashoboka ko mushobora gutungurwa no kwibona mugije kurengera. Igihe ubonye ko ari uko bigenze, fata icyemezo utazuyaje cyo gufasha mugenzi wawe kudakomeza. Mubwire neza kandi udakebakeba cyangwa ngo wipfushe ubusa (isoni zirisha uburozi) ko wumva ibyo wiymvamo bitewe n'ibyo agukorera nko kugukorakora, kugusoma, kukugwatira, kugutindana mu bwiugiko, indoro idasanzwe... .bishobora kubajana kure. Musabe uwo mwanya kubihagarika no kuva aho hantu mwumva habateye guhinduka. Irinde impuhwe nk'iza bihehe cyangwa imbabazi zitari ngombwa muri ibyo bihe. Mufashe rwose gufata icyemezo cya kigabo kandi utamusuzuguye, kuko ubutaha iyo izaba indangagaciro itazibagirana mu rugendo rwa mwembi, nimuramuka mubanye.

Ntazazuyaza kukubwira ko "yanyuzwe burya", ukaba waramubereye ingirakamaro.

❖ **Mujye mwiragiza Imana igihe muhuye n'igihe mutandukanye:**  
Bensi birengagiza imbaraga z'isengesho! Bumva ko bo ubwabo bifitemo ubushobozi bwo kwiyubaha, kandi ko badashobora kugwa mu gishuko batateganyije. Ibyo ni ukwibeshya rwose. Nta budahangarwa ufite ku cyaha igihe cyose utisunze imbaraga yagitsinze. Nturagera aho satani atarasa imyambi, ni yo mpamyu udakwiye na gato kwirara kuko isengesho rishobora kubabera akarinda basazi (garde fous) igihe mwembi mutari kubibasha. "Ariko dufite ubwo butunzi mu nzabya z'ibumba, kugira ngo imbaraga zisumba byose zibe iz'Imana

zidaturutse kuri twe." (2 Abakorinto 4:7).

## **IGICE CYA 5**

### **UBUCUTI N'URUKUNDO**

Ubucuti n'urukundo n'ibintu bibiri by'ingenzi cyane mu buzima bwa muntu. Buri wese arabikenera kugira ngo ubuzima bwe bube bwuzuye kandi bufite icyerekezo kirambye.

Ubucuti n'urukundo ni ibintu bibiri bitandukanye ariko na none bifite ahobihurira. Kugira ngo ubashe guhitamo umukunzi witoreza mu kibuga cy'ubucuti.

#### **5.1. UBUCUTI**

Igihe cy'ubusore bw'umugenda (adolescence) ni cyo gihe cyiza cyane cy'ubucuti. Ni cyo gihe umusore aba atangiye kurenga isano agirana n'umuryango ugizwe n'ababyeyi n'abana, agafungukira n'abandi, agatangira kwibona mu muryango mugari w'abaturanyi n'urungano (sosiyete). Mu bucuti ni ho umusore afungukira, inzozi ze agatangira kuzishyira mu bikorwa kandi ni byiza kumwumva, kumufasha no kumushyigikira mu kurema ubucuti bwiza, kuko ariho avoma ibituma impano ze zikura, akazihuriza hamwe n'iza bagenzi be. Tuzirikane ko abishyize hamwe bagwiza imbaraga.

Mu bucuti bw' abakiri bato habamo ubucuti bwiza bw'abasangije inshingano, umurimo (collègues) cyangwa abahuje impano (talents). Habamo n'ubucuti bubi bw'udutsiko (bandes) duhuje ingeso cyangwa tuzanduzanya. Abo basore kenshi bahuzwa no kurangaza, gushitura, gutesha umutwe abakuze ndetse na sosiyete muri rusange. Utu dutsiko ntitudugirwa inama, twumva twihagije, kandi ntitwifuza utubaza ibyo turimo. Abatugize bishyira kuri mwambonye kandi akensi bibazanira ingaruka zitari nziza bashobora kuzicuza impitagihe.

Mwakwibaza muti mbese ubucuti hagati y'umuhungu n'umukobwa bo muri icyo kigero burakwiye? Umusore wo mu kigero cy'imyaka hagati ya 12 na 20 aba afite byinshi bihinduka mu mubiri we; imisemburo imutegurira ubusore cyangwa ubukumi nyabwo, iba iri gukora ari na cyo gituma hari byinshi byo mu marangamutima ye bihinduka. Akenshi yiyyumvamo umuriro umugurumanamo w'urukundo rumuganisha ku gitsina batandukanye, n'ubwo kumenya imyifatire igenga bene iyo mishyikirano biba bikiri kure, kandi n'amafuti ashobora gukora akaba ari menshi.

Imwe mu ngaruka umukobwa n'umuhungu bo muri icyo kigero bashobora guhura na yo, ni uko umwe yakwikubira undi ntibafunguke, kandi iyo ari yo myaka myiza yo kungukira ku bandi. Ibyo biyummamo bituma bafata imyanzuro y'abantu bakuze kandi bakiri bato ibyo bikabagiraho ingaruka mu bihe bizaza. Ni yo mpamvu, ibyiza ari uko ubucuti bwo muri icyo kigero bw'abadahuje ibitsina, bukwiriye kuba mu matsinda ya benshi kuko ari byo bituma wigira kuri benshi, ukununguka byinshi bizagufasha mu buzima. Urimenya, ukamenya n'abandi ndetse n' impano zabo zuzuzanya n'izawe, ari na byo bizagufasha guhitamo neza uwo muzasangira ubuzima igihe kigeze.

Ubu bucuti bukwamuraho ubunyamusozi n'ubufura. Buragorora kandi bukubaka. Si byiza rwose na busa kuba nyamwigendaho cyangwa kwikubirwa n'umuntu umwe muri iki kigero. Mu kibuga cy'ubucuti hagomba kubamo abakinnyi benshi kandi bakina mu myanya itandukanye hakurikijwe impano zabo n'ubunararibonye bafite. Aha niho bitoreza gushyikirana no guta ubunyamwigendaho; ni na ho nk'uko twabivuze haruguru ushora gukura ubushobozi bwo guhitamo umukunzi muberanye kandi mwuzuzanya.

Nk'uko abakinnyi bo mu mwanya uyu n'uyu buzuzanya n'abari mu

wundi mwanya kugira ngo batsinde cyangwa badatsindwa, ni na ko umusore n'inkumi bafite impano zitandukanye (ibyo kandi nta handi wabimenyera usibye mu kibuga cy'ubucuti) bashobora kuzuzanya, igihe cyagera urugo bashinze rukaba rwiza.

❖ **Ubucuti hagati y'abakobwa babiri:** abakobwa bagirana ubucuti mu buryo bworoshye kurusha abahungu hagati yabo, ariko na none batanya n'ibintu bidafashije kurusha abahungu. Iyo bumva ko ari inshuti zikomeye babwirana twose n'amabanga yabo, ariko iyo bashwanye cyangwa umwe akunguka indi nshuti, buri wese ntatinya kubwira inshuti ye nshya amabanga ya mugenzi we. N'ubwo kandi bakundana, bakagendana, bagasangira twose n'utwenda bakadutizanya, ntibitangaza ko umwe yagirira ishyari mugenzi we ku bw' amahirwe amurushije ku buryo abonye n'uko yayamuvutsa yabikora.

Ubucuti bwa babiri gusa, muri iki kigero, baba abahungu cyangwa abakobwa hagati yabo, ntibukwiriye kwimbika cyane kugeza ubwo bumva nta wundi wakwinjira mu buzima bwabo; kuko iyo batandukanye, mu mitima yabo hasigara icyaho kinini cyane. Kwibuka umubano wabo wa mbere, haba ubwo bitumye bumva nta yindi nshuti mu buzima bagira ihwanye cyangwa yabarutira iya mbere.

#### 5.1.1. Ibantu by'ingenzi bituma ubucuti buramba

- ❖ Kubahiriza ibigenga umuco n'ibya Mwuka.
- ❖ Kuba ibyo urimo wumva ari na byo bikurimo koko, kandi ntukebakebe ukaba umunyakuri. Nta kintu kiramba cyubatse ku kinyoma.
- ❖ Ubugwaneza burangwa no gufasha, kumwenyurirana no kurengera inyungu za mugenzi wawe.
- ❖ Ikinyabupiura gituma imibanire y'abantu ishimisha.
- ❖ Kunezezwia n'ubuzima, bituma ukora udacogora kugira ngo ube uwo uri we, unagire icyo umarira abandi.

#### 5.1.2. Ibyiza by'ubucuti

- ❖ Butuma twimenya, impano zihishe muri twe zikajya ahagaragara.
- ❖ Butuma tubona isi uko tutayibonaga mbere, tuvumbura impano

- ziri muri bagenzi bacu, tukanazigiraho cyangwa tukazigana.
- ❖ Ni bwo buryo bwiza bwo guca umunyururu w'ubwigunge.
  - ❖ Ikigeretse kuri ibyo byose, ubucuti ni cyo kibuga cyiza cyitorezwamo guta ubunyamusozi, ubufura, ubutagondwa...ibyo bikaba byakugeza ku yindi ntambwe ikomeye mu buzima yo guhitamo neza udahuzagurika umukunzi igihe kigeze.

## **5.2. URUKUNDO**

Urukundo ruba hagati y'abadahuje ibitsina kandi bamaze kuva mu bwana (mürs). Rufata byose ku muntu, rurafuha (ntirwishimira ko umukunzi yabonekwaho n' inenge, yaseba cyangwa ngo ateshwe agaciro n'abandi), kandi rushaka umwihariko. Mu bucuti nta fuhe rihaba.

Urukundo ruhuza ibya Mwuka, iby'imibanire ndetse n'iby'umubiri wifusa. Ntirugira umupaka, rusangira twose. Ubucuti bwo bugira umupaka, inshuti zishobora kugira bimwe zidahuza, zidasangiye, kandi ntibiziteranye.

### **5.2.1. Urukundo ni iki?**

Reka turebere hamwe uko umwanditsi Pierre Lanresse yavuze ku rukundo mu gitabo cye cyitwa Amabanga y'urukundo (Les secrets de l'amour):

Yaranditse ati:

**Urukundo ni ukugira uwo wishingikirizaho kugira ngo ubeho,**

umuntu cyangwa Imana, mukaba hamwe, ukemerwa na we (na yo).

Urukundo no kumva wihagije ntibijyana na gato.

**Urukundo ni uguhitamo:** guhitamo hagati y'ababyeyi bawe n'uwo muzabana, guhitamo hagati y'inshuti zawe, guhitamo hagati y'abantu n'Imana. Urukundo nyarwo rudusaba kumenya gushyira ibintu mu mwanya ubikwiye, kumenya gukurikiranya ibintu mu gaciro kabyo; buri marangamutima mu mwanya wayo. Urukundo ni ihame ry'ubuzima risaba gutekereza no gushyira mu gaciro. Ni impano twiyumvamo iyobora ibikorwa byacu.

**Gukunda ni ukwemera kuvunika kugira ngo ugere ku cyo ukeneye**

**nyakuri.** Ukunda nta na rimwe azanyurwa n'umunezero w'igihe gito w'uwo akunda, cyangwa n'uburyo budahagijeakoresha yuzuza inshingano yiye meje ku mukunzi we. Azahora yifuza kurushaho. Pawulo ati: "Ibyiza nshaka si byo nkora." Abaroma 7:19.

**Urukundo si ukugerekanya abantu babiri cyangwa kubegeranya,**  
ahubwo ni ukurema undi mushya (le couple).

**Urukundo ni ukureka kuba wowe ubwawe ugahinduka undi.**


Ibibashimisha n'ibibababaza, ibibatera ubwoba n'ibibarema umutima, intumbero zanyu mwembi z'ahazaza... byose mukaba mubisangiye.

**Urugero:** Niba umwe ahagarariye ibara ry'ubururu undi iry'umuhondo, ntabwo bishatse kuvuga ko ubururu bugomba gukunda umuhondo, umuhondo ugakunda ubururu, ahubwo ni ukwibaza niba bombi bari hamwe bazakunda icyatsikibisi kuko ari cyo kizava mu kuvanga ubururu n'umuhondo.

**Urukundo si ukurebana akana ko mu jisho gusa;**



**ahubwo ni ukureba mu cyerekezo kimwe mwembi.**



**Urukundo ni ukurinda cyangwa kurengera kandi ukubahiriza  
uburenganzira bwa mugenzi wawe. Si ukuzirika cyangwa  
gufungirana mugenzi wawe, ni ukumuha ubwisanzure.**



**Urukundo ni uburyo twita cyane ku mukunzi.** Igihe adutwara ni cyo gituma agira agaciro mu maso yacu. Antoine de Saint Experi ati: "NI ururabo rwa roze mu zindi nyinshi, ariko rwo ndarukunda, kuko ni rwo nabagariye, ndukiza ibinyabwoya, ndaruhira..."

**Urukundo ni inshingano:** ni igikorwa cy'ubushake kandi kinezeza cyane. Ni igisubizo dusubiza udukeneye haba mu byiza cyangwa mu bibi. Ni ukuba umwishingizi w' umukunzi wawe.

**Urukundo ni uguha agaciro umukunzi wawe:** ni ukumwemera uko ari, utamuhatira kunezeza irari ryawe, kandi ntiwirengagize uko aremwe binyuranye n' ukw'abandi.

**Urukundo ni ukumenya birenze imiterere y'inyuma,** ukinjira ukamenya umuntu wese. Kureba neza ni ukurebesha umutima.

**Uburyo twumva urukundo buturuka ku uko twumva iyobokamana.**  
Ese ni akahe gaciro duha umubiri wacu? Ese ni uwo gusuzugurwa cyangwa ni ikintu cy'agaciro dukwiye kubaha? Ese ubereyeho kuwunezeza cyangwa ni uburyo bwashyizweho ngo habeho uruhererekane rw' inyoko muntu maze Imana ikigaragariza muri rwo ? Amahitamo yacu ni yo azaha urukundo rwacu icyerekezo.

Umwanya dushyiramo Imana, ni wo utuma dusobanukirwa urukundo cyangwa ntiturusobanukirwe. Muri iki gihe, gutakaza ibyera bishyira urukundo mu cyeragati kidasobanutse : bamwe barugarukiriza ku gukora imibonano mpuzabitsina gusa, kandi ibyo nta handi biganisha usibye kuzibona amasoko y'ubuzima n'umunezero nyakuri yarakamye, kuko nta handi hera hirabura yaturuka uretse kuri Mwuka muziranenge!

Tuzirikane ibi bikurikira:

**Urukundo ni ukwishakisha:** gukunda bituma wimenya ukanagera ku

ntego z'uwo ushaka kuba we.

**Urukundo ni ukuzura k'umuntu**, ni ukugera ku mugambi uguhesha agaciro ko hejuru.

**Gukunda ni ukuganira** no guhuza urugwiro kw'imitima n'imibiri.

**Gukunda ni ukuba uw'uwundi muntu:** kumva ko uri uw'agaciro gahebuje ku wundi, ko ari wowe akunda cyane, ukamwiha wese utizigamye.

**Urukundo ni ukuba uwo uri we.** Urukundo ni ikintu cy'ingenzi Mu buzima ku buryo kugitakaza ari ugutakaza ubumuntu nyakuri.

### 5.2.2. Zimwe mu nkomyi z'urukundo

- ❖ **Kuba intabwa ukiri muto (ukiri umwana)** bishobora gutuma ubura ubushobodzi bwo gukunda.
- ❖ **Kuguma mu bwana warakuze**, gukunda umubyeyi wawe cyane, kumufuhira no kumva wamwiharira, hari ubwo biba inkomyi ku rukundo, kuko gutandukana na we ushatse bitoroha; ubwenge bwawe bumuhoraho. Iyo ugize ingorane uwo mubyeyi ukamubonaho inenge ikabije, bishobora kuba intandaro yo kutagira undi muntu wumva wakwiringira mu buzima.
- ❖ **Kutiymvamo ko ushoboye:** kwisuzugura kubera inenge, cyangwa ubusembwa ufite, bituma ubona ko udateye ubwuzu kandi ko ntawakwitaho. Ntugakundire intekerezo zawe ko zigutesha agaciro kuko uko wibona bitandukanye rwose n'uko abandi bakubona.
- ❖ **Kwibeshya ku rukundo:** ibi na byo bibuza gukunda by' ukuri. Iyo ababyeyi batumvikana cyangwa ukaba nta bo ufite haba ubwo utekereje ko gushaka ari wo muti w'ikibazo. Ibyo ni ukwhihenda gukomeye cyane!
- ❖ **Kwikunda:** gushaka umuntu wo kugukunda nta kindi bikora usibye kwica burundi urukundo.
- ❖ **Gutinya gukunda:** hariho abatinya gukunda ngo batazahemukirwa,

cyangwa bakabona mu rukundo imibonano mpuzabitsina gusa  
kandi basanzwe bayifata nk'ikintu kizira giteye ipfunwe ku buryo  
bidakwiye ko gikorwa n'umuntu wiyubashye. Guha urukundo isura  
itari yo bigutera kurwirinda.

## **IGICE CYA 6**

### **KURAMBAGIZA UWO MUZUBAKANA URUGO**

Iyo umusore atekereje gushyingirwa, ikibazo cya mbere yibaza ni iki:  
"Mu bakobwa nzi ni uwuhe unshimisha cyane kurusha abandi? Unyura  
kurusha abandi ni nde? Mu cyifuzo cye yifuza umukobwa uzasubiza  
ibyifuzo bye akanyurwa.

Abandi (ni bo bake) bo bibaza iki kibazo gikurikira: "Ese ni nde muri  
aba bakobwa numva nshaka kunezeza akagubwa neza?  
Ibyo wumva birimo ukuri, ariko niba icya mbere kigaragaza umutima  
uguye umwuma, icya kabiri kigaragaza kwikunda, kwishyira hejuru.  
Ibyo na byo nta bumuntu bubirimo na gato.

Abandi bake cyane bibaza iki kibazo gikurikira: "muri aba bakobwa ni  
nde waba umubyeyi mwiza nyina w'abana?"

No ku bakobwa ni uko bibaza bati: "muri bariya bahungu ni nde  
wazavamo umupapa mwiza uruta abandi?" Ariko bahangayikishwa  
n'ibintu afite n'uko ahagaze mu bamukikije (situation sociale).

Aba bake cyane ni bo bahamanya rwose n'ukuri kw'ijambo ry'Imana, yo  
yivugiye imaze kurema umugabo n'umugore iti "Mwororoke mugwire  
..(Itangiriro 1:28). Umugisha wa mbere bahawé ni ukororoka;  
byumvikane ko bidatandukana na gato n'inshingano yo kurera.

Ntabwo ari bibi gutekereza ku buzima bwiza, ariko ikirushijeho kuba  
cyiza ni ugutegura ubuzima buguwe neza bw'abazabakomoka muri uko  
gushyingirwa.

gushyingirwa si ukwishakira kugubwa neza cyangwa  
Umugambi wo kugusha neza uwo muzarwubakana gusa;  
ni ugutegura uko muzakira mukanafata abazabakomokaho,  
ndetse n'uko muzifata ku muryango mugari ubakikije.  
Bamwe mu banditsi b'inraribonye batanze bimwe mu byagenderwaho  
igihe ugeze mu kigero cyo kubaka urugo ukaba ushaka uwo  
muzarwubakana:

#### **6.1. INAMA ZATANZWE NA PIERRE LANARES**

Pierre Lanes mu gitabo cye yise amabanga y'urukundo "Les secrets de l'amour" asaba umusore n'inkumi bageze igehe cyo guhitamo uwo bazarwubakana kwibaza no gusubiza ibi bikurikira:

-Ese aho ntiturutana imyaka myinshi? Iyo murutanwa imyaka myinshi hari byinshi mutabona kimwe, ntimwumva ubuzima kimwe kandi mwaramaze gusezerana kuba umwe. Ibyo rero bigira ingaruka mbi kuri mwe no kubazabakomokaho (ku mugore uruta umugabo we ingaruka ziba zikomeye cyane).

-Ese afite amagara mazima? Umugabo cyangwa umugore urwaragurika ntibimworohera kugera ku buzima (gagner sa vie) n'abazamukomokaho barahazaharira cyane.

-Ese aho ntashyuhirana mu bintu? Ntacika intege vuba? Ntiyishyira hejuru agakabya, ntashyuhirana mu buryo yitabira ibintu? Iki ni ikintu gikomeye gishobora guteza umwuka mubi mu muryango!

-Ese koko azi ubwenge? Ubwenge aha tuvuga si amashuri, diplôme, cyangwa kumenya kuvuga neza; ahubwo ni ubwenge bugera kure bugasesengura ibintu. Dore ibiranga bene uwo muntu:

1. Ashobora gutanga ibitekerezo bye akemera ko n'abandi bavuga ibyabo uko babyumva, ntacika intege cyangwa ngo arakazwe

n'ibitekerezo binyuranye n'ibye.

2. Yemera kwerekwa amakosa ye.
3. Yumva inama akubaha n'abazimuhaye.
4. Ntagendera ku mabwire mu gufata. ibyemezo; asuzumana ubwitonzi ibivugwa mbere yo gufata imyanzuro (ntahubuka).

-Ese aho ntiyazaguhemukira? Ese mu bihe mugaragarizanya urukundo rukomeye ni wowe ufata umwanya w'ingenzi mu bitekerezo bye no mu myidagaduro ye?

-Ese abona ubuzima nk'ubushoboka cyangwa ni umurakare? Umunezero, ubwuzu, icyizere cy'uko ibintu n'ubwo byagora bishoboka ni ngombwa mu buzima. Kuba ari umurakare cyangwa umwihebe, byakwangiza rwose ubuzima bw'umuryango wanyu.

-Ese akorana n'abandi kandi yita ku nshingano ze? Ntahora ashayira amakosa ku bandi? Niba ariko ameze, ubutaha ni wowe azayagerekaho!

-Ese ntasesagura? Ntahora akurundaho amakado atagira ingano? Niba ariko biri, ni ikimenyetso cy'umunyabuntu n'ubwitange, ariko bishobora no kuba ikimenyetso cyo gusesagura.

-Ese mubona mudahabanye cyane mu myumvire mu mu nzego, mu mashuri, muco no mu bindi byose bibatandukanyije? Ese mukenera bimwe Muramutse mudahuje imyumvire, biragoye kubana neza mwisanzyue No gushyigikirana mu bwubahane butarimo uburyarya. Guhora wibombaritse ngo udakoma rutenderi cyangwa udakoza agati mu ntozi, ntibybaka isano irambye. Si byiza kubana mwigengeseranaho kubera ibyo mudahuje. Niba mwembi muha agaciro amasezerano yo kubana akaramata, urugo ntirukwiye kuba gereza ahubwo rukwiye gutanga amahoro n'umudendezo kuri buri wese. Mwibuke ko mwembi mukuze nta ruhinja rubarimo. Aho kwishora mu ruzi urwita ikiziba mwakwitonda

byaba na ngombwa buri wese agahitamo undi, mwebwe mukaba inshuti zisanzwe. Erega n'ubundi abo mwuzura bose ntiwabashaka!

-Ese intekerezo ze n'ibiyumviro bye ntibihora byishingikiriza ku babyeyi be? Bikunze kuba intandaro y'amakimbirane adashira mu rugo. iyo ababyeyi b'umwe mu bashakanye ari bo bayobora cyangwa bakagira uruhare runini mu byemezo bifatwa mu rugo rwanyu.

-Ese ibibi bye urabyemera? Birakabije cyangwa ni utuntu tworoheje? Haba ubwo wabirenza amaso wibwira ko uzamuhindura; nyamara ikibabaje ni uko kugeza ubu nta nkoni ikora ibitangaza nk'ibyo byo guhindura umuntu, ntibyumvikana neza! Igihe nikigera rero ukamurakarira wananiwe kwihanganira ibibi bye, azakubwira ko wamushatse ubizi kandi ko atigeze aguhatira kumushaka.

-Ese ufile ubusembwa ku mubiri cyangwa ibisari ku mutima? Kubihisha byatera ingaruka zibabaje kurenza ko wabibengerwa wabigaragaje. Ni byiza gutangira urugendo rwa mwembi mwubakiye ku musingi uhamye wo kubwizanya ukuri, kuko ni ko shingiro ryo kwizerana no kudahorana ikidodo ku mutima wibaza uti ahari yantahuye ....

-Wumva biguteye ipfunwe kumwereka inshuti, abavandimwe n'ababyeyi? Niba rero bigutera ipfunwe, ni uko nta guhuza guhari. Ibyo bishobora kuzagutandukanya n'umuryango ndetse n'abo mwareranywe, kandi bizakubabaza cyane mu gihe kizaza wivumbure; nyamara kandi ntawubakira ku buzima bwo kwivumbura!

-Ese intego (intumbero), ibibanezeza (goûts), mubihurizaho? Ibyo birebana n'akazi, uko urugo rukwiye gutunganywa, uburyo bwo kuruhuka...

-Ese mwumvikanye ku mubare w'abana muzabyara niba Imana ibabahaye n'uburyo bwo kuringaniza urubyaro muzakoresha? Iki ni ikibazo

gikomeye kigera ku nzego zose z'ubuzima (ku mubiri, ku ntekerezo, ku miterere (personnalité) no ku by'Umwuka) bw'abashakanye. Mukwiye kucyumva kimwe mbere y'uko mwubaka, ejo mutazitana bamwana cyangwa bikababera intandaro y'agahimano, gushurashura cyangwa gutandukana.

-Ese mwumva iby'iyobokamana kimwe? Ni ikintu gikomeye kandi cy'ingenzi cyane kuko ari rwo rufatiro rw'imico yacu n'imyitwarire yacu. Aho niho abashakanye bagomba gutangirira ubumwe bwuzuye. Kudahuza bigira ingaruka kuri bo, ariko cyane cyane ku bana, kuko batamenya aho kwerekeza n' uwo kwizerwa. Kwibwira ko byazahinduka mugahuza nta cyizere kibirimo.

## **6.2. INAMA ZATANZWE NA MAURICE THIECHE**

Maurice Tièche mu gitabo cye yise Indongozi ku burere bw'umuryango "Guide pratique d'éducation familiale.", yatanze inama zikurikira :

Kurambagiza si igikorwa gikwiye guhubukirwa cyangwa ngo cyihutishwe nta kubanza gushyira ku munzani ngo urebe inkurikizi cyangwa ingaruka zishobora kuzakurikiraho zitari ziteguwe. Byaba byiza izo ngaruka zirinzwe uko bishoboka kose mbere yo gufata icyemezo ndakuka cyo guhitamo uwo muzarwubakana.

Umusore cyangwa inkumi ufata igihe agatekereza ku nteg enke ze z'umubiri ndetse n'iz'ubwenge, agatekereza ku byiza ndetse n'ibibi bye, akamenya aho ahagaze neza n'aho bitagenda, azirinda guhitamo uwo bazarwubakana bahuje ibitagenda neza. Igikwiye ni uko yahitamo ufite impano zizafasha mu kuziba icyuho kugira ngo umuryango wabo utazahungabana. Ibi ariko ntibishatse kuvuga ko uzaba mubi ngo utegereeje umwiza wo kuza kugakorera byose ; kubaka ni ukuzuzanya, gususuratsanya no

kugera ku ntego muhurijeho mwembi, umwe abyutsa mugenzi habayeho gusitara cyangwa kugwa (Umubwiriza 4 :9-10).

Bensi mu bitegura kurushinga bashaka ubutungane mu wo bateganya kubana ariko bo ntibifuze kugera kuri ubwo butungane. Ingaruka zikurikiraho ni uko ibyifuzo byabo bitagerwaho kuko bidashoka guhurira n'umuntu mu nzira utigeze ugendamo cyangwa mu cyerekezo utigeze werekezamo.

Gushyingiranwa kwagombye kuba isoko idakama itera kunyurwa. Ni byo, ariko gushyingirwa nta kindi ushakisha usibye gufatwa neza no kunyurwa nta kindi bizakuzanira uretse kubura byose nk'ingata imennye.

Mpa agaciro cyane imibereho y'umuryango kuruta kugaha ibijyanye no gushimishanya hagati y'umugabo n'umugore bo bonyine, mbitewe n'amagambo akomeye yavuzwe n'umusore umwe wagize agahinda kenshi mu buzima. Yari yarababaye cyane kandi agikomeje kubabazwa nuko nyina atamukunda. Uwo mubyeyi yitaga cyane ku mukobwa we akamutonesha ariko ntagire igihe cyo kugaragariza umuhungu we ko na we ari umwana nk'abandi. Ise na we w'umunyantegenke, uwo twakwita mu kinyarwanda cyacu inganzwa, ntacyo yari yarabikozeho. Umusore n'agahinda kenshi yatewe no kudakundwa kuva akiri muto, yaraturitse avuga n'ijwi ryuje umugayo amagambo ntashobora kwibagirwa agira ati: "Oya ! Sinshobora na gato kubabarira papa ikosa yakoze ryo gushaka mama atangishije inama." Umuntu yakumva bishekeje ku ruhande rumwe, ariko ku rundi ruhande icyo bisobanuye kirimitse cyane. Iki ni ikimenyetso cy'umutima ushengutse ubitewe no kwirengagiza inshingano ikomeye kandi ikwiye y'ababyeyi batigeze biyumvisha na rimwe ko gushyingirwa atari ukwishakira umunezero ku giti cyawe no kuwushakira uwo wakunze, ahubwo ari ugutegura uburyo bwiza bwo kuzakira abana muzabyara.

## **Inama ku musore**

Abasore benshi bashaka gushyingirwa, bakururwa byihuse n'uburanga, ikimero, ndetse n'izindi nyungu barebera inyuma. Nyamara, umukobwa wiyiziho ubwiza, agahora ategereje ko buri gihe bahora babivuga ko ari mwiza, ni umugore utari ukwiriye kwifuzwa n'umugabo ushaka ubuzima bufite intego zirenze iz'ibigaragara. Ubwo bwiza buzateza ibibazo byinshi, busabe igihe n'amafaranga kugira ngo abuhorane. Ibyiza, wahitamo umukobwa uteye ubwuzu kubera kwiyoroshy, kumwenyura no guhorana ituza atajahagurika cyangwa ngo ahinduke nk'ikirere.

Akwiye kandi kuba agira isuku kuri we n'ahamuzengurutse. Ntakwiye kubarizwa mu kabyiniro, muri filime, mu nyandiko zihora zivuga iby'inkundo zidafashe (romans) cyangwa ari mudatangwa mu birori.

Uyu ashobora kuba mwiza ariko si muri byinshi. Nezerwa niba akunda gusoma ibitabo byubaka, imyitozo iri mu rugero, kwitegerezza ibyiza byo mu byaremwe, kuba mu bikorwa by'ubugiraneza, aha agaciro abantu, n'ab'umuryango wawe barimo, nk'uko Rusî yari ari: "Rusi aramusubiza ati: "Winyingingira kugusiga no gusubirayo ngo ne kugukurikira, kuko aho uzajya ari ho nzajya, kandi aho uzarara ariho nzarara. Ubwoko bwawe ni bwo buzaba ubwoko bwanjye, Imana yawe ni yo izaba Imana yanje, aho uzagwa ni nzagwa bahampambe, Nihagira ikizantandukanya nawe atari urupfu, Uwiteka azabimpore, ndetse bikabije."(Rusi 1:16-17)

Ese aho ikimushishikaje kuri wowe si amafaranga ubona? Aho ibigushishikaje na we ni byo bimuhangayikishije? Suzuma niba agukunda koko bitari ukwikunda no kwinezeza. Urukundo, rwe rugomba kuba atari urwo kwirebaho, rwimbitse kandi rukwiye. Si byiza kukubonamo umurengezi gusa, umuntu uzatuma asobanuka mu bandi... Akwiye kuba yemera kugukunda mu bihe byijimye no mu bihe by'umucyo, yiteguye kugusubizamo intäge igihe ucogoye kandi akagufasha kugera ku byiza

watangiye haba mu mibereho isanzwe cyangwa mu bya Mwuka wifuza kugeraho.

### **Inama ku mukobwa**

Ese uwo musore aragukunda cyane, ku buryo yatwawe uruhu n'uhande, bikamutera kwirengagiza akazi, ababyeyi, amasomo, inshuti? Oh! Uwo ntiwishuke ko agukunda! Icyo ni ikimenyetso simusiga ko nawe nta mwanya ufile mu mutima we. Uwibagirwa abandi kubera wowe, kandi bamufitiye akamaro, utekereza ko adashobora nawe kubigukorera niba utanatekereza ko gahunda n'akazi yica bishobora kuzatuma mubaho nabi?

Ese yemera inama harimo n'iz'ababyeyi? Aho ntashaka ko mwihutisha ubukwe? Aha rero ni ikitonderwa! Niba agukunda koko, ntazagushushubikanya utabanje kwitonda no gushishoza. Ashobora kuba hari ibyo yikeka ashaka guhisha, cyangwa se ashyira inyungu ze imbere kuruta kumva abandi. Ibyo kandi nta munezero byakuzanira na gato. Ese intumbero ze ni ubukwe gusa, cyangwa afite n'imishinga y'ahazaza? Wibuke ko none muri babiri, ejo mukazaba muri batatu, bane, ndetse n'abandi. Ubwo se koko uremeza ko ubwo buryo bwo kubaho agushakira buturutse ku rukundo?

Ese ibimushimisha kuri wowe ni ibiki? Aho si ubutunzi cyangwa uko umuryango wawe uhagaze? Aho si byo bimukurura nk'uko ikinyugunyugu gikururwa n'urumuri rw'itara? Aho si akajwi kawe keza, imisatsi. ingendo yawe, n'ibindi? Niba ari ibyo atindaho gusa, ndakumenyesha ko utari igipupe! Kubera gukura, kubyara, n'ibindi nk'impanuka cyangwa uburwayi, uko uteye bishora guhinduka, maze wa wundi wakwijeje urukundo rw'ikigombero, mukaba mubyaranye abo.

### **6.3. INAMA ZATANZWE NA Zacharias TANEE FOMUM**

Umwanditsi witwa Zacharias TANEE FOMUM, mu gitabo cye yise

"Kwishimira uko warambagije (Jouir du choix de ton cojoint)"....na we yatanze intambwe z'ingenzi cyane umusore akwiye gukurikiza mu gihe ahitamo uwo bazarwubakana:

### **6.3.1. Kwemerera Yesu akaba umugenga w'ibyawe byose nawe urimo.**

Umaze kwegurira Yesu byose ukitanga utizigamye, na we azaba uwawe wese: kamere ye, ubwenge bwe, ubushoboz bwe, ubutunzi bwe, icyubahiro cye, urupfu rwe, kuzuka kwe, ubutware bwe, gushyirwa hejuru kwe; amateka ye, uko ariho ubu, n'ahazaza he. Ibi kandi bihebuje ibindi byose wagira pe! Ibyifuzo byebihinduka ibyawe, ubushake bwe, ibimushishikaje, imigambi ye, byose biba ibyawe. Aho yerekeza ni ho ujya, wowe na we muba umwe kandi ubwo ni bwo bukirisitu. Kumwiha igice ntaho byakugeza, nta cya Kristo na kimwe bikuzanira. Ibyo uzabona ni ibitaramba ariko numwiha wese uzahirwa mu rugendo rwave rwose (Zaburi 37:5).

### **6.3.2. Kumenya ko Imana igufitiye uwo muzarwubakana ugukwiye.**

Ni yo mujyanama n'umuranga wawe wa mbere, yo yashimye ko ubaho, ugakura, ukageza igihe cyo gushaka, ni na yo yaguteganirije ugukwiriye muri byose: mu bya Mwuka, mu bwenge, mu marangamutima ndetse no mu mibanire yanyu yihariye nk'abashakanye.

### **6.3.3. Imenye ubwawe.**

Intekerezo zawe, amarangamutima yawe, ubushyuhe (gutwarwa) ugira, uko uteye ku mubiri, akamenyero cyangwa ingeso zawe, ubuzima bwawe, imiterere cyangwa umuco w'aho ukomoka...

### **6.3.4. Kumenya ibyo muhuriyeho.**

Mbese mu bya Mwuka murahuza cyangwa murahabanye rwose ? Niba muhabanye ntimukwiye rwose gukomeza kuko abazabakomokaho

mwazabaheza mu rungabangabo.

-Ubu zima bwo kubana nk'abashakanye n'ubw'imyororokere mubwumva kimwe ? Ni ikintu kitonderwa mudakwiye gukinisha cyangwa ngo mukirengagize.

-Akamenyero kanyu karuzuzanya cyangwa ni ibihabane ? Akensi ibyo wakuye iwanyu ni byo ukora iwawe. Niba uri umusore wamenyereye kubona so yakirwa nk'umwami mu rugo rwe, uzifuza ko n'uwo muzabana yagufata nk'uko nyoko yafataga so. Niba rero uwo wahisemo aturuka mu muryango buri wese yimenya, bizabagora guhuza kandi bishobora kuba intandaro yo gusenya.

-Ese intekerezo n'imyumvire, uko mubona ibantu (ubwenge, ubusirimu, ubuturage...) ntibyaba bihabanye rwose ?

### **6.3.5. Emerera urukundo ruyobore guhitamo kwawe.**

Ese koko gutoranya kwanyu kuyobowe n'urukundo? Gutwarwa no kutigarura ubonye umuntu bwa mbere ni uburwayi si urukundo; kandi ni ikibazo gikomeye cyane. Uko uwo muriro ukugurumanamo vuba ni na ko uzima vuba kandi ibya nyuma byanyu biba bibi cyane!

### **6.3.6. Suzuma niba ibyemezo wafashe ari bizima.**

Hari ibantu byibura bitatu bishobora kuguha icyizere ko wahisemo neza:

❖ **Ababyeyi bawe baragushyigikiye?** Wibuke ko itegeko ry'Imana rigusaba kumvira so na nyoko kugira ngo uramire mu gihugu Uwiteka Imana yawe iguha (Kuva 20:12). Kwirengagiza inama y'ababyeyi ni ukwizanira akaga. Yeee, ni byo mwakuze mu bihe bitandukanye ariko na none wibuke ko iyo mungana batari kukubyara no kukurera. Abo rero ukesha kubaho no kurerwa, ntibakwiye gusuzurwa rwose. N'ubwo impamu batanga bakubuza uwo washimye zaba

zidahwitse, wibuke ko Imana iyo ikinguye nta we ukinga yakinga ntihagire ukingura (Ibyahishuwe 3:8).

Nowa yavumye Kanani ukomoka kuri Hamu kuko yamusetse yasinze agakora ibidakorwa, kandi umuvumo we warafashe (Itangiriro 9:21-25). Ababyeyi bashobora gushyira umugambi w'Imana mu bikorwa kabone n'ubwo baba badasobanukiwe n'ibyo bari gukora. Wibuke ibyabaye kuri Baramu ubwo yasabiraga Abisiraheri umugisha kandi yari ajyanywe no kubavuma (Kubara 23:8). Hashobora kuba hari impamvu utazi n'ababyeyi bawe batazi ikaba izwi n'Imana yonyine, kandi iyo mpamvu ikaba ishobora gutuma urugo rwanyu rutazaba rwiza.

❖ **Hitamo abajyanama boyoborwa na Mwuka kandi b'inararibonye,** mubiganireho, mubisabire. Umutwe umwe wifasha gusara ntiwigira inama!

❖ **Wumva ufite amahoro ku Mana.** Mbese koko wumva uhamanya rwose na Mwuka w'Imana ko ari we wakuyoboye (Abaroma 8:14)? Iki ni ikintu benshi bakunda kwirengagiza ariko amaherezo ugasanga bibageza kure, ubuzima bwabo bwose bagatandukana n'Imana kandi inkurikizi zikazaba igisekuru kitubaha Imana haba no kuyimenza rwose. Reka mbibutse ko iyo uvuye mu by'Imana ugera mu ngendo mbi (mu ntara y' amajyepfo ugana igitwe)!

#### **6.4. INAMA ZATANZWE NA ELLEN G. WHITE**

Dore uko umuja w'Imana Ellen G. White na we yatanze inama ku byerekeranye no kurambagiza:

Abagamije gushyingiranwa bakwiriye kuzirikana ingeso n'imimerere y'urugo bagiye gushinga. Kuri bo ni ho hazaturuka urugero rukomeye rw'imibereho y'abana babo muri iyi si, n'umunezero wabo mu isi izaza. Umukristo nyakuri ntazemera ko imigambi ye ijya muri ibyo ataramenya ko Imana ibyemeye. Ntazabasha kuba ari we wihitiramo, ahubwo

aziyumvamo ko Imana ari yo ikwiye kumuhitiramo. Ntidukwiriye kwinezeza ubwacu kuko na Kristo atinezezaga ubwe. Ntawanyemera mvuze yuko umuntu uwo ari we wese akwiriye gushyingirwa uwo adakunda! Ibyo byaba ari icyaha rwose. Ariko kugira ingeso yo gushaka kwinezeza mu buryo bworoshye ntibikwiriye, kuko bijyana umuntu ku kurimbuka. Imana ishaka umutima wose n'urukundo rusesuye.

Abasore b'abakristo bakwiriye kwitonda cyane mu byo gukundana no guhitamo bagenzi babo. Mwirinde kugira ngo ibyo mutekereza ko ari zahabu nziza bitababera inkamba.

Pima icyo ureba cyose, witegerezze amajyambere yose y'ingeso z'uwo ugambiriye gufatanywa akwiriye gushyingirwa uwo na we mu bugingo bwawe. N'aho wakunda ntugakunde utabanje gutekereza. Suzuma witonze urebe ko numara gufatanywa uzagira umunezero cyangwa ukaba umutindi. Wibaze uti: "Mbese gufatanywa kwacu kuzamfasha ngere mu ijuru? Mbese gufatanywa kwacu kuzanyongerera urukundo nkunda Imana? Ese kuzagwiza umurimo wanje ngire umumaro muri ubu bugingo? Niba usuzumye ugasanga icyemezo ufashe kitazagusubiza inyuma noneho ukomeze umugambi wawe wubashye Imana.

Ubukwe ni umuhango wera wahanzwe n'Imana kandi ntabwo ukwiye rwose kujyanwamo umutima wikunda. Abo mu ijuru bishimira ubukwe butahanywe umutima wifuzanya umwete gusohoza iby'ijambo ry'Imana ryigisha. Ubukwe si ikintu ukwiriye kugambirira uhubitse. Reka bibiliya ibe umujyanama wawe ukwiriye mbere yo gutera intambwe ikomeye yo gufatanywa kwanyu.

Niba abasore n'inkumi basenga kabiri ku munsi bataratekereza ibyo gushyingirwa, noneho bakwiriye gusenga kane mbere yo gutera iyo ntambwe.

Ikibabaje ni uko abasore benshi bahitamo kuyoborwa n'ibitekerezo byabo bwite, kandi akensi ugasanga indwara y'urukundo rw'agahararo ari yo ibatera guhubuka no kwanga inama. Aha ni ho abasore benshi cyane bagaragariza ubwenge buke kuruta ikindi gihe cyose! Benshi bomokera mu cyambu cy'amakuba bibwira ko bafite ubwenge buhagije bwo kuyobora inkuge yabo, nyamara ntibamenye yuko bagiye gusekura ku rutare rubasha gutuma inkuge yo kwizera n'umunezero imeneka....

Umugabane munini w'ubukwe bwo mu gihe cyacu, n'uburyo bucyuzwa, ni kimwe mu bimenyetso simusiga by'iminsi y'imperuka. Abasore n'inkumi badakurwa ku ijambo, baheza Imana muri gahunda zabo. Idini bariterera iyo nk'aho ritagize icyo rimaze muri icyo gihe cy'icyubahiro kandi gikomeye.

#### **6.4.1. Ingeso zikwiriye kuranga umugore uzashaka**

- Kuba yiteguye kugufasha imitwaro yo mu buzima
- Kuba afite kureshya kuzakongerera ubupfura n'ubutungane
- Uzakunezeresha urukundo rwe
- Abumbuza akanwa ke ubwenge
- Itegeko ry'ururimi rwe riva ku rukundo
- Amenza neza imico y'abo mu rugo rwe
- Si umunyabute
- Kuba akunda abana n'uburezi bwa gikristo
- Mbese arazigama cyangwa arasesagura? Aho ntakunda iraha no kwinezeza mu bitagira umumaro?
- Aho ntafite ikindi akurikiye kitayobowe n'urukundo nyakuri?
- Mbese azaba umuntu wihangana kandi w'umunyamuhati? d
- Ese aha agaciro ababyeyi n'umuryango wawe muri rusange? Aho ntazagutandukanya na bo, agaha agaciro ab'iwabo gusa?

#### **6.4.2. Ingeso zikwiriye kuranga umugabo uzashaka**

- Mbese ibimuvugwaho yakoze mu bihe byashize ni ibiki?
- Mbese yanga umugayo?
- Mbese urukundo akugaragariza rushingiye ku mico mbonera cyangwa ni ugusamara? Urukundo nyakuri ni ingeso iruta izindi kandi yera; iciye ukubiri rwose n'iy'urukundo rubyukijwe n'irari rije gitumo rigapfa.

Urukundo nyakuri rugira nyambere Imana mu migambi ya rwo.

Urw'agahararo ntiruhanwa, rurahubuka, ntirushyira mu gaciro,  
ntirukomwa imbere, icyo rwikundiye rukigira ikigirwamana cyarwo.

- Mbese umukunzi wawe afite nyina? Ingeso za nyina ni ngeso ki?  
Ese azi inshingano amufiteho? Niba atubaha nyina, mbese aho  
wowe azakuba, agukunde akugaragarize ubupfura n'ubwuzu  
nk'umugore we? Ese agahararo ko gushyingirwa nigashira  
azakomeza agukunde?
- Ese ubona azajya yihanjanira amafuti yawe cyangwa azajya  
aguhoza ku rutoto n' agahato ko kubaha amategeko ye?
- Ese afite ingeso za kigabo? Ni umunyamwete kandi ariringirwa?
- Ese akunda Imana kandi akayubaha? Aho ntakerensa ibintu  
byera?
- Aho si umwirasi n'umunyagasuzuguro?
- Aho ntakunda kuvuga ibibi?
- Ntabwo yamenyereye kunywa inzoga n'aho cyaba ikirahuri  
kimwe?
- Ese akunda gusoma no kumva inshingano Imana yamuuhaye?

#### **6.4.3. Inama zituruka ku babyeyi bubaha Imana**

Bensi mu basore bagamije kurushinga birengagiza nkana inama zituruka  
ku babyeyi babo. Bibwira ko ubwenge bwabo no gukundana kwabo  
bihagije, bakirengagiza umugisha ukomeye bakomora kubo bakesha  
kubaho. Ntibibuka ko urugo rwabo rutazatura rwonyine nk'ikirwa,  
kandi birengagiza ko agahararo nikamara gushira bazakenera ba bandi  
bihenuyeho mu gihe cyo gutangira ubwo buzima.

Basore nkunda, mbese mwibuka ko iyo ntambwe mugkiye gutera ari iyo  
kuzanira ababyeyi umunezero niba abo babyeyi babakunda? None se ni  
byiza gukomeza gushinga ijosi igithe ababyeyi banyu babahendahendera  
inama zabo? Ndasubiza neruye nti oya; kerekka niba mutazashyingirwa.  
Itegeko rya gatanu ribuzanya bene iyo ngeso. "Wubahe so na nyoko  
kugira ngo uramire mu gihugu Uwiteka Imana yawe iguha." Iri tegeko  
rifite isezerano Uwiteka atazabura rwose gusohoreza abubaha ababyeyi  
baboo. Niba mwarashyize Imana ku mwanya wa mbere mu gutera iyi  
ntambwe ikomeye yo guhitamo uwo muzarwubakana, mwishidikanya

ko iyabayoboye itazayobora n'ababyeyi banyu. Nubwo haboneka impinduka zibaturutseho, ni byiza kwitonda mugashishoza kuko hari ubwo Imana yanyuza mu babyeyi banyu inama mutari kwigira ubwanyu kubera guhumwa amaso n'urukundo rw'agahararo maze ibyo bigakumira ingaruka zibabaje zari kuzakurikira gufatanywa kwanyu.

#### **6.4.4. Ingeso idakwiriye**

Gukinisha imitima ni icyaha kitagira uko kingana mu maso y'Imana yera. Nyamara bamwe bakunda inkumi bakanazikundisha, hanyuma bakagenda bakibagirwa amagambo yose bavuze n'amaherezo yayo. Babona undi bakamubengukwa bakavuga amagambo ahwanye n'aya mbere, bakamugira nk'uwa mbere. N'abakobwa ni uko uyu munsi bemerera uyu, ejo bagatendeka undi bibwira ko ari bwo buryo bwiza bwo gutuma batabura umugabo.

Ikibabaje ni uko iyo ngeso izakomeza kwigaragaza mu mibereho yabo bamaze gushyingirwa. Gushyingirwa konyine ntigutera ubwenge bujahagurika gutuza no gushikama. Barambirwa vuba uko gufatanywa, maze haboneka icyanzu bakisubirira mu ngeso zabo mbi.

Indi ngeso ibabaje kandi yamaze guhabwa intebé, ni iyo kwishyingira Umusore wishimira kubana n' inkumi ababyeyi bayo batabizi ntabwo aba ayikoreye ibintu byiza kandi aba atesheje agaciro ababyeyi bayo. Si ibyo gusa, aba yibye kandi itegeko ry'Imana rya munani riravuga ngo "Ntukibe." Ese mukobwa ubwiwe n'iki ko umusore ukugiriye inama yo gusuzugura ababyeyi wowe atazagusuzugura mu gihe gitaha akumvisha uburyo na we burya uri biri hanze kandi ko wakwemera no gushukwa n'undi ubonetse wese nk'uko na we wabimwemereye? Igihe itegeko rimwe mu mategeko icumi ryishwe, intambwe zo kujya hasi no gucogora ntizabura gukurikiraho. Igihe ibihindizo by'ikinyabupfura cya gikobwa bikuweho, ntabwo ubusambanyi bwongera kugaragara

nk'aho ari icyaha gikabije.

Indi ngeso imaze kuba gikwira, ni iyo gushaka uwo mudahuje kwizera.

Haba ubwo bivugwa yuko utizera cyangwa uwo mudahuje kwizera  
akunda itorero kandi ko afite ibikenewe n'uwo bazarushingana, usibye  
ko abuze ikintu kimwe gusa, ko atari umukristo cyangwa ko mudahuje  
kwizera. Kumanuka ujya hasi bitangirana n'umuhigo muhigira ku ruhimbi;  
ishyaka n'umunezero by'idini bikagabanuka igihome kimwe kikagwa  
gikurikiranye n'ikindi, kugeza ubwo byombi  
bibangikanira munsi y'ibendera rya Satani. Mu gihe cy'ubukwe bwanyu  
umutima w'iby' isi wishima hejuru y'umutima uhana no kwizera n'ukuri.

Mu rugo rushya amasengesho ntiyitabwaho, umukwe n'umugen'i baba  
baremeranye maze bagasezerera Yesu! Abantu benshi cyane baretse  
Kristo n'ijuru babitewe no gushyingiranwa n'abatizera. Mbese ni uko  
ijuru rifite agaciro gake byatuma bemera kuvutswa umunezero waryo  
n'umuntu udakunda umukiza mwiza kandi urama igihe gito na cyo  
cyuzuyemo imiruho?

Niba umuntu mudahuje kwizera, nta mpamvu ufile yo gutinda wibaza  
ku byo agusaba. Gutindana na Satani kwa Eva asobanura impamvu zo  
kutarya igiti cyabuzanijwe, ni byo byokoje isi umuvumo kugeza n'ubu.  
Kumena ibanga kwa Samusoni ni ko kwatumye yogoshwa umusatsi  
maze ahanwa mu maboko y'abafilisitiya. Uko ni ko gutinda wisobanura  
cyangwa usobanurira byinshi uwo mudahuje kwizera, byaguhindura  
umunyantege nke amaherezo ibanga wari ufitanye n'Umwami wawe  
rikayoyoka ugasigara uri imbata y'ibitagira umumaro.

Nubwo kubenga ubyemerewe, ntiwemerewe gusuzugura no gutesha  
agaciro uwo mutabyumva kimwe. Wibuke ko n'ubwo mudashyingiranywe  
burya ari mu bantu bake bakubonyemo indangagaciro zo kubaka urugo  
kugeza n'ubwo agusabye ko mwabana. Ni byiza kubenga mu kinyabupfura

no gufata uwo mutazabana nk'umuntu ufite agaciro mu maso y'Imana!!

## **IGICE CYA 7**

### **UBUTUNZI BUHISHWE MU MWANA W'UMUNTU**

Iki gice kizadufasha kumva impamvu zitera abantu batakorewe ibyo bagombaga gukorerwa mu bwana kugira ingorane bikabagora kuzivanamo cyangwa bakabera umuzigo abandi kandi bakuze. Kizadufasha kubonera ibisobanuro imyitwarire imwe n'imwe igaragara mu kigero runaka kandi kinadufashe kumenya uko twabyitwaramo nka ba nyir'ubwite cyangwa nk'umurezi.

Kuva umuntu ari urusoro, kugeza ashaje ageze mu zabukuru, muri we hari ubutunzi bugenda bwigaragaza ukurikije ikigero agezemo. Iyo yasamwe, bakamutwita, bakamurera ndetse agakura mu buryo bwiza, byanje bikunze agenda agaragaza ubwo butunzi buhishwe muri we mu buryo buboneye kandi bujanye na buri kigero agezemo. Iyo imisamirwe ye, irerwa rye n'imikurire ye byagiye bigira inkomyi ntibigende neza, agira imyitwarire agaragaza ijyanye no kwangirika yagize.

Umunyezaburi amaze kwitegereza imirimo itangaza y'Umuremyi yariyamiriye aratangara agira ati: "Uwiteka warandondoye uramenya, uzi imyicarire yanje n'imihagurukire yanje...Ndagushimira yuko naremwe uburyo buteye ubwoba butangaza. Imirimo wakoze ni ibitangaza, ibyo umutima wanje ubizi neza...Nkiri urusoro amaso yawe yarandebaga, mu gitabo cyawe handitswemo iminsi yanje yose, yategetswe itarabaho n'umwe. Mana, erega ibyo utekereza ni iby' igiciro kuri jye! Erega umubare wabyo ni mwinshi! Nabibara biruta umusenyi ubwinshi." Zaburi 139: 1, 14-18. Arongera ati: "...Umuntu ni iki ko umwibuka, cyangwa umwana w'umuntu ni iki ko umugenderera? Wenze kumugira nk'Imana aburaho hato..."Zaburi 8:5-6

## **7.1. IBIGERO BY' IMIKURIRE Y'UMUNTU N'IBIBIRANGA**

Mu mikurire ya muntu agenda anyura mu bigero bitandukanye. Eric Erikson, inzobere mu byerekeye imyitwarire ya muntu, yashyize ahagaragara ibigero bigera ku munani uhoreye umuntu akivuka ukageza ashaje. Kuri buri kigero, umuntu agira ibyo ahangana na byo akabishobora, kandi agakubitana n'ibimurwanya bishya bimusaba kutirara. Buri kigero cyiyubaka gishingiye ku cyakibanjirije. Ibimurwanya cyangwa ibyo asakirana na byo twakwita nk'inkomyi, uburyo byigaragazamo bwose, bishobora kongera kugaruka mu buryo buteza ikibazo ku myitwarire y'ahazaza bitewe n'uburyo yabyitwayemo.

### **INSHAMAKE**

#### **Ibigero**

1. **Ikigero cy'ibyiringiro:** icyizere cyangwa agasuzuguro (0- amezi 18)
2. **Ikigero cy'ubushake:** ubushobozi bwo kugira icyo yimarira adategereje buri gihe bamufasha cyangwa kugira isoni no gushidikanya (amezi 18-imyaka 3)
3. **Ikigero cyo kwiyemeza:** kwibwiriza cyangwa guhorana igishinja ku mutima (imyaka3-imyaka6)
4. **Ikigero cy'ubushobozi :** Gukunda akazi cyangwa kwiyumvamo ko bose bakurusha nta cyo ushoboye (imyaka6-imyaka12)
5. **Ikigero cy'ubudahemuka :** kuba icyo uzaba cyo cyangwa kubura icyerekezo (gucanganyukirwa, kwibura) (imyaka12-imyaka20)
6. **Ikigero cy' urukundo :** kugira inkoramutima cyangwa kuba nyamwigendaho (imyaka20-imyaka34)
7. **Ikigero cy'ubushishozi :** Gutanga umusaruro cyangwa kutagira icyo wimirira (imyaka35-imyaka 65)
8. **Ikigero cy'ubunraribonye :** ubupfura cyangwa gutakaza

ibyiringiro (imyaka 65)

### **Dusobanukirwe buri kigero**

#### **7.1.1. Ikigero cy'ibyiringiro: icyizere cyangwa agasuzuguro (0- mezi 18)**

Muri iki kigero, umwana aba akeneye ababyeyi be, cyane cyane nyina kugira ngo abeho. Umunezero we mwinshi awugira iyo yonka akanagaburirwa. Uburyo yitabwaho na nyina muri icyo kigero, urukundo, ubwuzu, amugaragariza iyo amwitaho, bimuha icyizere cy'uko isi yavukiyemo irimo abantu bo kwiringirwa. Iyo rero ababyeyi badashoboye kuzuza inshingano zabo kuri we, akabura umutekano, ibyo akeneye by'ibanze ntabikorerwe, uwo mwana abona isi nk'ahantu hatita ku bandi, aho abantu badaha agaciro abandi ahubwo babasuzugura. Kutitabwaho kwe bizamutera na we kugira imyitwarire nk'iyo, ye kunyurwa, usange ari umwana urushya udaha agaciro abandi kuko na we atagahawe. Twibutse ababyeyi n'abarezi b'umwana wo muri iki kigero ko konka igikumwe ari ikimenyetso cy' ubwigunge. Ni igisubizo twakwita urushungandushyi (Imigani 31:7) rwo kumwibagiza imibabaro ye, gishobora kumutegurira kuzanywa itabi cyangwa ibindi biyobyabwenge atangiye gusoreka. Guhoza utuntu mu kanwa nka bombo n'ibindi usanga biranga bene uwo wahuye n'ikibazo cyo kutitabwaho.

#### **7.1.2. Ikigero cy'ubushake: ubwigenge cyangwa isoni no gushidikanya (amezi 18- imyaka 3)**

Ikibazo yibaza kuri iki kigero ni iki ngo: "**ese nshobora kugira ibyo nkora ntawe umfashije cyangwa nzajya mpora nkorerwa byose?**

Indangagaciro iranga iki kigero ni **ubushake**

Iki kigero kirangira umwana ashobora kuvuga ati: "**Ndi icyo nshobora kwikorera nisanzuye ntawe umfashije.**"

Iki kigero kirangwa n'ubushake bw'umwana bwo kwibohora ingoyi yo gukorerwa twose. Aha umwana aba atangiye kugenda, ashaka kwigaburira

wenyine, kwiyambika, kwijyana kwituma, kutisobaho no kugira utwifuzo tumwe na tumwe twe ashaka kunezeza. Iyo ababyeyi n'abamukikije muri rusange banejejwe n'uko yisanzura, bakamutera umwete aho kumucyana kubera kwangiza, kwiyanduza... iyo ashimiwe ibyiza bike yagezeho ku bwe, uwo mwana ntatinda kugira ubushobozi bwo kwikorera ibantu by'ibenze nta we ubimufashijemo, ndetse akagira n'ubushobozi bwo guhangana n'ibibazo.

Iyo ab'umuryango bakomeje kumurinda cyane no kumufasha buri kantu kose, bavuga ko atarakura, iyo bamucyahana ubukana kubera amakosa akora ashakisha uwigenge, iyo ntawe umutera umwete amwereka ko ibyo arimo ari bizima, muri we havuka gushidikanya, bikaba byanamuviramo kubireka. Iyo habayeho kumuseka ibyo yagiymo bimunaniye, bimutera isoni ndetse agatangira gushidikanya ku bushobozi bwe bwo guhangana n'ibibazo. Ntibitangaje kubona abantu bakuru bakunda kwivumbura kubera ko abandi baberetse ibitagenda mu byo bakora cyangwa bagatinya gukora ibantu runaka bumva nta bushobozi bifitemo, bishidikanyaho: benshi baba barangirikiye muri iki kigero.

### **7.1.3. Ikigero cyo kwiyemeza: kwibwiriza cyangwa igishinja ku mutima (Imyaka 3-imyaka 6)**

Ikibazo gikomeye umwana yibaza kuri iki kigero ni iki ngo: "**ese ndi umuntu mwiza cyangwa ndi mubi?**"

Indangagaciro iranga iki kigero ni **ukwiyemeza**

Iki kigero kirangira umwana yiyumvamo cyangwa arangwa ni ibi bikurikira: "**Ndi uwo nibwira ko nzaba we.**"

Kwibwiriza umwana aba yifitemo ni byo bimuha ubushobozi. Uyu mwana arangwa no gutanguranwa, gushaka kugera ku kintu mbere y'abandi, gupanga no kugira gahunda yo gutangira igikorwa. Ibi kandi bifasha cyane ubuzima bwo mu mutwe. Umwana atangira gusobanukirwa

isi imukikije, agira amatsiko menshi, amenya kuvuga neza, akagira n'ibyo amenya uko bikora ("ibantu bigwa bijya hasi si hejuru", "ibantu byibirungushuye birikaraga cyangwa biribirindura iyo bigenda"). Atangira gukora afite intego.

Kuri iki kigero umwana aba abaza utuntu twinshi ku byo yavumbuye, akenshi ibibazo bye biba biherekejwe n'akajambo kagendereye kumva niba mubyumva kimwe ("si byo mama? Si byo papa?"). Iyo hari ibimunaniye yiyumvamo ko ari we nyirabayazana, ibyo bigatuma agira igishinja ku mutima. Aha niho yitoreza inshingano nk'ubuyobozi kubera kwibwiriza. Inshuro nyinshi akina imikino yerekana ipica y'uwo ashaka kuzaba we (umupapa, umumama, umuganga, umushoferi, umupolisi, umuyobozi, umupasitoro...). Si byiza kwangiza cyangwa guhutaza ibikorwa bye mutabyumvikanyeho, kuko kuri we biba bifite ubusobanuro bwimbitse kandi bufatika. Iyo ubikoze utyo umutera urujijo, akiyumvamo ko ari umunyamakosa bityo agahorana igishinja ku mutima. Kuri iki kigero ni ho akorera imenyereza mwuga (pré-stage) ry'uwo azaba we akuze, kandi ibyo bigaragarira mu bikorwa bye bya buri munsi. Aha kandi ni ho umwana atangira kwerekana ko atinyutse, ashaka kwiyambutsa umuhanda wenyine, kugendera ku kagare ntawe umufashe...Haba ubwo kuri iki kigero umwana akoze ibigaragaza ko yishimiwe cyangwa ugasanga aramena ibantu, arata ibantu, arasakuza cyane, ahondagura ibantu nk'ikimenyetso cy'uko abangamiwe. Iyo ababyeyi n'abarezi bamushima, bakanamuyobora, umwana akura yibwiriza. Iyo bitabaye ibyo agira igishinja ku mutima agahora yicira urubanza ko ibyo ashaka n'ibyifuzo bye atari byiza.

#### **7.1.4. Ikigero cy'ubushobozi: gukunda umurimo cyangwa**

##### **kwiyumvamo ko ntacyo ashoboye bose bamurusha (imyaka 6-12)**

Ikibazo cy'ingenzi kuri iki kigero ni iki ngo: "**eše ndashoboye cyangwa nta cyo nshoboye?**"

Indangagaciro yacyo ni iyi: **Ubushobozi**

Iki kigero kirangira yiymvamo ibi bikurikira: "**Icyo nshobora gukora ni cyo cyerekana uwo ndi we.**

Ubushake bwo kugera ku ntego y'icyo azakora mu buzima bugaragarira mu mitsindire y'amasono. Iby'ishingiro byose aba abifite. Ahamukikije ashaka kuheraka ko ari umuntu ushyira mu gaciro, mwiza, ushyikirana kandi uzi gukora. Amerekezo n'ibihe aba abisobanukiwe. Ubu noneho azi gushyira mu gaciro biruseho kandi ashoboye gusobanukirwa n'igituma ibantu runaka bibaho (urugero: ku isi hari imbaraga rukuruzi ituma ibantu bigaruka ku butaka iyo ubitereye hejuru, igituma izuba rirenga ni uko isi izenguruka...). Ubu noneho yumva ko abantu batandukanye kandi ko bose badahuje umuco.

Yerekana ko ashaka ubwigenge ashira isoni, avugira aho batamureba cyangwa mu matamata, cyangwa yigira ishyano. Iyo umwana wo muri iki kigero ashimirwa ibyo yashoboye, agaterwa umwete mu byo akora, iyo ahawe igihe cyo gukorera imbere y'abandi umwitoto, agashushanya, akagira ibyo akorana n'urungano rwe, akandika inkuru, biba byiza kandi muri we havumbukamo impano zitangaje. Arihuta, ntatezuke, kandi gukora biramushimisha. Ibihabanye n'ibyo rero, iyo ahora ahabwa ibihano, cyangwa bakamumwaza, ntacyo ashobora buri gihe ategereza ababyeyi cyangwa abarezi: yiymvamo ko ari inyuma y'abandi kandi akunda kwigunga. Kugabanya imirimo buri wese akagira ibyo ashinzwe ari bubazwe bimuha ubushake bwo gukorana umwete yifuza kugaragara no gushimwa. Kutamushimira ibyiza yagezeho bimubera urucantege.

#### **7.1.5. Ikigero cv'ubudahemuka: kuba icyo uzaba cyo cyangwa kubura icyerekezo (gucanganyukirwa, kwibura) (imyaka 12-20)**

Ikibazo cyibazwa kuri iki kigero ni iki ngo: "**Ndi nde, ndagana he?**"

Indangagaciro y' iki kigero ni **ubudahemuka**.

Mu muryango mugari wa mwene muntu, yiyyumvamo ko afite  
**ingengabitekerezo** yawufasha.

Iki kigero kirangira umusore agaragaza **uwo ari we, umuntu ushobotse**  
**cyangwa umuntu utazi icyerekezo aganamo, waburiwe ifato.**

Umusore ugeze muri iki kigero aba ahangayikishijwe no kwibaza uko abandi bamubona. Arahindagurika cyane ku mubiri. Kwiyyumvamo ko ari igitangaza bituma yiyyemera, yerekana ko ibyiza biri imbere. Ni kuri iki kiraro cy'ubugimbi n'ubwangavu yambukira ava mu bwana ahinduka umuntu ukuze. Atangira gushyira ku munzani ibintu byose, ashakisha icyo azaba cyo n'umumaro azagira mu bihe biri imbere. Mu ntangiriro biramugora, abura icyo afata n'icyo areka, ugasanga agerageza utuntu twinshi, imyifatire inyuranye (rimwe aba ari mu basenga, ubundi mu bya politike...).

Usanga umusore wo muri iki kigero ahanganye n'urugamba rukomeye rwo guhuza "icyo ashaka kuba cyo" n "icyo abandi bamwitezeho." Ibyo yanyuzemo byose mu bwana n'uko ahazaza ahabona ni byo bimugira uwo ari we. Kimwe no ku bindi bigero imbaraga z'uko umubiri ukora, uko intekerezo zimeze n'uko aho ari (abo babana) hameze bigira uruhare mu kumugira uwo ari we.  
Rimwe usanga uyu musore afitanye amakimbirane n'ababyeyi, ku byerekeranye n'icyerekezo yafashe mu bya politike n'iby'iyobokamana. Haba ubwo abageze muri iki kigero bihitiramo icyo bazakora cyangwa se ugasanga ababyeyi ari bo babafatira ibyemezo. Hari n'ubwo usanga abasore bo muri iki kigero bahatirwa gufata icyerekezo runaka bakemera mu gihe abandi bo bazacyishakira bakacyigeragereza ku giti cyabo.

Uburyo bwose bukoreshwa kugira ngo ufate icyerekezo, si ikibazo kuko iyo ushoboye gushyira mu gaciro, ugashyira ku munzani ibyo ushaka n'icyo ushaka kuzabikoresha, byanzé bikunze uba uwo uri we. Aha ni

ho hagaragarira ubudahemuka nk'uburyo bwo gushyigikira uruhande rw'ukuri no kudatatira igihango igihe havutse urucantege n'ibitera urujijo, bitabura mu bantu, ku byerekeranye n'indangagaciro nyakuri. N'ubwo tuvuga ko iki kigero gisoza ku myaka 20, akensi usanga hari abayirenza bakiri muri iki kigero. Iki kigero kirangirana no kugaragaza uwo uri we ku bijyanye n'ibitsina. Indangagaciro cyangwa imyitwarire mibi wafashe muri iki kigero biragukurikirana no mu bihe bizaza.

#### **7.1.6. Ikigero cy'urukundo kugira inkoramutima cyangwa kuba nyamwigendaho (imyaka20-34)**

Ikibazo nyamukuru cyibazwa muri iki kigero ni iki ngo : "**Ese hari uwo twasangira ubuzima, cyangwa kwibana ni byo byiza?**"

Indangagaciro y'iki kigero ni **urukundo**.

Icyo hanze bateze ku muntu uri muri iki kigero : **gushinga urugo, umushyikirano**.

Iki kigero gitangira mu buryo bwiza iyo ikikibanziriza kiri mu murongo muzima. Ibi bice byombi bifite ahobihuriye cyane. Abakuze bakomeza kubaka abo bari bo binyuze mu mibanire yabo n'inshuti. Bahorana impungenge zo kuba babura ababiyumvamo cyangwa bagaterwa uwoba n'uko habaho gushwana no gutandukana kandi batashobora

kubyihanganira. Abamaze kuba abo bari bo by'ukuri, ni bo baba bashobora kugirana n'abandi umushyikirano wimbitse. Uwo mushyikirano ushabora kuramba (inshuti za bugufi, gushyingiranwa...) kandi ushabora no kurangwa n'ubwitange (kwitangirana) no kubahiriza amasezerano agenga iyo sano. Iyo muri iki kigero utiyumvamo ubushobozi bwo kugirana umushyikirano uhamye n'abandi, uba nyamwigendaho.

Iki ni cyo gihe cyiza cyo gushinga urugo, kandi ni na cyo gihe cyiza cyo kubyara. Amarangamutima y'umuntu uri muri iki kigero aba yerekera

cyane ku nkoramutima ze. Kuzitaho biramworohera, kuzumva no kuzitangira iba ari yo ntego.

### **7.1.7.Ikigero cy'ubushishozi: Gutanga umusaruro cyangwa kutagira icyo wimirira (imyaka 35-imyaka 65)**

Ikibazo cy'ingenzi uri muri iki kigero yibaza ni iki ngo : "**Ese hari icyo nagezeho kandi gifite agaciro ?**"

Indangagaciro y' icyo kigero : **Ubushishozi**

Icyo yitezweho kuri iki kigero : **Ububyeyi, uburezi ku bana, n'ibindi bisabwa n'umuryango mugari arimo.**

Igihangayika umuntu ugeze muri iki kigero, ni ugutanga umusaruro.

Indangagaciro yo gukora no kugira icyo ugeraho, kugira abana cyangwa kubifuza si byo byonyine biranga umuntu watanze umusanzu we.

Inshingano nyamukuru iba igenderewe mu iterambere, ni ugutanga inkunga yawe ku muryango mugari urimo no kubaka igisekuru cy' urwanda rw'ajo. Mu gukora agamije gutuma ubuzima bw'umuryango mugari buhinduka bwiza, mu kwagura umuryango we bwite, ni ho hagaragarira ko muri we, yifitemo intumbero yo gukora no kwiyubaka ndetse no kubaka izina ryiza.

Ibihabanye n'ibyo, iyo umuntu yirebaho gusa, ntagire ubushake cyangwa ngo yiymvemo ubushobozi bwo kuzamura umuryango we ndetse n'umuryango mugari, aradindira ntagire icyo yimarira ugasanga ateza ibibazo nk'ikizenga cy'amazi adatembwa. Kunyurwa kwe biba biri kure nk'ukwezi.

Dore urutonde rw'ibiba bigamijwe n'umuntu uri muri iki kigero, utaragize ikibazo cyo kwangirika mu bigero byabanje :

- ❖ Kwerekana urukundo nyakuri rurenze kuba imbata y'ibitsina

- ❖ Ubumwe hamwe n'uwo bashakanye
- ❖ Uburerere bw'abana bugamije gutuma bazagira icyo bimarira bakuze
- ❖ Kugira uruhare rw'ingenzi mu burere bw'abana
- ❖ Kwemera abana b'uwo bashakanye n'ab'inshuti ze
- ❖ Kugira umuryango wiyubashye
- ❖ Kumva unejejwe n'ibyo wagezeho ndetse n'ibyo mugenzi wawe yagezeho
- ❖ Gufata inshingano z'ababyeyi be bageze mu zabukuru
- ❖ Kuzuza inshingano zawe ku gihugu no ku muryango mugari arimo
- ❖ Kwakira imihindukire y'umubiri (imiterere, ingano, isura...)
- ❖ Gukoresha igihe cyose abonye abohotse, ahanga udushya
- ❖ Gukunda abandi

#### **7.1.8. Ikigero cy'ubunararibonve: Ubupfura cyangwa kubura**

##### **ibyiringiro (imyaka >65)**

Ikibazo kibazwa kuri iki kigero ni iki ngo: "**Ese koko nabayeho ubuzima uko bikwiriye?**"

Indangagaciro yo muri iki kigero: Ubunararibonye (**ubuhannyi**).

Iki kigero cya nyuma kirangwa no kwisubiramo. Uko tugenda dusaza dusubira ibwana ku byerekanye n'imishinga. Igihe cyo kuruhuka kubera iza bukuru kiba kigeze. Ni muri icyo gihe rero umuntu aba agiye gusubiza amaso inyuma, akareba ibyo yagezeho, byaba ari byiza agasazana ubupfura n'ubunyangamugayo, yaba ntacyo yageze cyangwa yarahemutse, akiheba, akagira umushiha no kwanduranya kubwo kubona ko ntacyo yamaze. Ibi bishobora kuba byatuma asaza agahinda gakabije, bimwe bita gupfana agahiri n'agahinda.

#### **7.2. BA ISOKO Y'UMUGISHA KU BAKUZENGURUTSE**

Binyuze mu mpano zitangaje zihishwe muri wowe, Imana umuremyi wacu igushakaho kuba isoko y'umugisha hano ku isi aho kuba isoko y'ibibazo ndetse n'umuvumo. N' ubwo waba waragize amateka atanejeje, birashoboka ko muri Yesu wayahindurirwa. Imibereho y'abasore b'intwari

muri Bibiliya, iduhamiriza ko bishoboka rwose kuba isoko y'umugisha ku babyeyi, ku bavandimwe, ku bazagukomokaho, ku muryango mugari ndetse no ku nyoko muntu muri rusange.

"Imibereho iboneye kandi itunganye ibonerwa muri Yesu Kristo ni yo yonyine ishobora kuguhindura ukabera abandi umugisha. Zirikana ko nta zahabu igira umumaro itabanje guca mu ruganda. Ni nako bimeze ku bifusa kubaho ari ab'igiciro, bafite amahoro ku Mana no kuri bagenzi babo. Kristo ni we ruganda dukwiye kunyuzwamo, ubushake bwacu bukazimirira mu bwe, imibereho ye igahinduka iyacu. Kugira imibereho iboneye biratwaranirwa. Ku bwacu na kamere yacu yangiritse ntidushobora kugera kuri iyo ntera. Ubushake bwacu bukwiriye kwegurirwa Imana, yo itubashisha gukubita hasi impaka n'ikintu cyose cyishyiriye hejuru kurwanya kumenya Imana, tugafata ibitekerezwa byose tukabigomororera Kristo. Ubwibone n' inarijye bikwiriye kubambwa, kugira ngo tubashe kwakira umutima wa Kristo. Mbese twiteguye gutanga ikiguzi cyose dushobora kubazwa?"

## **IGICE CYA 8**

### **KWIHANGIRA UMURIMO**

Nk'uko itegeko ry'Imana ribivuga, "Wibuke... mu minsi itandatu ujye ukora..." Kuva 20:8-9. Umurimo ni ikintu cy'ingenzi mu maso y'Imana. Yakoze mu minsi itandatu yose iruhuka umunsi umwe gusa (Itangiriro 2 :1-3). Adamu na Eva bakimara kuva mu biganza by'umuremyi, bategetswe guhingira no kurinda ingobyi ya Edeni (Itangiriro 2 :15). Nyuma yo gicumura na bwo Imana yabwiye Adamu ko gututubikana ko mu maso ye ariko kuzamuhesha umutsima (Itangiriro 3 :19). Bibiliya ikomeza iduhamagarira kwirinda ubute n'ubunebwe : Wa munyabute we, sanga ikimonyo witegerezze uko kigenza kandi ugire ubwenge.

Ntikigira umutware cyangwa shebuja, ariko gihunika ibiryo byacyo mu cyi, kandi mu isarura kikishakira ibigitunga. Uzasinzira ugeze ryari wa munyabute we ? Uzakanguka ryari ? Uti "Henga nsinzire gato nihweture kanzinya, kandi nipfunyapfunye nsinzire. Nuko ubukene buzakugeraho nk'umwambuzi, n'ubutindi bugutere nk'ingabo" (Imigani 6 :6-11). "Ibyo umunyamwete atekereza bizana ubukire..." (Imigani 21:5). Umurimo werekejeho amaboko uwukorane umwete kuko ikuzimu aho uzajya nta mirimo, nta n'imigambi uzahabona, haba no kumenya cyangwa ubwenge." (Umubwiriza 9 :10). "Mu gitondo ujye ubiba imbuto zawe, kandi nimugoroba ntukaruhure ukuboko kwawe... (Umubwiriza 11:6).

Kandi mugire umwete wo gutuza mutari ba kazitereyemo, mukoreshe amaboko yanyu nk'uko twabategetse, kugira ngo mugendane ingeso nziza ku bo hanze, mudafite icyo mukenny."( Abatesalonike 4:11)." "Kuko iki ari cyo twabategetse tukiri kumwe hamwe, ngo umuntu wese udakora ntakarye."(2Abatesalonike 3 :10).

Amaboko yicaye ubusa satani ayashakira umurimo. Kandi nk'uko twabibonye mu bice bibanza, kudakora ntibigabanya gusa ubushobozi bwo gutekereza ahubwo n'ubupfura burasingira. Imyakura ikora neza iyo dukora bityo bigatuma ubwenge n'ubupfura byiyongera. Ni na bwo umubiri ugira ubudahangarwa umuntu ntarwaragurike.

## **8.1. UMUSORE N'INKUMI RWIYEMEZAMIRIMO**

### **8.1.1.Rwiyemezamirimo ni muntu ki ?**

Rwiyemezamirimo ni umuntu ufite nshorenunguke yahanze cyangwa yaguze n'abandi, agakora ku buryo ayibyaza inyungu, atibagiwe umuryango we, akibuka ko ari umuturage ufite inshingano akwiye kubahiriza, ndetse ntasubize inyuma mu rugero rukwiye imibereho ye nk'umuntu (gusenga, kwidagadura, gusura inshuti n'ibindi) ku buryo

byose ntakibangamira ikindi bitewe n'uko abyifuza.

### **8.1.2. Kuki ngomba kuba rwiyemezemirimo?**

Kwibaza ngo kuki ngomba kuba rwiyemezemirimo ni nko kwibaza ngo "kuki ngomba kubaho?" Byagaragaye ko muri iki gihe umuntu adashobora kubaho nta mafaranga, ndetse uko bukeye n'uko bwije agenda arushaho gukenerwa. Ibiyatwara bigenda birushaho kuba byinshi : kurya, kwambara, kwivuza, icumbi, amashuri, kubaka, n'ibindi.

Ubuzima burakomeye kandi n'impinduka z'iterambere ntizibworoheye. Kubaho birasaba kureba kure, gutekereza neza, gushakisha ubutarambirwa no kwigomwa. Rwiyemezemirimo afata icyemezo cyo gushinga nshorenunguke kugira ngo abone uko yiteza imbere ahindure imibereho ye.

### **Banza wimenye**

Fata akanya wibaze ibi bikurikira : mbese mfite ubuhe bushobozi ? Ni iki kingora? Ingufu zanje ni izihe ? Ese nashobora kuba rwiyemezemirimo koko ? Naba nkurikiye izihe ntego ?

Kugirango utangire nshorenunguke iguhe inyungu ku buryo buhoraho si uguhubuka, ni ngombwa kubyitondera, bisaba ingufu nyinshi n'ubushobozi, ndetse n'ubushishozi. Bisaba kumenya icyo ugamiye, kwiha intego, kandi ukaziharanira. **Icyo ugomba kumenya ni uko nta muntu utagira icvo ashoboye cyamubeshaho.** Ahubwo benshi ntibamenya kwisuzuma neza ngo bamenye ingufu zabo n'intege nke zabo, bityo bakore ibyo bafitiye ubushobozi n'ubushake, bibabereye.

Bensi batinya kuba rwiyemezemirimo kubera ikibazo cy'amikoro **amikoro shingiro ni wowe ubwawe, ibindi ni umugerekah.** Ubwenge bwawe, uko ushyira mu gaciro, icyizere n'urugwiro wereka abakugana, ibyo byose bigaragaza ko ari wowe buye fatizo rya nshorenunguke yawe.

Uri imashini idashobora gusimburwa. Menya ko udahari cyangwa ubaye ujegajega nta cyo wageraho. Isuzume wimenye.

Menya kuri ibi bikurikira:

- ❖ Intego zawe za hafi ni iza kure ni izihe ?
- ❖ Ingufu n'intege nke byawe;
- ❖ Ubumenyi n'ubushobozi ufite byatuma uba rwiyemezamirimo uhamye;
- ❖ Ubumenyi ufite mu byo gucunga nshorenungle;
- ❖ Uko wumva rwiyemezamirimo ntangularugo;
- ❖ Uko wafatanya inshingano ufite mu buzima busanzwe no kuba rwiyemezamirimo;
- ❖ Ese ukunda kuba rwiyemezamirimo cyangwa urabitinya?

### **8.1.3. Ibiranga rwiyemezamirimo ntamakemwa**

**Ingingo z'ingenzi zo kwisuzuma ngo urebe ko ushobora kuba rwiyemezamirimo nyakuri**

**A: buri gihe; B: kenshi na kenshi; C: rimwe na rimwe; D: nta na Rimwe**

Niba ufite inyuguti nyinshi za C na D, ibaze neza impamvu, urebe neza niba utibeshyeye. Nusanga ari ukuri, urebe niba ushobora kwikosora n'icyo bigusaba ngo ubone amanota ya A cyangwa B.

Na ho niba ufite inyuguti nyinshi za A na B, ufite impano yo kuba rwiyemezamirimo, ugomba guhita utangira nshorenguke niba ntayo ufite.

#### **Ingingo z'ingenzi zo kwisuzuma**

Nº	<b>Uko nitwara</b>	<b>amanota</b>			
		<b>A=4</b>	<b>B=3</b>	<b>C=2</b>	<b>D=1</b>
<b>1</b>	Nigirira icyizere				
<b>2</b>	Singira ubwo nshika integer				
<b>3</b>	Kuri njye, amafaranga ni urugero fatizo kubyo nkora				
<b>4</b>	Ndeba kure				
<b>5</b>	Nshakira buri kibazo imiti yihariye Ikibereye ntarambiwe, nkagerageza Kutarengwa n'ibibazo				

<b>6</b>	Mpitamo gushora imari mu Bikorwa byo mu gihe kizaza, aho Kuyinezamo mu buzima bwa buri ndigomwa				
<b>7</b>	Simfa kwishora mu bintu ntabaze neza, kandi nta kinshika mbona cyangirira akamaro				
<b>8</b>	Iyo nsinzwe cyangwa mpombye sinshika intege				
<b>9</b>	Ngerageza kumenya uko abaza bangana bambona				
<b>10</b>	Ndibwiriza kandi nkiha inshingano, Nkishimira uruhare ranjye				
<b>11</b>	Niha intego n'indoto bisobanutse kandi nkabitsimbararaho				
<b>12</b>	Nkoresha abanda nziko nta muntu ushobora byose				
<b>13</b>	Mfata uwo twashakanye nk'ingufu nakwifashisha nkirinda kugirana na we ibibazo				
<b>14</b>	Mpora nshakisha uko narushaho gutera imbere				
<b>15</b>	Nihanganira ingorane nahura na zo mu kazi uko zaba zimeze kose				
<b>16</b>	Nkora uko nshoboye nkamenya ibiraho, ngahorana amakuru ajyanye n'akazi kanjye				
<b>17</b>	Ngerageza gukora byinshi neza kandi vuba ntasesaguye				
<b>Igiteranyo</b>					

## 8.2. NSHORENUNGUKE

Nshorenunguke ni ijambo ryagarutse kenshi mu byavuzwe haruguru. Ni ngombwa rero kumenya ubusobanuro bwaryo kuko ari ryo pfundo ryo kuba rwiyemezamirimo.

### 8.2.1. Nshorenunguke ni iki? Itaniye he n'umushinga?

Umushinga ni igikorwa umuntu ku giti cye, ishyirahamwe, Leta mu nzego zayo zinyuranye cyangwa n'amahanga atekereza gukora mu gihe kizaza, kugira ngo gikemure ibibazo by'umuntu ku giti cye cyangwa iby'abantu bensi mu rwego rw' ishyirahamwe, akarere, intara, igihugu, cyangwa amahanga.

Umushinga uwo ari wo wose uba ufite ikibazo ushaka gukemura. Muri

rusange imishinga imara igihe gito.

**Urugero:** gukora imihanda, gukingira, kuzana amazi n'ibindi.

Nshorenunguke ni igikorwa umuntu ku giti cye cyangwa ishyirahamwe bakora bagamije mbere na mbere inyungu y' imari kuri bo bahereye ku bibazo biri mu karere.

Iyo igikorwa kitarashyirwa mu ngiro kiba kikiri umushinga. Iyo ugishyize mu bikorwa gihinduka nshorenunguke. Rwiyemezamirimo aba agomba gutangira kubara ku buryo nta cyononekara, ibantu byose bigakoreshwa neza.

**Ingero za nshorenunguke:** gucuruza ubuconsho, gukora imitobe mu mbuto, ubudozi bw'imyenda, ambara uberwe n'ibindi.

### **8.2.2. Intambwe za nshorenunguke**

Nshorenunguke igira intambwe 8 zikurikira:

1. Gusesengura ibibazo
2. Gukusanya ibitekerezo
3. Gusesengura ibitekerezo
4. Kwiha intego
5. Gushyira nshorenunguke mu nyandiko
6. Gukora gahunda ya nshorenunguke
7. Gushyira gahunda ya nshorenunguke mu bikorwa
8. Gukurikirana no gusuzuma nshorenunguke.
9. Kwegurira Imana ubushake n'ubutunzi bwawe.

#### **8.2.2.1. Gusesengura ibibazo**

Menya ko nshorenunguke nziza ari ikemura ibibazo byagaragaye ku muntu ku giti cye, ndetse no mu karere. Ni yo mpamvu mbere y'uko ugira igitekerezo cyo gushinga nshorenunguke ubanza kwiga ibibazo biri mu karere ushaka gukoreramo ni ukuvuga ibyo abahatuye bakeneye

kandi bashobora kugura mu buryo bufatika kandi mu mikoro bafite.

#### **8.2.2.2. Gukusanya ibitekerezo**

Mu gukusanya ibitekerezo, hari ibyo ubanza kwibaza ubwawe, hari n'ibindi utara mu bandi: abaturanyi, impuguke mu bijyanye no kuba rwiyemezamirimo, abakora nshorenunguke nk'iyawe, inzego zinyuranye zikora imishinga n'ahandi.

#### **8.2.2.3. Gusesengura ibitekerezo**

**Ni ngombwa kwiga isoko:** ibyo uzacuruza, aho abazakugurira bazava, ba mukeba ufile ( abo mucuruza bimwe) n'uburyo uzapiganwa na bo. Ibi biragusaba kumenya ibizagutandukanya na bo mu mikorere ku buryo uzabarusha kwireherezaho abaguzi mutanduranije. Ese uzamamaza igicuruzwa cyawe ute? Uzacururiza he? Ni nde uzagucururiza? Ni ibihe bikoresho bikenewe? Ubushobozi bukenewe bungana iki? Ibiteganywa gukorwa ni ibiki ngo nshorenunguke itangire? Bifite akahe gaciro? Ese uzakora wenyine cyangwa ntiwhagije uzafatanya n'abandi? Uzasabwa ibihe byangombwa kugira ngo utangire? Ese nshorenunguke yawe izagira inyungu? Ni izihe ngaruka zishobora guturuka kuri nshorenunguke yawe? Uzazirinda ute?

#### **8.2.2.4. Kwiha intego**

Dore zimwe mu ntego ushobora kwiha:

Kurihira abana amashuri, kwiyubakira inzu nyuma y'imyaka itatu...Ibi bikorwa byatwara amafaranga angana iki? Ese nshorenunguke nteganya yayunguka?

Dore ibindi bibazo by'ingirakamaro ukwiye kwibaza:

- Nizeye kunguka iki muri iyi nshorenunguke?
- Iyi nshorenunguke izamarira iki akarere? Izakemura ibihe bibazo?

-Ni ayahe mizero mfite ko iyi nshorenunguke izangeza ku byo nifuza?  
Si byiza gukurikira abandi ngo ni uko ubona bakora. Ihe intego kandi  
ushakishe inzira zose zatuma uzigeraho.

#### **8.2.2.5. Gushyira nshorenunguke mu nyandiko**

Gukora nshorenunguke utabanje kuyishyira mu nyandiko ni nko  
kugenda uhumirije. Kuri rwiyemezemirimo dore icyiza cyo gushyira  
nshorenunguke mu nyandiko:

- ❖ Yirinda ibizamuhombya: ibidakenewe, ibirenze amikoro ye n'ay'abo nshorenunguke igenewe.
- ❖ Ashobora guhitamo nshorenunguke ibyara inyungu ihagije;
- ❖ Ashobora guhitamo nshorenunguke inogeye benshi; mu Gihe cyiza, ahantu nyaho, ibiciro nyabyo.
- ❖ Atekereza ku micungire yayo: amenya ibikoresho afite, imari ashobora gushora, n'abakozi ashobora gukenera akurikije isoko afite.
- ❖ Yifashisha iyo nyandiko mu gusaba inkunga cyangwa inguzanyo. Ku ruhande rw'utanga inkunga cyangwa inguzanyo, iyo nyandiko arayikeneye kugira ngo ahitemo ikwiye inkunga cyangwa inguzanyo.
- ❖ Hakenewe kureba niba koko iyo nshorenunguke izashobora kwishyura inguzanyo.
- ❖ Hasuzumwa n'akamaro ka nshorenunguke kuri nyirayo, bityo abaterankunga bafasha mu guhitamo ifite amahirwe kurusha izindi mu myungukire.

#### **Dore ingingo z'ingenzi zakwibandwaho mu gushyira nshorenunguke mu nyandiko:**

Izina rya nshorenunguke riba umutwe w'inyandiko

- 1° Umwirondoro w'ishyirahamwe cyangwa umuntu ku giti cye
- 2° Ibisobanuro rusange kuri nshorenunguke
- 3° Isoko
- 4° Amafaranga azakenerwa muri nshorenunguke
- 5° Aho amafaranga azakenerwa muri nshorenunguke azaturuka
- 6° Ingwate zizatangwa ku nguzanyo n'agaciro kazo
- 7 Gahunda yo kwishyura

## 8° Umwanzuro

### **8.2.2.6. Gukora gahunda ya nshorenunguke**

Nyuma yo gushyira nshorenunguke mu nyandiko, ukora gahunda yo kuyishyira mu bikorwa, upanga neza ibikorwa byawe uko bizakurikirana. Aha bituma umenza buri kintu ku bijyanye n'ibikorwa bya nshorenunguke yawe, abashinzwe imirimbo iyi n'iyi, igihe amafaranga ukeneyeye azabonekera, n'ibindi.

Aho gukora nta gahunda wabyihorera kuko akensi byaguhombya, nta musaruro bitanga.

Buri mwaka rwiyemezamirimo, ahereye ku mikorere y'umwaka ushize, agomba gutegura gahunda azakurikiza. Ateganya inyungu yifuza kugeraho, n'uko yazayigeraho. Bisaba ko yibaza ingano y'ibyo yagurisha, abakozi yakoresha, ibikoresho yakenera, imari yakenera, niba abamugemurira ibicuruzwa baziyongera n'abo ari bo, yibaza kandi niba azakomeza gukorera aho yakoreraga.

### **8.2.2.7. Gushyira gahunda mu bikorwa**

Nyuma yo gukora gahunda ya nshorenunguke, rwiyemezamirimo yihatira kuyishyira mu bikorwa adakererewe kuko igihe cyatakaye kiba kitakigarutse. Kandi erega igihe ni amafaranga! Ni byiza kwihatira gushyira mu bikorwa ibantu uko wabiteguye ukabihindura ari uko ubifitemo inyungu kandi nabwo ukabigaragaza mu nyandiko.

### **8.2.2.8. Gukurikirana no gusuzuma**

Ni ngombwa gusuzuma buri munsi kuri nshorenunguke nto, kugira ngo amakosa agende akosorwa umunsi ku wundi. Ariko bitewe n'ubushobozu ufite byaba byiza wisuzumye buri cyumweru, buri

kwezi na buri gihembwe. Kwisuzuma buri mpera z'umwaka byo ni itegeko. Kwisuzuma bigomba kuuyana n'ingamba zo kunoza imikorere n'iz'ivugurura mu gushaka abakiriya, ibicuruzwa no mu kugabanya itubyamutungo.

Usuzuma nshorenunguke yawe, ureba ko intego wihaye yagezweho, ukamenya amakuru ajyanye na gahunda zitaha, n'akamaro nshorenunguke yagize ku byari biteganijwe.

Gusuzuma nshorenunguke bishobora gutuma uyisubiramo ngo ijyane n'igihe, cyangwa uga tangira bundi bushya ugakora ibindi byatuma wunguka kurushaho. Ibyo kandi bituma wongera gusubira ku ntambwe ya mbere yo gutangiza nshorenunguke.

#### **8.2.2.9. Kwegurira Imana ubushake n'ubutunzi bwawe**

"Uwiteka iyo atari we wubaka inzu abayubaka baba baruhira ubusa. Uwiteka iyo atari we urinda umudugudu, umurinzi abera maso ubusa. Bibaruhiriza ubusa kuzinduka kare, mugatinda cyane kuruhuka, mukarya umutsima w'umuruho, ni ko aha uwo akunda ibingana bityo agisinziriye." (Zaburi 127:1-2). "Ikoreze Uwiteka urugendo rwawe rwose, abe ari we wiringira na we azabisohoza." (Zaburi 37:5). "Uwiteka aramira abagwa bose. Yemesha abahetamye bose.

Amaso y'ibintu byose aragutegerezza, nawe ukabigaburira ibyo kurya byabyo igihe cyabyo. Upfumbatura igipfunsi cyawe, ugahaza kwifusa kw'ibibaho byose." (Zaburi 145:14-16). "Ni jye nyir' inama no kumenya gutunganye, ni jye muhanga kandi mfite ububasha. Nkunda abankunda, kandi abanshakana umwete bazambona. Ubukire n'icyubahiro biri iwanjye, kandi ubutunzi buhoraho, no gukiranuka na byo. Imbuto zanjye ziruta izahabu, ni ukuri ziruta izahabu nziza, kandi indamu yanjye iruta ifeza y'indobanure. Ngendera mu nzira

yo gukiranuka no mu nzira y'imanza zitabera, kugira ngo ntungishe abankunda, nuzuze ububiko bwabo."(Imigani 8:14-21).

Iyi mirongo hamwe n'indi myinshi ntarondoye, iratwibutsa ko imigisha yose iva ku Mana. Iyi ni yo mpamvu nyamukuru ikwiye gutuma rwiyemezamirimo yegurira Imana ubushake bwe, agashimisha Imana ubutunzi bwe.

### **IMBERE Y'INTEBE Y'URUBANZA**

1. Ubwo nzahagarara imbere y'intebe y'urubanza y'Imana  
Umwami Mana akabumbura igitabo cy'ubugingo  
Izina ryange rikabura aho ryagombye kuba  
Kuba ryarabonetse ku madiplome menshi  
Amafoto yanje akaboneka mu bitangazamakuru byinshi  
Nkaratwa n'abayobazi benshi  
Ibyo byubahiro byose bizamarira iki?

2. Ibyiza byose byo mu isi biramutse ari ibyanje  
Nkagira amafaranga aruta aya abakire bose  
Ndamutse nkikijwe n' ibinezeza byose  
Nkaba narabayeho mu mudamararo gusa  
Ibyo byiza byamarira iki icyo gihe  
Ubwo nzaba nkatiwe n'umucamanza  
Ibinezeza n'umudamararo bizamarira iki  
Ubwo nzaba mpagaze amara masa, si ukujugunyuwa mu muriro

3. N'ubwo naba nshyigikiwe n'abampimbaza benshi  
Abasore bose beza banyifuza  
N'ubwo naba ngoswe n'inshuti zitagira ingano  
Igikundiro cyanje kireshya bose  
Abafana benshi bamarira iki

Ubwo nzaba mpagaze jyenyine ntengurwa  
Imbere y'umucamanza utabera  
Ninde muri bo uzemera kumperekeza mu muriro utazima

4. Dore none ni wo munsi wo Gukirizwamo

Ijwi ry'umukiza rirampamara  
Ndemera kumusanga icyo byansaba cyose  
Nakire urukundo n'imbabazi ze ubu ngubu  
Ibyaha byanje bihanagurwe  
Maze imigisha y'ijuru imbere ubutunzi  
Ubuzima bwanje bwose mbumwegurire  
Mukunde kuko ari we wabanje kunkunda.

*Nkolbisson*

## **IBITABO BYIFASHISHIWE**

Cloutier, Richard et Renaud André, Psychologie de l'enfant, Gaëtan Morin, Québec, 1990.

Ellen G. White, Inama zigirwa itorero igitabo cya 2, Itorero ry Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi mu Rwanda, Kigali.

Ellen G. White, Kugana Yesu, Itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi mu Rwanda, Kigali.

Ellen G. White, Umwiteguro w'imvura y'itumba, Itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi mu Rwanda, Kigali.

Erikson, Erik, Adolescence et Crise: La quête de l'identité, Flammarion, Paris, 1972.

Erikson, Erik, Enfance et société, 2e édition, Delachaux et Niestlé, Neuchâtel, 1966.

Erikson cité par Houde, René, Les temps de la vie, préface de J. Linguirand, 2e édition, Gaëtan Morin, Québec, 1991.

Godhalber, Dale, Psychologie du développement, éditions Etudes Vivantes, Québec, 1988, page 172.

Houde, René, Les temps de la vie, préface de J. Linguirand, 2e édition, Gaëtan Morin, Québec, 1991.

HOUDE Renée, Les temps de la vie. Le développement psychosocial de l'adulte selon la perspective du cycle de vie, Paris, rééd. 1986.

Julian Melgosa, les adolescent et leur parents, safeliz, 2010

Julian Melgosa, Un esprit positif, Guide pratique pour affronter les

réalités quotidiennes, Safeliz, 2011.

Larivey, Michelle, «La conquête de l'autonomie», Magazine électronique "La lettre du psy", vol. 5, no 2, février 2001.

uice Tièche, Les guides pratiques de la vie, Guide pratique d'éducation familiale, SdT. 77190 Dammarie les Lys, France, 1979.

Pierre Lanares, les secrets de l'amour, Paris, 1975.


Testimoni di Geova, Via della Buufalotta 1281, Les jeunes s'interrogent Réponses pratiques, Rome, 2003

Tordjman, Gilbert, Réalités et problèmes de la vie sexuelle -Adolescents Hachette, Paris, 1978, pages 81,82.

Whitehead Evelyn Eaton Whitehead James D., Les étapes de l'âge adulte. Evolution psychologique et religieuse, Paris 1990, de l'anglais Christian Life Pattern, New-York, 1979.

Urayeneza Gérard, Hahirwa usoma, 1984.

Zacharias Tanee Fomum, Jouir du choix de ton conjoint, Christian publishing house, 1984.



Madame NYIRAMUKIZA Dative  
yavukiye mu Ntara y'Amajyepfo  
mu Karere ka Nyanza mu mwaka  
1972. Arangije amashuri abanza muri  
URG Rushoka, yize amashuri yisumbuye  
mu ishuri ry'ababyeyi rya GITWE  
(ESAPAG) aho yarangirije mu  
ishami ry'inderabarezi mu mwaka  
wa 1993. Yabaye umurezi mu  
bigo bitandukanye by'amashuri abanza,  
yigisha no mu ishuri ryisumbuye  
rya ESAPAG.

Yashyingiranywe na Pastor NTAMPAKA Reuben mu mwaka wa  
1997, ubu bafitanye abana b'abahungu n'umukobwa  
Yarangije icyiciro cya kabiri cya kaminuza muri Kaminuza nkuru y'u  
Rwanda I Butare mu ishamyi rya Psychologie Clinique mu mwaka  
wa 2010. Yakunze gufatanya n'umutware we mu guhugura urubyiruko  
n'imiryango. Kubera guha agaciro gakomeye umuryango yakunze  
gusoma ibitabo binyuranye bivuga iby'umuryango ari na byo byatumye  
atekereza kwandika iki gitabo "INZIRA Y'UBUSORE BUNEJEJE"  
cyo guhugura abasore, abarezi ndetse n'ababyeyi. Ubu ni umunya-  
mabanga mu ishuri ryisumbuye rya GISENYI ADVENTIST  
SECONDARY SCHOOL(GASS) riri mu mujyi wa Rubavu